

IVUGABUTUMWA RIFATA IYAMBERE

(PIONEER EVANGELISM)

**Gukomeza Amatorero no gutangiza andi mashya
yibeshaho akoresheje uburyo bw'Isezerano Rishya**

THOMAS WADE NA BARBARA AKINS

Cyahinduwe mu Kinyarwanda na:
Pastor Bernardin Munyankindi

© Copyright

Junta de Missões Nacionais
Convenção Batista Brasileira
Rua Gonzaga Gastos, 300
Rio de Janeiro, R.J. 20-541-000. Brazil

All rights reserved.

Gukoporora iki gitabo uko cyakabaye cyangwa ibice bimwe byacyo, biremewe iyo ntacyo uhinduraho na kimwe mu byanditsemo.

Cyagiye gisohoka mu icapiro mu rurimi rw'igiporugali mu buryo bukurikira:

1991	ibitabo 1.200
1992	ibitabo 2.800
1993	ibitabo 2.000
1994	ibitabo 10.000
1995	ibitabo 10.000
1997	ibitabo 10.000
1999	ibitabo 10.000

IGITERANYO: ibitabo 46,000

Uko cyagiye gisohoka mu icapiro mu rurimi rw'icyongereza:

1995	ibitabo 1.000
1999	ibitabo 5.000
2000	ibitabo 4.000

Uko cyagiye gisohoka mu icapiro mu rurimi rw'icyespanyoli:

1999	ibitabo 3.000
1999	ibitabo 10.000
2006	ibitabo 10,000

Ubundi cyanditswe mu rurimi rw'igiporugali gisohoka bwa mbere cyitwa
Evangelismo Pioneiro.

Igifuniko cyacyo cy'inyuma cyateguwe na: Rogerio Freitas de Oliveira

Cyatangiye guhindurwa mu cyongereza na: Christy Akins Brawner

Cyashojwe neza na: Juan Alberto Galvis

Cyashyizwe mu buryo bwa elektronike na: Reynaldo Amaral

IJAMBO RY'IBANZE

“Kuko igihe kizaza, batazihanganira inyigisho nzima, ahubwo, kuko amatwi yabo azaba abarya yifuza kumva ibibanezeza, bazigwiriza abigisha bahuje n'irari ryabo; kandi baziziba amatwi ngo batumva ukuri, bazayoba bakurikize imigani y'ibinyoma. Ariko wehoho wirinde muri byose, wemere kurengana, ukore umurimo w'umubwirizabutumwa bwiza, usohoze umurimo wawe wo kugabura iby'Imana .”
2 Timoteyo 4:3-5

Muri iki gihe, isi ishishikajwe n'ibitabo by'inkuru zo kwishimisha, nk'uko n'ubundi byahozze mu binyagihumbi bibiri bitambutse. Kwandika igitabo ku ivugabutumwa –ari yo nshingano nyayo ya buri muntu wese imbere ya Yesu Kristo- ubwabyo ni umurimo ukomeye.

Uyu murimo ndetse urushaho gukomera iyo Ivugabutumwa rifashe iyambere. Nta butunzi buhambaye bukoreshwa, ntibigombera kuba uri intiti cyangwa kugira ubundi buhanga bushya butigeze kuboneka mbere. Intego y'Ivugabutumwa aho ritigeze ni ukugira ngo buri muntu wese agere ku gusobanukirwa ko Yesu Kristo ari we akeneye mu bugingo bwe mbere na mbere, ko ibindi byose biza ari inyongera.

Dogiteri Akins yageze ku ntambwe ishimishije mu gukurikirana uwo mugambi. Yabikoze mu buryo bwe bwihariye, kandi kuko abifitiye n'ubushobozi nk'umuntu w'inzobere nka we.

Itegeko rya Bibiliya ritugeraho rifite imbaraga nk'izo ryari rifite igihe Timoteyo yarihabwaga: “Ukore umurimo w'umubwirizabutumwa bwiza.”

Biroroshye kandi ntibiziguye. Mbese nk'ubutumwa bwiza ubwabwo.

Pr. Ivo Augusto Seitz, General Secretary:
Brazilian Baptist National Missions Board

IVUGABUTUMWA RIFATA IYAMBERE
Ibirimo

Ijambo ry'ibanze.....	3
Gushimira.....	7
Ubusobanuro.....	9
Uko igitabo Ivugabutumwa Rifata iyambere gikoreshwa.....	9
Amahame: Amahame ya Bibiliya mu ivugabutumwa, Guhindura abantu abigishwa no Gushinga Amatorero.....	10
Uburyo:Uko watoza itsinda ryawe.....	40
Muri “Ubwirize”.....	41
Guhindura abantu kuba abigishwa.....	46
Gutegura:Ingamba zo kwikuba kenshi.....	69
UMUGEREKA.....	83
Umuvugabutumwa ufata iyambere n’uburyo bwo kwiga Bibiliya mu rugo nta bitabo byo kwigishirizamo ufite.....	84

Cyanditswe na: Thomas Wade afatanyije na Barbara Akins

E-mail address: wade.akins@pobox.com

Home Page: <http://www.pioneerevangelism.org>

Copyright: Junta de Missoes Nacionais
Convencao Batista Brasileira
Rua Gonzaga Gastos, 300
Rio de Janeiro, R.J. 20.541-000 Brazil

All rights reserved. Gukoporora iki gitabo uko cyakabaye cyangwa ibice bimwe byacyo, biremewe iyo ntacyo uhinduraho na kimwe mu byanditsemo cyangwa ngo ubicuruze.

TURIBUKA

Sherry Deakins Akins ni we muntu w’ibanze Imana yakoresheje mu gutera umwete Thomas Wade Akins kugira ngo atangize anateze imbere gahunda y’Ivugabutumwa rifata iyambere muri Brazil. Kwandika icyo gitabo, gutangiza iyo gahunda no kuyikomeza byasabaga Thomas Wade amasaha menshi yo kuba wenyine hirya y’umuryango we; ibyo rero byatumye arwana intambara zikomeye zo gushaka kubivamo. Umugoroba umwe aganira n’umufasha we Sherry amubwira uko yumva yabireka, Sherry aramubwira ati, “Thomas Wade, ugomba gukomeza, uyu murimo ni uw’Umwuka Wera”. Gahunda y’Ivugabutumwa rifata iyambere yarakomeje itera imbere buhoro buhoro, uretse no muri Leta ya Minas Gerais, Brazil aho bari batuye ari naho bakoreraga, ahubwo yaragutse ikwira igihugu cyose cya Brazil kuva mu mwaka w’1989. Sherry yatanze ubuzima bwe kubw’uyu murimo. Nuko rero aza kurwara indwara ari nayo yabaye igare rye, indwara yitwa Schleroderma ituma mu bihaha, mu mara no mu yindi myanya ikomeye y’umubiri haza ibintu bimeze nk’ubudodo. Ibyo byamenyekanye muri Nzeri 1992.

Bamubajije niba ashaka kuva muri Brazil burundu akisubirira muri Leta Zunze ubumwe z’Amerika kubana n’umuryango we, Sherry yashubije muri aya magambo, **“Intego y’ubuzima bwanjye ni uguhesha Yesu Kristo icyubahiro haba mu kubaho cyangwa mu gupfa kwanjye. Imana yaduhamagaye muri Brazil, ndashaka kuhaguma”**.

Italiki 4 Ukuboza, 1993 niho Sherry yagize atya mu kanya gato aba ararabye agwa mu rugo rwabo ahitwa Belo Horizonte, Minas Gerais, muri Brazil. **Sherry mu byukuri ni umuntu wabayeho akora ubushake bw’Imana anapfira mu bushake bwayo!**

Wowe se?

Abo ngituye

*Iki gitabo kuri iyi ncuro yacyo mu icapiro, ngituye umugore wanjye mukundwa utagira uko asa **Barbara Ann Hawthorne**, wambereye impano ituruka ku buntu bw'Imana. Ibiri muri iki gitabo ntabwo kuri Barbara ari ibyo asoma mu nyandiko gusa kuko Imana imukoresha cyane ari mu kuzana abantu kuri Yesu ari no mu gushinga amatorero. Imana yaduhaye umugisha wo kutwemerera gukorana mu gutoza abandi mu Ivugabutumwa rifata iyambere, mu biterane by'amahugurwa dukora muri Brazil no mu bindi bihugu bitandukanye byo mu isi.*

Thomas Wade Akins

Gushima

Iki gitabo cy'amahugurwa n'icyari gushobora kuzabaho, iyo ntaza guhura n'umuporofeseri wanjye w'ibyerekeranye na za misiyo n'ivugabutumwa, **Dogiteri Cal Guy**, ngo ahindure ubuzima bwanjye. Dogiteri Guy n'inyigisho ze yakozwe ku bugingo bwanjye cyane ku buryo nyuma y'imyaka itatu namaze nigira ku birenge bye muri Seminari ya Southwestern, nasize itorero rikomeye narimfite mu murwa mukuru w'igihugu cyanjye, nkajya mu ivugabutumwa muri Brazil. Amabaruwa ye ya buri gihe yanyandikiraga n'amasengesho yansengeraga yambereye umugisha cyane kandi Imana yarayakoresheje cyane mu kunkomeza mu bihe bikomeye. Ibitekerezo bye n'inyumvire ye mbigarukaho kenshi muri iki gitabo. Kandi na none ndashima byimazeyo abaporofeseri banjye banyigishije muri Koleji ya Louisiana, muri Seminari ya New Orleans, no muri Seminari ya Southwestern. Mu bumenyi nungukiye muri aya mashuri atandukanye, nize uburyo bwo gukora ubushakashatsi n'ukuntu umuntu yategura imishinga.

Ndashimira cyane **Dogiteri Dennis Blackmon** kuba yaramfashije kugera ku byinshi mu bitekerezo biri muri iki gitabo, ndetse akaba yarananteye inkunga ampa inyandiko ze ku byerekeye gushinga amatorero. Kuva mu ntangiriro ni Dogiteri Blackmon wampamagaye kenshi antera imbaraga zo kwandika no gushyira mu bikorwa uyu mushinga. Inama ze n'ibitekerezo bye byabaye ingiramumaro cyane. Hamwe n'izo nyandiko za Dogiteri Blackmon, nifashishije kandi ibitekerezo biri mu gitabo The Indigenous Church (Itorero ry'abaturage kavukire) cyanditswe na Melvin Hodges, hamwe n'igitabo Indigenous Church Planting (Gushinga Amatorero y'abaturage kavukire) cyanditswe na Charles Brock, n'ibindi.

Dogiteri Charles Brock yahoze ari umumisiyoneri muri Philippines. Igitabo cye, Indigenous Church Planting (Gushinga amatorero y'abaturage kavukire), cyashyizwe ahagaragara n'icapiro Broadman Press cyagize imbaraga ku bugingo bwanjye kandi ibitekerezo bikirimwo byabaye ishingiro ryo gutangira uyu mushinga. **Dogiteri Waylon Moore** yanditse "Good News from God" (Inkuru Nziza ituruka ku Mana), inyigisho za Bibiliya zishingiye ku butumwa bwiza bwanditswe na Yohana, azandika kubw'ivugabutumwa Rifata Iyambere. Imana yakoresheje cyane Dogiteri Moore mu kumpindura kuba umwigishwa kandi ku bantu bose bamuzi ni ikitegererezo cy'ubuzima bwa Yesu n'umurimo we.

Ndashimira Mwene Data muri Kristo, **Mario Ikeda**, wahoze ayoboye Ishami rishinzwe Ivugabutumwa mu Nama Nkuru y'igihugu ya Brazil, yaramfashije cyane mu kwandika iki gitabo no gutangiza iyi gahunda. Igihe natangizaga iyi gahunda muri Leta ya Minas Gerais, Brazil, Mario na we yarimo ayitangiza muri Leta ya Para.

Iyo Mario atahaba, umurimo w'Ivugabutumwa Rifata Iyambere ntuba warageze ku rwego rwo gukwira igihugu cyose muri Brazil.

Ndashimira kandi **Pastori Aloizio Penido Bertho**, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama ya Leta ya Minas Gerais. Pastori Aloizio twarakoranye twigisha mu mahugurwa twakoresheje mu gihugu cyose cya Brazil. Yaranshyigikiye byimazeyo mu gukomeza uyu murimo w'Ivugabutumwa Rifata Iyambere (Pioneer Evangelism ministry) muri Leta ya Minas Gerais, cyane cyane mu itangira, ubwo ingingo zimwe na zimwe zivugwaho muri iki gitabo zitishimirwaga na busa n'abapastori bamwe n'abandi bakozi b'Imana bitewe n'imigenzo y'amadini idashingiye kuri Bibiliya. Urugero twatanga, mbese ni hehe Bibiliya ivuga ko Itorero rishobora gutangira gusa ari uko hari umupastori wasengewe, hari urusengero n'indi mitungo?

Turifuza gushimira **abavugabutumwa bafata iyambere bose uko ari mirongo ine twatangiranye(all forty original pioneer evangelists)** twafatanyije umurimo muri Leta ya Minas Gerais ku rwego rwo kugerageza umushinga. Yabaye imyaka ibiri miremire iruhije y'akazi gasaba buri wese kwitanga cyane ariko byatumye umurimo utangizwa mu bindi bice mirongo itandatu na bitatu bishya by'igihugu. Aba bavugabutumwa bagiraga ibitabo bandikamo neza raporo za buri kwezi kandi hagasuzumwa n'umusaruro kuri buri ntambwe igezeweho; ibyo bigatuma habaho uburyo gahunda zahindurwa cyangwa zikanozwa kurushaho. Kubwo kwitanga kwabo hari byinshi byagombye guhindurwa kuri gahunda uko yari yateruwe mu ntangiriro.

Kandi ndifuza gushimira **Dogiteri Bill Richardson** wahoze ari umuyobozi w'akarere ka Brazil mu gihe uyu mushinga watangizwaga bwa mbere muri Brazil. Yasinye uyu mushinga atanga uburenganzira kandi nanjye anyemerera kuyobora ntangiza itsinda rya mbere kumara imyaka ibiri ya mbere.

Ntabwo nabona amagambo yo gushimira **Curtis Sergeant**, umumisiyoneri muri Singapore. Jye na Curtis twabayeho incuti mu giterane cy'amahugurwa y'abayobozi cyitwa Strategy Coordinators Training Conference cyabereye São Paulo, muri Brazil. Curtis akora umurimo w'Imana muri Asia kandi ibitekerezo yanyunguye n'inkunga yanteye sinabona uko mbivuga. Ndashaka na none gushimira J.O. Terry na Jackson Day batanze inkunga yabo mu gice cyerekeranye n'inkuru.

Ndangiza ndifuza gushimira incuti zanjye z'inkoramutima zamfashije mu buryo bwinshi butabarika mu murimo w'Imana ndetse bagahagararana nanjye mu bihe bikomeye by'ubuzima bwanjye. Abo ni: **Dogiteri Ray P. Rust**, wambereye umushumba nkiri umwana, akaba ari we wabayeho umuntu wa mbere wantoje kuba umwigishwa; **Umuvugabutumwa Mpuzamahanga Sammy Tippit** wo muri San Antonio, muri Leta ya Texas; **Dogiteri Phil Jett**, pastori w'itorero rikomeye ry'Ababatista riyitwa Englewood Baptist Church riba ahitwa Jackson, muri Leta ya Tennessee; **Bwana na Madamu Gary A. Taylor**, ukora iby'amajyambere, bakaba batuye Jackson, muri Leta ya Tennessee; **Bwana Ronnie Mackey**, ni rwiyemezamirimo, na madamu we bo muri Heath Springs, Leta ya Carolina y'amajyepfo; **Bwana Guy Wolcott**, umucuruzi wo muri Portland, Leta ya Oregon na **David Wilson**, Perezida ndetse akaba ari na we muyobozi w'umuryango witwa Open Air Campaigners International. Buri wese muri aba yakoreshejwe n'Imana mu buryo

bw'umwihariko mu buging bwanjye, haba mu murimo w'Imana cyangwa mu mibereho yanjye isanzwe.

Ndashima mu rukundo rwinshi abahungu banjye bombi **Tim na Jason**. Ndashima cyane umukwe wanjye **Jeff Brawner**, witanze cyane mu iyandikwa n'iteranywa ry'iki gitabo. Mu kurangiza ndashima umukobwa wanjye **Christy**, wasobanuye iki gitabo agikura mu rurimi rw'igiportugali ashyira mu cyongereza ndetse akandika n'inkuru zo mu bitabo "Inkuru Nziza ya Yesu" no "Gutangira ubuzima bushya muri Kristo".

Christy, Tim na Jason ndabakunda.

Thomas Wade Akins

INSOBANURO

Gufata iyambere (PIONEER) — Iyi mvugo ikoresheya ku muntu cyangwa abantu benshi batatangije umurimo mushya cyangwa amatorero mashya aho atigeze, ibyo twakwita guhinga umushike.

IVUGABUTUMWA(EVANGELISM)—Iri jambo risobanura "kwamamaza Inkuru Nziza ya Yesu Kristo". Inkuru Nziza cyangwa Ubutumwa bwiza busobanurwa mu I Abakorinto 15: 3 ngo, "yuko Kristo yapfiriye ibyaha byacu nk'uko byari byaranditswe, agahambwa akazuka ku munsu wa gatatu nk'uko byari byaranditswe na none..." Iyi ni yo nkuru Nziza y'Ubutumwa bwiza. Iyi nkuru nziza kuyamamaza mu bantu b'isi bazimiriyeye mu byaha ni ryo vugabutumwa.

UKO WAKORESHA IKI GITABO IVUGABUTUMWA RIFATA IYAMBERE

Iki gitabo kigizwe n'ibice bitatu:

- 1. Amahame**
- 2. Uburyo**
- 3. Igenamigambi**

Amahame araduha icyo Bibiliya ivuga ku byerekeye ivugabutumwa, guhindura abantu abigishwa no gushinga amatorero. Bibiliya ni Ijambo ryera ry'Imana kandi ni bwo butware Imana ikoresheya itwigisha ukuri kwayo n'uburyo dukwiye kubaho ndetse n'uburyo twakora umurimo wayo. Wigisha ayo mahame ya Bibiliya kugirango utange imyumvire y'urufatiro ku byerekeye umuntu ukwiye gukora umurimo, umurimo wa Yesu Kristo n'uburyo dukwiye gukurikiza urugero rwe mu murimo w'Imana dukora, n'itegeho y'itorero.

Uburyo buratwerekako “uko wakora” intambwe ku yindi wigisha ahantu habiri hatandukanye:

Igice cya I: Uko Watangiza Amatsinda Mashya cyangwa Itorero Rishya cyigisha uburyo bwo kuvuga ubutumwa cyangwa uko wakwagura itorero ryawe ndetse n’uko washinga abatorero mashya. Ibyo bikorwa muri ubu buryo :

- ∞ Kumenya abantu Umwuka Wera arimo arakoramo umurimo abajyana kuri Kristo hanyuma ukababwira iby’urukundo rw’Imana
- ∞ Kubabwiriza ubutumwa ukoresheje urukurikirane rw’inyigisho za Bibiliya
- ∞ Gutoza kuba abigishwa abamaze gukizwa bashya, biciye mu nyigisho za Bibiliya

Igice cya II: Uko Watoza Itsinda Ryawe Kuba abigishwa gitanga ibyangombwa bikenewe n’icyerekezo mu gutoza no guhindura itsinda ryawe kuba abigishwa.

Igenamigambi ritwerekako ingamba z’uburyo bwo kwaguka biciye mu kwikuba incuro nyinshi. Iri hame rishingiye ku byo Pawulo yakozeho muri 2 Timoteyo2:2, gutoza abandi uburyo batoza abandi nabo bazatoza abandi gutoza abandi, gutyo gutyo.

AMAHAME YA BIBILIYA

IVUGABUTUMWA, GUHINDURA ABANTU ABIGISHWA NO GUSHINGA AMATORERO

AMAHAME YA BIBILIYA KU IVUGABUTUMWA, GUHINDURA ABANTU ABIGISHWA NO GUSHINGA AMATORERO

I. **IVUGABUTUMWA RIFATA IYAMBERE NLIKI?**

Uyu murimo watangiye muri 1989 mu gihugu cya Brazil nyuma yo kwiga imiterere y’ukuntu amatorero atangizwa muri icyo gihugu. Byari mu gihe cy’igice cya mbere cya Thomas Wade Akins cyo gukora umurimo w’ubumisiyoneri akorana na “International Mission Board of the Southern Baptist Convention”. Ubwo ni bwo yafashe umwaka umwe wo kwiga ururimi. Ahageze yateguye gahunda yo gutangiza amatorero. Muri icyo gihe yatangiye andi amatorero 12 y’Ababatista muri Leta ya Minas Gerais, Brazil.

Thomas Wade aho agarukiye avuye mu kiruhuko abona ko umurimo ukabije kugenda buhoro. Nuko atangira kwiga no gusoma inyandiko z’ubundi buryo bukoreishwa mu ivugabutumwa. Igitabo cya Dr. Charles Brock, Indigenous Church Planting (“Gushinga amatorero y’abanyagihugu kavukire”), ni cyo cyaje ku isonga muri ubwo bushakashatsi. Icyo gihe rero ni ho Thomas Wade yatangiye umurimo wo gutoza abantu yifashishije Bibiliya, igitabo cya Dr. Brock, izindi nyandiko nyinshi zavuzwe muri iki gitabo hamwe n’uburyo bwo gushinga amatoorero bwari bwarizweho bugashyirwaho mu cyiciro cya mbere cy’umurimo w’ubumisiyoneri muri Brazil.

Gahunda y’amahugurwa imaze kwandikwa neza, abagabo n’abagore bagera kuri mirongwine batorejwe kuyishyira mu bikorwa. Nuko abo binjira mu yindi mijyi mirongo itandatu n’itatu itandukanye yo muri Leta ya Minas Gerais batangiza andi matorero mashya muri iyo mijyi yose kumara igihe cy’imyaka ibiri. Kumara iyo myaka uko ari ibiri abo bavugabutumwa bafata iyambere mirongo ine b’ikubitiro buri kwezi boherazaga raporo ku biro by’ishami ry’ivugabutumwa na za misiyo ry’ihuriro ry’amatorero y’abatista (Baptist Convention) aho muri Minas Gerais. Iyo myaka ibiri irangiye hashyizweho itsinda rishinzwe gusuzuma ibyagezweho kugirango risubiremwo neza iby’umurimo wakoze. Mu myaka itatu yakurikiyeho, hagiyeho andi matsinda menshi mu bindi bice bitandukanye bya Brazil. Abapastori, abakristo basanzwe, abavugabutumwa, abayobozi b’ihuriro, bose bahagurukiye gusuzuma buri ruhanda rwose rw’umurimo. **Mu myaka cumi n’ibiri, amatorero 200 yaratunganijwe neza; amatorero yandi mashya 179 yaratangijwe; kandi ahantu 383 ho kubwiririza ubutumwa (preaching points) haratangijwe muri leta ya Minas Gerais, Brazil.** Ibi bikorwa hafi ya byose byakozwe mu rwego rw’ivugabutumwa rifata iyambere, kandi iyi mibare yaturutse ku mabarura yakozwe ndetse no kuri raporo z’ihuriro. Mu mwaka w’2000, Abanyabrazil barenga 20,000 bari bamaze guhugurwa mu gihugu cyose kandi imirimo irenga 1,000 yari imaze gutangizwa hose muri Brazil. Uyu munsi, muri Brazil amagana n’amagana y’amatsinda y’abavugabutumwa bafata iyambere ahirwaho buri mwaka akajya gutangiza imirimo mishya mu isi yose.

Iki gitabo cy'amahugurwa n'uburyo bw'imikorere ni umusaruro uturuka ku bikorwa by'amagana y'abagabo n'abagore bashyize iyi gahunda mu bikorwa. Imana irimo irabakoresha mu kugeza ubutumwa ku bantu ibihumbi butari bwari bwariyeze bugeraho; irabakoresha kandi mu guhugura ibihumbi by'abapastori, abamisiyeneri n'abakristo basanzwe uburyo batangira amatorero mashya. Intego muri Brazil ni ugutoza ibihumbi by'abapastori n'abandi bakristo gutangiza amatorero mashya. Bose bahugurwa ku bijyanye n'amahame shingiro ari muri iki gitabo kandi ahuriweho n'isi yose, ashobora gukoreshwa mu mahanga yose yo mu isi no muri buri muco. Tubivuze mu buryo bworoshye, **uburyo bw'ivugabutumwa rifata iyambere bushingiye ku guhugura abavugabutumwa b'ubushake kugira ngo bagende bagere ahantu hataba amatorero (ahantu h'umushike), maze bazane abantu kuri kristo kandi batangize ibikorwa bishya.**

Muri iki gihe ikibazo cy'ingenzi abantu bibaza ni iki, "Ni buryo ki twarushaho kwihutisha imirimo y'ivugabutumwa no gutangiza amatorero mashya?" Ku bwanyje igisubizo ni ugutoza abavugabutumwa b'ubushake mu isi yose uburyo bashobora gutangiza no guteza imbere ibikorwa bishya.

Reka turebere hamwe ibibazo bitandukanye abayobozi bahura nabyo muri iki gihe:

1. Kutagira iyerekwa
2. Abalayiki batatojwe
3. Kumva ntacyo bikubwiye
4. Gutakaza abayoboze mu itorero
5. Kubura k'ubufatanye hagati y'amatorero
6. Ingorane zo kubona inzu zo gukoreramo mu mijyi minini
7. Guhenda kw'ibanza no kubaka

Mbese ibi bibazo twabibonera ibisubizo? Nta gushidikanya! Mu by'ukuri Kristo yarangije kubidukemurira. Nyamara tugomba kongera kwiga neza uburyo bw'imikorere shingiro bwa Bibiliya, uburyo intumwa Pawulo yakoresheje, ari nawe mumisiyeneri w'ikitegererezo cyacu.

Dogiteri Dennis Blackmon, umumisiyeneri muri Brazil, yarobanuye uburyo bune shingiro bwo gutangiza amatorero mashya.

A. Uburyo bune bw'ikitegererezo mu gushinga amatorero:

- 1. Uburyo bumenyereye kuva kera bwo gutangirana n'itsinda rito ry'abizera.**

- a) Itorero rihitamo aho rizakorera.
- b) Noneho itorero rigahamagara umukozi, utari ngombwa ko aba ari umupastori, akaza agatangiza umurimo mushya.
- c) Uwo mukozi rero araza agashaka ahantu iryo tsinda rishya rizajya riteranira kandi agatangira gutumira abantu kuja baza kwiga ijamba ry’Imana no gusenga.
- d) Itorero rigashyigikirwa n’abakristo batanu kugera ku icumi cyangwa abarenga batuye ahongaho.
- e) Abo bakristo bake n’uwo mukozi bagatangira kuja baterana batewe inkunga mu buryo bw’umutungo n’itorero.
- f) Ubusanzwe itorero ni ryo rifata ibyemezo byose bikomeye kandi rikishingira ibyo iryo torero rishya rikenera byose: ibikoresho, inyubako n’imishahara.

2. Uburyo bwamenyerewe kuva kera ariko budatangirana agatsinda gato k’abizera.

Itorero ni ryo riba ritegeka muri byose, nko mu buryo twabonye mbere, kugeza aho uwo murimo mushya watangiye ubereye itorero rishya ku mugaragaro. Itandukaniro rihari ryonyine ni uko bwo nta tsinda ry’abantu baho riba rishyigikiye itorero.

3. Uburyo bw’umushinga udasanze

Itorero rigena aho rizakorera rikiga neza umushinga uzashobora gutanga umusaruro munini ushoboka. Ingero zimwe zumvikana neza z’imishinga ifasha abantu ni nk’inyigisho za Bibiliya cyangwa imirimo igamije gufasha abataragezweho n’ubutumwa. Iyo mishinga igenwa hakurikijwe amikoro y’umuryango n’abakozi ufite. Urugero mu 1992 habaye umwuzure ukomeye muri Leta ya Minas Gerais, Brazil. Abantu bagera ku magana, inzu zabo zahitanywe n’umwuzure. Barbara Akins yashoboye kwegeranya amafaranga abifashijwemo n’umuryango we w’ivugabutumwa, ashobora gufasha abantu kongera kubaka amazu yabo. Umuyobozi w’umujyi yatanze umuzozi w’ibibanza, nuko hubakwa undi mudugudu mushya wiswe , BETELI —UMURWA W’IMANA. Bubatse amazu 70 mu mwaka umwe gusa kandi batangira no kwiga Bibiliya mu ngo. Abantu benshi barakijijwe hanyuma hatangizwa itorero.

Ubusanzwe mu gukoresha uburyo bw’umushinga udasanze, hari umukozi ushingwa gukurikirana uwo mushinga, noneho umuryango cyangwa itorero rigafasha mu kubona aho amateraniro azajya abera

kandi rigafungura ku mugaragaro ibirindiro by'uwo murimo w'ivugabutumwa.

Iyo hakoreshejwe ubu buryo bw'umushinga, umuntu ashobora gukurikiza amahame akoreshwa mu Ivugabutumwa Rifata Iyambere. Gutoza abazafata iya mbere (pioneers) n'abayoboke b'itorero gukora inyigisho za Bibiliya mu ngo z'abantu bafashwa n'umushinga kugira ngo batangire itorero.

4. Uburyo bw'Ivugabutumwa Rifata Iyambere

- a) Itorero rigena ahantu hagomba kugerwaho.
- b) Pastori cyangwa umuyobozi atoranya "abalayiki basobanukiwe" kugira ngo bakore umurimo.
- c) Pastori cyangwa undi muyobozi atoza abalayiki akabaha ubumenyi. Intego y'iki gitabo rero ni ugusobanura uburyo bwo kubatoza.
- d) Abo balayiki batangiza umurimo mushya mu gutangiza inyigisho za Bibiliya mu ngo z'abadakijijwe.
- e) Abakijijwe bashya baturutse muri ya matsinda yiga Bibiliya baraza bagahurizwa hamwe ahantu humvikanyweho maze bagatangira itorero rishya ryigenga, ryiteza imbere ubwaryo, kandi ryaguka riri muni y'ubuyobozi bw'Imana.
- f) Umuvugabutumwa ufata iyambere afasha iryo tsinda rishya kwifatira ibyemezo no kwirwanaho mu byo bakeneye kuva bagatangira aho kugira ngo bumve ko ibibazo byabo bizakemurwa n'itorero ribabyaye. Mu gihe itsinda rishya rishaka gukodesha cyangwa kwiyubakira bishakamo amafaranga; kandi n'igihe bumva ko wa mukozzi akwiriye guhembwa bagomba kumuhemba.

II. BIBILIYA N'IMICO GAKONDO

Ni iby'ingenzi cyane kumenya gutandukanya ibyo Bibiliya ivuga n'ibyo abantu bizera mu mico yabo. Thomas Wade Akins ni Umunyamerika ariko Imana yamuhamagaye kuba umumisiyeneri muri Aziya (Vietnam), muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika (Washington DC), muri Afrika (Zimbabwe), muri Brazil kandi muri iki gihe aragenda isi yose akoresha ibiterane by'amahugurwa.

Buri hantu hose mu isi haba hafite umuco waho wihariye. Umurimo w'Imana ugomba gukorwa bishingiye kuri Bibiliya no ku mucu wa buri gihugu. Ntugomba gushingira ku migenzo y'iyobokamana ry'umuco gakondo. Urugero, nko muri Leta zunze ubumwe z'Amerika, amatorero menshi ku cyumweru atangira amateraniro saa tanu z'amanywa (11 a.m). Mbese bivugwa ko amateraniro yo gusenga mu isi yose agomba gutangira saa tanu? OYA! Muri Leta Zunze Ubumwe Z'Amerika amatorero menshi hakoreshwa indirimbo zituje zo kuramya. Bishaka kuvuga se ko amatorero yo mu bihugu byose mu isi agomba gukoresha iyo njyana? OYA! Ayandi mahanga

ashatse yakoresha iyo njyana, ariko kandi yakagombye gucuranga umuziki ujyanye n'umuco wabo, bakoresheje ibicurangisho gakondo. Urugero itorero rishobora gukoresha za gitari zicomekwa ku mashanyarazi, karumbeti, ingoma n'ibindi bikoresho bitandukanye.

MURAMENYE! Umuziki si ko guhimbaza Imana. Ahubwo umuziki ufasha mu guhimbaza Imana. Ni uburyo bwo kugaragariza Imana ibiyumviro byacu. Ku bw'ibyo, ni ngombwa ko umuziki ukoreshejwe wumvikanamo umuco w'abenegihugu aho kuba gusa uw'umuco w'abaje gutangiza umurimo. Ntibishoboka ko waba umumisiyoneri nyawe cyangwa umuntu uhinga umushike(pioneer) utarasobanukirwa umuco gakondo w'abo usanze.

Habaho imico myinshi n'indi iyishingiyeho muri buri shyanga. Ni ngombwa ko ugiye gutangiza umurimo w'Imana amenya kandi agasobanukirwa neza umuco w'abantu b'aho ateganya gutangiza umurimo mushya. Ni ngombwa kandi ko atagerageza guhindura umuco ahubwo icyo akora ni ukwigisha akareka Kristo agahindura imitima y'abantu. Ibigomba guhinduka mu muco gusa ni ibintu bihabanye n'amahame ya Bibiliya. Urugero, nko mu mashyamba amwe n'amwe yo mu isi usanga bagira umuhango wo gutanga impinja ho ibitambo. Birumvikana ko umugenzo nk'uwo uhabanye n'imyizerere ya Bibiliya. Ahantu nk'aho icyo umukzi w'Imana ugiye gutangiza umurimo akora ni ugukingurira Imana inzira yo guhindura umuco abwiriza ukuri k'ubutumwa bwiza.

Ibi Thomas Wade Akins yabinyuzemo igihe yatangizaga umurimo muri Washington, DC. Ubwo Thomas Wade yagarukaga muri Leta Zunze Ubumwe Z'Amerika mu 1970, nyuma y' igihe yari amaze ari umumisiyoneri muri Vietnam, yaraje asanga miliyoni z'urubyiruko ruba mu muhanda. Urwo rubyiruko babaga barataye iwabo, baba mu biyobyabwenge, barahirimbije imisatsi, baririmba indirimbo zigezweho, bambara imyenda iranga Anyamerika bo mu bwoko bw'Abahindi kandi barwanya cyane intambara Amerika yarwanaga muri Vietnam. Bitwaga abahipi (hippies).

Nta n'umwe muri urwo rubyiruko washoboraga kuba yajya mu rusengeru. Kugira ngo babe baza kuri Kristo ni uko itorero ari ryo ryagombaga kubasanga. Nuko Thomas Wade atangira kwambara iyo myambaro y'Abanyamerika b'Abahindi, umusatsi we arawutereka yinjira mu muco wabo. Birumvikana ko we atanyoye inzoga cyangwa ngo akoreshe ibiyobyabwenge. Yafunguye restaurant ntoya mu muji wa New England. Basohora intebe zose, amatara yose bayasimbuza ayijimye y'ubururu, intebe rero bazisohora hanze kugirango abantu bajye biyicarira hasi, bashyiraho umusaraba munini imbere ku gisika n'itara ritukura riwurabagiranaho. Itorero ry'Ababatista buri muni rigatanga imigati n'ikawa.

Kuva saa cyenda z'umugoroba (3:00 p.m.) kugeza saa munani z'ijoro (2:00 a.m.), Thomas Wade, umugore we hamwe n'abo bakorana bakinguraga imiryango abahipi bakaza bakarya imigati bakanywa n'ikawa ku buntu. Abahipi barazaga bakicara hasi, Thomas Wade n'abo bakorana nabo bakaza bakabasanga bakicarana aho hasi bagatangira kwiganirira ku by'ubuzima bwabo n'ibindi bitandukanye.

Bagejeje benshi kuri Kristo kuko bagize ubushake bwo gutera intambwe bagasohoka bakava mu rusengero bakinjira mu muco wabo batagombye kubahatira kujya mu muco w'amatorero y'abaporoso ngo babone kumva ubutumwa bwiza.

Ingingo y'ingenzi ni ukumenya ko muri buri karere k'igihugu haba hari umuco waho wihariye. Ni ngombwa ko umurimo w'umuntu ugiye gutangiza umurimo mushya ushingira ku muco w'aho agiye, kandi ntagendere ku muco w'akandi karere cyangwa ikindi gihugu. Ufashe iyambere agiye gutangiza umurimo(the pioneer) agomba kubwiriza ubutumwabwiza, kuko ubutumwa bwiza ubwabwo buzagenda buhindura ibintu biboneka mu muco bitajyanye na Bibiliya.

III. BIBILIYA N'UBUTWARE BWAYO

Buri muntu wese mu isi agira aho akura ubutware cyangwa icy yishingikirizaho. Dogiteri Ralph Neighbor, Jr. mu gitabo cye kitwa Survival Kit (Agakapu k'ibikoresho n'imiti by'ubutabazi) cyasohowe n'icapiro Broadman Press avuga ahantu hane haturuka ubutware bwo kumenya gutandukanya ikibi n'icyiza.

1. **Ubwenge(Intellect):** Aha ni igihe umuntu akoresha ubushobozi bwe bwo gutekereza agereranya hagati ikintu cy'ukuri n'igifutamyeye, icyiza n'ikibi, igishoboka n'ikidashoboka, gutyo gutyo. Urugero, umuntu wishingikirije ku bwenge bwe, ashobora guhakana ibitangaza bya Yesu, kuko mu buryo bwa gihanga n'ubumenyi nta gihamya wabibonera. Yesaya 55:8, "Erega ibyo nibwira si byo mwibwira, kandi inzira zanyu si zimwe n'izanyu!" Ni ko Uwiteka avuga."

2. **Ibyo umuntu yihagarariyeho (Experience):** Aha ni igihe umuntu atoranya hagati y'igitunganye n'igifutitse akurikije uko yiyumva, uko abona ibintu, n'amarangamutima ye. Urugero, umunsi umwe Thomas Wade yafashe taxi mu mujyi wa Rio de Janeiro, Brazil hanyuma atangira kuganiriza umushoferi iby'ubutumwa bwiza. Uwo mushoferi abwira Thomas ko mu materaniro yo mu idini ryabo ry'abashoferi hari impumyi yahumutse amaso yayo akongera kubona. Thomas abajije uwo mushoferi izina ry'itorero rye, avuga we atari umukristo kandi ko mu by'ukuri idini rye nta n'aho rihuriye n'ibya gikristo.

Satani afite ubushobozi bwo gukora ibitangaza, ariko nta muntu n'umwe ashobora guha agakiza cyangwa amahoro nyayo no kubabarirwa kuzuye. Rimwe na rimwe akora ibitangaza kugirango ayobye abantu. Mu II Abatesalonike 2: 9-12 Bibiliya iravuga ngo, **"Kuza k'uwo mugome kuri mu buryo bwo gukora kwa Satani, gufite imbaraga zose n'ibimenyetso n'ibitangaza by'ibinyoma, n'ubuhenzi bwose bwo gukiranirwa ku barimbuka, kuko batemeye gukunda ukuri ngo bakizwe."**

Bamwe baravuga ngo: “Jye nizera ibiyobyabwenge n’inzoga kuko icyo nagasomye numva merewe neza.” icyo uyu muntu yishingikirijeho ni uko yiyumva. Ubu ni uburyo buteye akaga mu kugena imyizerere yawe. Abandi bakavuga ngo, “Jye nizera umuntu runaka usengera abarwayi cyangwa umuntu uyu n’uyu utanga imiti kuko yashoboye gukiza indwara runaka.” Ariko umuntu ukora ibitangaza, ushobora no gukora ibintu byinshi bitangaje, akagwiza imitungo akanamamara cyane, ashobora kuba nta n’aho ahuriye n’Imana. Ntidushobora gushingira kwizera kwacu ku bitangaza, uko twiyumva cyangwa ibyo twabonye. Ahubwo kwizera kwacu kugomba gushingira kuri Yesu Kristo, uwo ari we n’amasezerano ye mu Ijambo ry’Imana.

3. Imigenzo (Tradition): Iki ni kimwe mu bibazo by’ingutu Kristo yahanganye nabyo. Yahanganye n’imigenzo y’Abayuda kuko iteka basumbishaga imigenzo yabo ibyo umuntu akeneye. Muri Mariko 3: 1-6 tubona Abafarisayo bagerageza Yesu:
Umurongo wa 1—Aha tubona uko byagenze Yesu yinjiye mu isinagogi. Isinagogi yari yuzuye abantu kandi hagati muri icyo kivunge cy’abantu harimo umuntu wanyunyutse ukuboko.

Umurongo wa 2—Abantu batangira kongorerana muri bo ibintu nk’ibi, “Mubonye umuntu winjiye uwo ari we?” “Yesu”. “Urabona uriya muntu wicaye hariya?” “Yanyunyutse ukuboko” “Mbese buriya Yesu ari bumukize?” “Sinzi, kuko uyu munsu ari ku isabato.”

Umurongo wa 3—Yesu asaba uwo muntu guhaguruka agatambuka imbere akamusanga, hanyuma abaza abari bateraniye aho ikibazo nk’iki ati, “Mbese uwakiza uyu muntu yaba akoze icyaha?”

Umurongo wa 4—Bose baraceceka hanyuma Yesu abarebana uburakari kubwo kwintangira kw’imitima yabo.

Umurongo wa 5—Yesu abwira wa muntu ati, “Rambura ukuboko kwawe.” Wa mugabo arambura ukuboko kwe guhita gukiza rwose.

“Imana ihimbazwe ko ukuboko kwe gukize!” Ariko uko si ko abari bari aho babyitwayemo. Soma umurongo wa 6.

Umurongo wa 6—Abaherode n’Abafarisayo bahise bagenda bajya kujya inama y’ukuntu BAKWICA Yesu. Bagambiriye kwica Yesu kuva agitangira umurimo we—ntabwo ari ku iherezo ryawo. KUKI ?

- | | |
|-------------------------------|-------------------|
| 1. Ikibazo cyari he? | Hari ku isabato. |
| 2. Ikibazo cyari ikihe gukiza | Byari bihabanyeye |

- umuntu ku isabato ? n'imigenzo y'idini.
3. Mbese wizera ko Yesu ari umwe mu Butatu kandi ko ari Umwana w'Imana?
 4. Wizera k Yesu ari Umwami wa Sabato?
 5. Wumva ko Yesu igihe yakizaga Uwo muntu ku isabato yari asuzuguye Se mu ijuru?
 6. None se ikibazo cyari ikihe?

ABAYOBOZI B'IDINI BISHYIRIYEHO ANDI
MATEGEKO N'IMIGENZO IMANA ITARI
YARIGEZE ISHYIRAHU.

Ibyo se bihuriye he n'Ivugabutumwa Rifata Iyambere no gushinga amatorero? Bihuriye kuri BYOSE!!!!

Ubwo Pastori Thomas Wade Akins yajyaga muri Brazil yakoze itsinda ry'abashinzwe gushinga amatorero. Abenshi muri bo bari abalayiki. Yabigishije "uko bahamya n'uko batangira amatorero mashya". Barasohotse bajya mu mijyi maze bazana abantu kuri Kristo kandi batangiza amatorero mashya. Mu gihe cy'imyaka ibiri bari batangije imirimo mishya 63.

Nyamara Thomas Akins yahuye n'imigenzo ikomeye y'uburyo butatu yashyizweho n'abantu ariko ifite imbaraga nyinshi kandi yabuzaga kwihuta k'umurimo wo gushinga amatorero.

Umugenzo wa 1—Bamaze kuzana abantu kuri Kristo Pastori Thomas Wade yaravuze ati, "Dukwiriye kureka aba bavugabutumwa b'abalayiki bakajya babatiza abantu bashya bakijijwe kandi bagatunganya n'iby'ifunguro ryera". Ariko bamwe (si bose) mu bapastori baravuga bati, "Ntibashobora gukora iyo mirimo kuko batasengewe ngo bimikwe."

Thomas asubiza abaza ati, "Ni hehe Bibibiliya ivuga gutyo?" Baramushubije bati, "Ntaho Bibiliya ibivuga ariko uwo ni wo 'mugenzo' wacu cyangwa amategeko tugenderaho hano."

Uburyo bwo kwimika abapastori bukoreshwa muri iki gihe ntabwo muri Bibiliya. Kwimika pastori muri Bibiliya NTABWO ari umuhango barinda gukorera gahunda y'umunsi mukuru mu ruhamu. NTA materaniro yo gusenga bagamije kwimika pastori yagombaga kubaho. Ijambo "kwimika" (ordain) risobanura "gushyiraho, guca iteka, gutanga itegeko." Muri Yohana 15:16, Yesu "yashyizeho" (yimitse) abigishwa be. "Si mwe mwantoranije, ahubwo ni jye wabatoranije

kandi MBASHYIRIRAHO kugira ngo mugende mwere imbuto, imbuto zanyu zigumeho.”

Ibyakozwe 14:23 haravuga ngo Pawulo “atoranya” (ordained) abakuru. “ Pawulo na Barinaba ‘babatoraniriza’ abakuru mu matorero yose, basenga biyiriza ubusa, babaragiza Umwami Yesu uwo bizeye.” Abo bakuru bari abakozi b’Imana b’abalayiki mu matorero Pawulo yari yaratangije.

Kwimika muri Bibiliya cyari igikorwa cy’Imana nticyari icy’abantu.Imana ishyiraho, iratoranya kandi ikarobanura abayobozi.Mu mikrere yacu yo muri iki gihe, mu bihugu bimwe na bimwe kwimika ntaho bigihuriye na Bibiliya. Mu bihugu bimwe na bimwe, umuntu agomba kubanza akarangiza ishuri rya Bibiliya cyangwa Seminari mbere y’uko ashobora gusengerwa ubupastori. Mbese ni iyihe seminari Yesu yize? Ni iyihe seminari se Pawulo, Petero cyangwa Yohana bize?

Ariko nimureke mbibarize, ninde wabatije intumwa Pawulo?Ni umupastori cyangwa umulayiki? Yesu yabatije abantu bangahe?

Iki gitekerezo cy’uko abapastori BONYINE ari bo bashobora kubatiza no kuyobora ifunguro ryera twagikomoye he? Mu mibereho isanzwe y’itorero usanga tugendera muri gahunda zo mu Isezzerano rya Kera aho Umutambyi yabaga ari we ukora ibintu byose. Ahandi bikomoka ni muri Kiliziya Gatulika y’Abaroma.

Umugenzo wa 2---Thomas noneho aravuga ati, “Aya matsinda mashya atangiye kujya aterana basenga dukwiriye kuyaha umurungo akaba amatorero”. Bamwe baravuga bati , “Ibyo ntibishoboka batarabona ubutaka bwabo n’inyubako zabo”. Pastori Thomas abasubiza avuga ati, “Ibyo ni he byanditse muri Bibiliya”. Na none igisubizo cyabaye ngo, “Bibiliya si ko ibivuga ariko twe ni wo mugenzo wacu.”

Umugenzo wa 3---Hari ikindi gihugu aho abapastori bavuze bati, “Amategako agenga amatorero yacu ntiyemera ko dutangiza itorero ahantu hataraba nibura abayoboke ”.Na none Pastori Thomas arabaza ati, “Ni hehe Bibiliya ivuga ibintu nk’ibyo?” Igisubizo, “Ntaho Bibiliya ibivuga ariko ni wo mugenzo wacu.”

Incuro nyinshi usanga imigenzo yacu ihabwa agaciro cyane kurusha Ijambo ry’Imana, kandi ibyo ni byo Kristo yagiye ahura na byo. Niba dushaka kubona Ubwami bw’Imana bwaguka, n’amatorero mashya agashingwa, tugomba gusubira ku isoko, Bibiliya, tugakurikiza Ijambo

ry’Imana tukarisumbisha imigenzo n’amategeko by’abantu.Niba dushaka kubona ishingwa ry’amatorero ritera imbere nyabyo,tugomba guha ubushobozi abavugabutumwa b’abalayiki (b’ubushake) bwo gukora umurimo Imana yabahamagariye kandi tugakurikiza ibyo Bibiliya ivuga ku byerekeye itorero icyo ari cyo.

Iyo dushyize imbere imigenzo tukayirutisha Ijambo ry’Imana, tuba turitesheje agaciro.Yesu yavuze muri Matayo 15:6-9 ko bene ibyo ari uburyarya. “Nuko Ijambo ry’Imana mwarihinduye ubusa ngo mukomeze imigenzo yanyu.Mwa ndyarya mwe, Yesaya yahanuye ibyanyu neza ati, ‘Ubu bwoko bunshimisha iminwa, ariko imitima yabo imba kure.Bansengera ubusa kuko inyigisho bigisha ari amategeko y’abantu .”

4.Ibyanditswe: Ijambo ry’Imana ni ryo ryonyine dukwiye kugenderaho. Imana ishyira ukuri ahagaragara mu byanditswe byayo byera. Ni byo kuri kuzuye kutavuguruzwa.

Yesu muri Yohana 8:32 yaravuze ati: “Muzamenya ukuri kandi ukuri ni ko kuzababātūra.”

Yesaya 40:8 haravuga ngo, “Ubwatsi buraraba uburabyo bugahunguka, ariko Ijambo ry’Imana yacu rizahoraho iteka ryose .”

Zaburi 119:105 haravuga ngo, “Ijambo ryawe ni itabaza ry’ibirenge byanjye, ni umucyo umurikira inzira yanjye. ”

Zaburi 119:140 ngo, “Ijambo ryawe ryaravugutiwe cyane, ni cyo gituma umugaragu wawe ndikunda.”

Zaburi 119:160 hati, “Indunduro y’Ijambo ryawe ryose ni ukuri, amateka yawe yo gukiranuka ahoraho iteka ryose hadasigaye na rimwe.”

Yohana 14:6 hakavuga hati, “Yesu aramubwira ati, ‘Ni jye nzira n’ukuri n’ubugingo....”

Ukuri ni iki?

A. Yesu Kristo

B. Ijambo ry’Imana

IV. NINDE USHOBORA KUBA UMUVUGABUTUMWA UFATA IYAMBERE?

Mu Isezerano Rishya tubonamo inshingano zitandukanye z’abakozi b’Imana. Imiterere y’itorero rya mbere mu gihe cy’intumwa ntibyari ibintu bikomeye cyane ahubwo byari byoroheje rwose.

Intambwe zikurikira ni zo Intumwa Pawulo yakurikizaga ashinga amatorero:

1. **Yinjiraga mu mudugudu:**
Ibyakozwe 13:5,6,14; 14:1,6,24,25, urugendo rwa mbere
Ibyakozwe 16:12; 17:1,10,15; 18:1,19 urugendo rwa kabiri
Ibyakozwe 19:1; 20:2 urugendo rwa gatatu
2. **Akabwiriza ubutumwa bwiza:** Ibyakozwe 14:3,7,21,25
3. **Akazana abanyabyaha kuri Kristo:** Ibyakozwe 14:1,21, 19:8,
4. **Akigisha abamaze gukizwa:** Ibyakozwe 14:22, 18:23; 19:9,10
5. **Agatoza abakozi b’Imana:** Ibyakozwe 14:27, 15:36, 16:5, 20:20
6. **Agatunganya amatorero kandi agatoranya abakuru b’itorero (mu bakozi b’Imana bahari) kugira ngo bayobore iryo torero ryabo:**
Ibyakozwe 14: 23, 20:17, 28
7. **Akava muri uwo mudugudu akagenda akajya mu wundi:**
Ibyakozwe 20: 36-38

Izi ni zo ntambwe zikwiye gukurikizwa n’abavugabutumwa bafata iyambere igihe bagiye mu ivugabutumwa no gutangiza amatorero mashya.

Ikibazo rero cy’ingenzi dukwiriye kwibaza ni iki, “Ni nde ushobora kuba umuvugabutumwa ufata iyambere?” Mu gusubiza iki kibazo tugomba kubanza gusesengura Abefeso 4:11-12. Aha tuhasanga urutonde rw’abakozi b’Imana mu itorerero.

Aba mbere muri bo ni **“intumwa.”** Hari ubwoko bubiri bw’intumwa. Abigishwa ba mbere ba Yesu bari intumwa. Pawulo yari intumwa. Ijambo *“intumwa”* rivuga **“umuntu woherejwe.”**

Aba kabiri ni **“Abahanuzi.”** Abahanuzi bari abavugabutumwa. Ijambo *“umuhanuzi”* riboneka muri Bibiliya incuro 242. Gutegeka kwa Kabiri 18:18 havuga ibyerekeranye n’inshingano zabo. **“Nzabahagurukiriza umuhanuzi umeze nka we ukomotse muri bene wabo, nzashyira amagambo yanjye mu kanwa ke ajye ababwira ibyo mutegetse.”**

Bamwe mu bahanuzi bo mu Isezerano Rya Kera ni Aroni (Kuva 7:1), Mose, Elisha, Yesaya, Yereimiya, Daniyeli n’abandi benshi. Ndetse n’umugore wa Yesaya na we yari umuhanuzikazi (Yesaya 8:3). Mu Isezerano Rishya ingero nkeya z’abahanuzi ni Yesu Kristo, Agabo (Ibyakozwe 21:10) na ba bakobwa bane b’abari ba Filipino (Ibyak. 21:9).

Aba gatatu ni **“abavugabutumwa bwiza.”** Aba ni abantu bamamaza inkuru nziza ya Yesu Kristo bafite intego yo kurokora ubugingo bw’abazimiye. (Abo ni bo twita **“abafata iya mbere” (pioneers) mu muryango w’Ivugabutumwa Rifata Iyambere**). Mu Isezerano Rishya,

Filipo yari umulayiki (umukristo usanzwe), umudiyakoni akaba n'umuvugabutumwa. **Ibyakozwe 21:8 haravuga ngo** *“Bukeye bwaho tuvayo tugera i Kayesariya, twinjira mu nzu ya Filippo umubwiriza w'ubutumwa bwiza, umwe muri ba bandi barindwi ducumbika iwe.”* Yari umulayiki, umukristo usanzwe, wabwirizaga abazimiriye mu byaha ubutumwa bwiza akababatiza. **Ibyakozwe 8:12 haravuga ngo**, *“Ariko bamaze kwizera ubutumwa bwiza Filippo ababwira bw'Ubwami bw'Imana n'ubw'izina rya Yesu Kristo, barabatizwa, abagabo n'abagore.”* Muri iki gihe, hirya no hino mu isi, dufite abagabo n'abagore bakora umurimo w'ubumisiyoneri batangiza amatorero mashya.

Umurim wa kane ni uw' **“abungeri-bigisha.”** Abungeri (pastors) umurimo wab w'ibanze wari uwo gutoza. Bari abayobozi b'umwuka, abagaragu b'Imana bayobora abantu mu nzira yayo. Umwungeri agomba kuba afite impano yo kwigisha no guha abandi ubushobozi.”

Buri Mukristo wese ahabwa impano y'umwuka igihe Umwuka Wera yinjiye mu mutima we mu gihe yakira agakiza. **1 Petero 4:10 haravuga ngo:** *“Kandi nk'uko umuntu yahawe impano ari k muzigaburirana, nk'uko bikwiriye ibisonga byiza by'ubuntu bw'Imana bw'uburyo bwinshi.”* Ukurikije Abefeso 4:11-12, hari abanyetorero bafite impano y'umwuka yo kuba abavugabutumwa.

Ni nde ushobora kuba ufata iyamberer? Ni nde ushobora kubwiriza ubutumwa bwiza, gutoza abandi kuba abigishwa akanatangiza amatorero mashya? Mbese umwungeri yaba ufata iyambere? Mbese umulayiki (umukristo usanzwe) yaba ufata iyambere? Umuyobozi mu nzego z'ibanze yaba ufata iyambere? Umunyamategeko yaba ufata iyambere? Umwarimu se yaba ufata iyambere? Umumisiyoneri yaba ufata iyambere (a pioneer)?

Buri wese wumva afite umuhamagaro wo kuba umuvugabutumwa bwiza no kuzuzwa ibisabwa na Bibiliya, ashobora kuba ufata iyambere. None se ibisabwa ni ibiki kugira ngo umuntu ashobore kuba ufata iyambere, tutitaye kureba niba umuntu ari umulayiki cyangwa umupastori?

1. Gukizwa (Ibyakozwe 9).
2. Kwakira umuhamagaro (Abagalatiya 1:15-16).
3. Kwuzura Umwuka Wera (Abagalatiya 5:16, Abefeso 5:18, n'Ibyakozwe 13:9).
4. Kumenya kugabura Ijambo ry'Imana (II Timoteyo 2:15).
5. Kugira inyota yo kunezeza Imana no kuyumvira (I Abatesalonike 2:4).
6. Gukunda abakimara gukizwa no kubitaho (I Abatesalonike 2:7-12 na Tito 1:9).

7. Kumenya gusenga (I Abatesalonike 1:2, Abakolosayi 4:2-6).
8. Kubaho ubuzima bwejeje (I Timoteyo 5:22, Tito 1:7-8).
9. Gushikama mu kwizera (Tito 1:9).

Dushobora dute guhindura ishyamba tukarishyikiriza Kristo maze tugatangiza itorero muri buri mujyi, buri murwa na buri mudugudu niba tudatoje abakristo bakuze mu by'umwuka bafite impano n'umuhamagaro w'abavugabutumwa kugira ngo bakoreshe impano yabo? Nta bapastori bahari bahagije bashobora gufata isi yose ku bwa Kristo. Abantu b'Imana bagomba gutorezwa uwo murimo!

Umwungeri-mwigisha aramutse atoje ingabo nyinshi z'abakristo bujuje ibisabwa na Bibiliya, dushobora kugera ku ntego yo gutangira amatorero mu mijyi no mu midugudu yose yo mu isi.

Ni nde waba ufata iyambere? **Uwo ari we wese wamagariwe n'Umwuka Wera kuvuga inkuru nziza ya Krist no gushinga amatorero mashya.**

V. INSHINGANO Y'UMUVUGABUTUMWA UFATA IYAMBERE

Ni iyihe nshingano y'ibanze y'umupastori, umuvugabutumwa cyangwa umukozi w'Imana w'umulayiki ufata iyambere? Mbese agomba gukora ibintu byose? Oya!!! Ni umukozi w'Imana ukorera abantu be.

Abefeso 4:11-12 herekana neza inshingano y'ibanze y'abungeri-bigisha ari "ukugira ngo abera batunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby'Imana no gukomeza umubiri wa Kristo." Gutunganya abera bisobanura kubatoza gukora umurimo, si ukwiga gusa iby'imyizerere. **Mu yandi magambo, inshingano y'umwungeri cyangwa umukozi w'Imana ni ugutoza abalayiki (abakristo basanzwe) no kubaha ubushobozi bwo gukora imirimo itandukanye Imana yabahamagariye.**

Gusobanura neza inshingano y'umupastori dufate urugero ku ikipe y'umupira w'amaguru. Ikiye y'umupira w'amaguru iba ifite abakinnyi ikagira n'umutoza. Mbese umutoza yinjira mu kibuga agakina cyangwa yigisha abakinnyi uko bazitwara mu mukino? Igisubizo birumvikana ni uko we icyo akora ari ugutoza abakinnyi uko bagomba gukina.

Pastori w'itorero cyangwa umukozi w'Imana w'umulayiki uyoboye abandi SI WE ugomba gukora umurimo mu mwanya w'abanyetorero ahubwo agomba kubigisha akabatoza uburyo bakora umurimo. Yakagombye kwigisha abayoboze b'itorero gukora imirimo yose akora harimo n'uwo kubigisha uko bashobora guhamya Kristo, kubwiriza, kubatiza, gutanga Ifunguro Ryera. Imirimo yose akayibigisha!

Hari ubwo Thomas Wade yakoraga mu ruganda afasha umwubatsi warwo. Abubatsi bari bafite ishyirahamwe ryabo. Umunsi umwe rero Thomas na wa mwubatsi bari hejuru bakora kuri sharupanti. Uwo mugabo w'umusharupantiye yari munini cyane ku buryo ahantu yari yihanitse kuri iyo sharupanti ndende atashoboraga kwiheta ngo akate urubaho. Nuko areba hirya no hino ngo arebe niba hari umuntu ubareba arangije arahindukira abwira Thomas ati, "Ngaho kerera urubaho." Thomas ati, "Nta kibazo reka ndukerere. Ariko se ni kuki wabanje kurangaguza hirya no hino utyo?" Wa musharupantiye atangira gusobanurira Thomas ko bitewe n'uko atari umunyamuryango muri rya shyirahamwe ryabo ubundi atemererwa gukata urubaho cyangwa gutera umusumali.

Mu bihugu byinshi muri iki gihe cyacu, birasa nk'aho hari "Ishyirahamwe ry'abapastori". Ni bo babatiza, ni bo batanga Ifunguro Ryera n'ibindi... ariko bakristo basanzwe ntibabyemererwa. Ijambo ry'Imana ritubwira ko twese turi abakozi b'Imana; I Petero 2:4, "na mwe mwubakwe, ... kugira ngo mube inzu y'umwuka, n'ubwoko bw'abatambyi bwera..." I Petero 2:9 hakavuga ngo, "muri ubwoko bwatoranijwe, abatambyi b'ubwami, ishyanga ryera, n'abantu Imana yaronse,..."

Uwizera Kristo wese ni umutambyi, ni umukozi w'Imana kandi nta by'amashyirahamwe ngo abanyamuryango n'abandi batari abanyamuryango mu Bwami bw'Imana. Abapastori bakwiye kongera bagasuzuma neza inshingano zabo nk'abagaragu, abakozi b'Imana, bakwiriye gushyira abakristo mu mirimo yose ikorwa mu itorero ntawo bimiriwemo.

Yesu yamaze imyaka itatu atoza abigishwa cumina babiri. Ni we rugero rwacu nyarwo rw'ukuntu twahindura isi. Yakoresheje ihame shingiro-kwikuba(multiplication). Ibyo yakoze byose ni byo tugomba gukora na twe. None se Yesu yakoze iki?

Yesu yari afite imirimo y'uburyo bubiri:

1. Yari afite umurimo wo ku mugaragaru. Yabwirizaga amataniriro y'abantu benshi.
2. Yari afite n'umurimo w'ubuzima bwe bwihereye utamenyekana mu ruhamwe. Umurimo we wo mu buryo bw'ibanga ni wo wagize uruhare cyane mu guhindura isi.

Mu murimo we w'ibanga yakoze ibintu bitatu:

1. **YAREMYE ITSINDA RY'ABIGISHWA.** Iryo tsinda rye ryari rigizwe n'abantu bangahe? Abantu 12. Si ngombwa ko wowe utangirana 12. Ushobora no gutangirana n'umwe bibaye ngombwa. Nib anta n'fite ubanze umushake umugeze kuri Kristo.

2. **YATOZAGA ITSINDA RYE.** Igice cy'iki gitabo kivuga uko umuntu yabyifatamo kizakwigisha uko watoza itsinda ryawe.

3. **RYA TSINDA YARYOHEREZAGA HANZE BAKAJYA GUKORA.** Hari ingamba nyinshi z'uburyo washobora kohereza abagize itsinda ryawe hanze kugira ngo itorero ryaguke kandi utangize n'amatorero mashya. Dore rero uburyo butatu bworoshye bw'ukuntu wakoresha itsinda ry'abantu 12:

- Fata umujyi cyangwa umurenge wawe utuyemo uwugabanyemo ibice 12 hanyuma buri wese mu bagize itsinda umushinge igice kimwe cy'uwo mujyi cyangwa umurenge. Buri wese azaba ashinzwe kubwiriza igice cye cy'umujyi.
- Ubohereze nk'abatware b'ingabo (captains) mu bice 12 bitandukanye; imijyi, imidugudu n'ibirorero kugira ngo batangize imirimo mishya.
- Cyangwa se ubundi buryo bufashe impande zombi ni ugufata bamwe ukabohera mu gace k'aho utuye bakahabwiriza kugira ngo itorero ryawe rikure, abandi ukabohera mu mijyi, imidugudu n'ibirorero gutangiza ibikorwa bishya.

(Buri mutware w'umutwe w'ingabo (captain), uko iminsi ihita na we azashyiraho itsinda rye rito ry'abantu nka babiri cyangwa abarenga na we atangire kubatoza ibyo yatoywe. Noneho abagize itsinda rya wa mutware w'umutwe bazashingwa buri wese kubwiriza agace ke yahawe cyangwa kugatangizamo igikorwa gishya.)

Umuvugabutumwa ufata iyambere azashyiraho kandi ITSINDA RY'ABIGISHWA MU IVUGABUTUMWA rigizwe n'abalayiki hanyuma abatoze ivugabutumwa, guhindura abantu kuba abigishwa no gushing amatorero. Iki gitabo kizakwigisha uko wabikora ariko intambwe ya mbere ugomba gutera ni ugushyiraho itsinda ryawe. Niba nta bakristo ufite watoza, ubwo rero icyo ugomba kubanza gukora ni ugushaka abo ubwiriza ukabakiriza agakiza. Umaze kubazana kuri Kristo ubahindura abigishwa noneho ukarema ITSINDA RY'ABIGISHWA MU IVUGABUTUMWA. Intego yawe ni ugushyiraho ITSINDA ry'abigishwa ba Kristo ushobora gutoza kuba Abavugabutumwa Bafata Iyambere hanyuma ukabohera hanze mu murimo. Iri tsinda ry'abigishwa ni bo twita muri iki gitabo Abafata Iyambere (Pioneers) . Ikiba kigamijwe ni uko buri wese Ufata Iyambere azaba Umuvugabutumwa Ufata Iyambere Uyoboye abandi [a Pioneer Evangelist leader (PEL)] na we agashyiraho irye tsinda ry'abigishwa /abafata iyambere. Ibyo ni byo kwikuba incuro nyinshi (multiplication).

Itsinda ryawe urirema mu buryo bubiri:

1. Hagarara ku gatuti/alitari mu rusengeru utangaze ku mugaragarar ko ushaka gushyiraho itsinda ryo guhindura

abantu abigishwa kandi uhamagarire bese kujyamo. Imana izahagurutsa abantu bamwe wowe kubwawe utakwigera utoranya. Urugero: mbese wowe wagatoranyije Matayo, umukoresha koro ngo abe umwigishwa?

2. Mu ibanga – Senga Imana uyisabe abo ishaka ko baba mu itsinda ryawe. Hanyuma ubasange mu ibanga ubasabe ko baba mu itsinda ryawe ry’abigishwa. Ubasobanurire ko muzajya muhura rimwe mu cyumweru. Uzabigisha, ubatoze hanyuma ubohereze basohoke hanze bajye gukora umurimo bazane abantu kuri Yesu Kristo.

Mu murimo w’Ivugabutumwa Rifata Iyambere, Umuvugabutumwa Ufata Iyambere uyoboye abandi aba afite inshingano ebyiri z’ibanze:

1. Inshingano ye ya mbere y’ibanze ni ugutoza abafata iyambere umwe umwe cyangwa se bari mu dutsinda dutu. Bene izi nyigisho si inyigisho zitangirwa mu biterane by’abantu benshi cyangwa mu matsinda manini. Agomba kubatoza bari mu dutsinda dutu. Abapastori n’abandi bakozi b’Imana bagomba gukora itsinda rimwe. Twabagira inama ko itsinda ritakagombye kurenza abantu 12. Abo ni bo bigishwa bawe uzatoza. Iyo nta bakristo ushoboye kubona utangirana na bo itsinda utoza, ubwo ni ugutangirira kuri zeru, ukabanza ugashaka abantu wakiriza agakiza maze noneho ugatangira kubatoza mu itsinda ryawe. icy’ingenzi ni ukuba ufite intego yo kugira itsinda ry’abafata iyambere cyangwa abigishwa. Mugomba kujya muterana buri cyumweru n’itsinda ryawe mugasenga, mugahana amakuru y’aho bigeze, mukajya inama kandi bagahugurwa.

Dogiteri Waylon Moore mu gitabo cye cyitwa Multiplied Disciples (Kugwiza Abigishwa), avuga ibi bikurikira:

- A. Gutoza abigishwa ni bwo buryo buhambaye umuntu ashobora gukoramo umurimo w’Imana ku buryo butagira aho bugarukira.
- B. Gutoza abigishwa ni wo murimo ushobora gukora mu buryo bworoshye aho ari ho hose.
- C. Gutoza abigishwa ni bwo buryo bwihuta kandi bufite umutekano bwo guhagurikiriza umubiri wa Kristo kubwiriza ubutumwa.
- D. Gutoza abigishwa ni wo murimo urusha iyindi mirimo y’Imana yose ubushobozi bwo kumara igihe kirekire cyane wera imbuto.
- E. Gutoza abigishwa bituma mu itorero haboneka abakristo bakuze mu by’Imana, bashinze imizi muri Kristo kandi bashikanye mu Ijambo ry’Imana.

2. Inshingano ye ya kabiri ni ukuba hafi y’umwigishwa bagahura rimwe buri cyumweru. Umuvugabutumwa Ufata Iyambere uyoboye abandi agomba kumarana nibura isaha imwe n’itsinda rye ry’abafata iyambere. Mugomba

guhura na bo nibura rimwe mu cyumweru kugira ngo uhindure ubuzima bwabo. Ibigomba gukorwa muri uko guhura:

- A. Umuyobozi agomba gutangiza iryo teraniro asenga. Tuba twinjiye mu rugamba rw’umwuka kandi intwari yacu nta yindi uretse gusenga.
- B. Saba buri muvugabutumwa ufata iyambere kubabwira uko yabonye Imana imuneshereza muri icyo cyumweru.
- C. Ubasabe bavuge ibibazo bahuye na byo muri icyo cyumweru hanyuma umenye ikibazo cya buri wese ucyandike ahantu.
- D. Ubagire inama kuri buri kibazo.
- E. Itsinda ryawe uritoke ukurikije uburyo buri muri iki gitabo mu gice kivuga ku kuntu umuntu yabigenza. Urugero, mwongere mwigie igice kitwa “Uburyo bwo gutanga ubuhamba,” Cyangwa ikitwa “Ivugabutumwa” kugira ngo umenye neza ko Ufata Iyambere (pioneer) asobanukiwe koko uburyo bwo kuzana abantu kuri Yesu. Cyangwa ubundi byanabwo ngombwa ko musubiramo byitwa “Gusenga,” “Uburyo buziguye,” cyangwa “Uburyo bwo gutoza abakozi b’Imana mu itorero,” n’ibindi. Uwo mwanya uwukoreshe utoza abakozi.
- F. Ubishe ibintu bitandukanye bikorwa mu murimo w’Imana, nk’ukuntu bashobora gutegura ikibwirizwa mu nyandiko, uko bagira abantu inama babafasha mu bibazo bitandukanye, n’ibindi. Ni inshingano y’umuvugabutumwa ufata iyambere uyoboye abandi, gutegura no gutoza neza abo bafata iyambere.
- G. Uhe abigishwa icyerekezo rusange hanyuma usozeshe guterana kwanyu isengesho. (Reba ibindi ushobora gukora mu gice cyiswe, “Gukurikirana uko “Abafata Iyambere” bameze buri cyumweru.”)

Iyo umuvugabutumwa ufata iyambere atuye kure, umuyobozi akwiriye gutegura amateraniro maremare ya rimwe mu kwezi cyangwa mu mezi abiri. Ashobora kandi no kuguma hafi y’umwigishwa mu buryo bwo kwandikirana amaburuwa. Ubu ni bwo buryo Intumwa Pawulo yakoresheje. Ni ngombwa cyane ko umuyobozi ajya anyuzamo agasura abigishwa bose kandi agakomeza guhurira hamwe n’itsinda rye.

Ni iyihe nshingano y’ibanze y’umupastori/umukozi w’Imana uyobora abandi ?

Mbese wiyemeje gushyiraho itsinda kandi ukitangira kubigisha no kubatoza hanyuma ukabohereza hanze mu murimo ?

VI. ITSINDA RY'ABIGISHWA MU IVUGABUTUMWA

Inshingano y'Umuvugabutumwa Ufata Iyambere uyobora abandi ni ugutoza abayoboke b'itorero rye kugira ngo bashobore gusohozza inshingano z'imihamagaro yabo. Muri buri torero, Imana iba yarahashyize abantu bafite impano idasanzwe y'umurimo w'ivugabutumwa no gushinga amatorero mashya. Umuyobozi rero amenya abantu bashobora kuzaba abakozi b'Imana bafite izo mpano. icyo gihe rero umukozi w'Imana Ufata Iyambere inshingano ye ni ugutoza by'umwihariko abo bagabo n'abagorehe akoresheje iki gitabo **Ivugabutumwa Rifata Iyambere** n'izindi mfasha nyigisho nziza. Itsinda ry'Abafata Iyambere rikwiye kumenyekana mu itorero nk'itsinda ry'abavugabutumwa. Itorero na ryo rigamba kwihatira kubasengera, rikabashyigikira kandi rikabohereza bakajya gutangira umurimo mushya.

Intego n'impamvu z'itsinda ry'Abigishwa mu Ivugabutumwa

- 1. Kuzana abantu kuri Yesu.**
- 2. Kubatiza abamaze gukizwa**
- 3. Gukurikirana no kwigisha abamaze gukizwa.**
- 4. Gutoza abakozi b'Imana mu itorero aho umurimo mushya utangiye. (Imana izahagurutsa abandi bakozi bayo; bizaba ngombwa ko Umuvugabutumwa Ufata Iyambere abatoza.)**
- 5. Guha umurongo mwiza itorero rishya, ryiteza imbere, ryigenga kandi rigenda riyagura riyobowe n'Umwuka w'Imana.**
- 6. Gutangira kugwiza indi mirimo mishya. Buri muvugabutumwa ufata iyambere (pioneer) ajya ku rwego rw'ubuyobozi (PEL: Pioneer Evangelist Leader) igihe aremye irye tsinda ry'abafata iyambere agatangiza igikrwa gishya nawe. Ubu ni bwo buryo bwo guteza imbere ishingwa ry'amatorero mashya.**

VII. IBINTU ICYENDA SHINGIRO WAKORA KUGIRANGO UGERE KU NTEGO NEZA MU GUSHINGA AMATORERO

Donald A. McGavran mu gitabo cye, Understanding Church Growth ("Gusobanukirwa uko itorero rikura"), na Howard Snyder, mu gitabo cye, Orientalism for Starting Urban Churches ("Uburyo bwo gushinga amatorero mu mujyi"), bavugaga amahame shingiro yagufasha ku kugera ku ntego yawe neza mu gushinga itorero.

Ayo mahame ahuriweho n’isi yose kandi ashobora gukoreshwa mu gihugu icyo ari cyo cyose cyo mu isi. Arakora haba mu mijyi minini cyangwa mito.

A. Banza umenye abantu bafite impano y’umwuka yo kuba batangiza ibikorwa bishya.

Buri torero riba rifite abakristo n’abavugabutumwa bafite impano z’umwuka zo kubwiriza ubutumwa no gutangiza indi mirimo. **Dukurikije Abefeso 4:11-12, umurimo w’Umuvugabutumwa Ufata Iyambere uyoboye abandi (PEL), yaba umupastori cyangwa umukozi w’Imana w’umulayiki ni ugutegura abera (abalayiki) kugira ngo bashobore gukora imirimo bahamagariwe. Abaroma 12: 6-8, I Abakorinto 12:4-11**

B. Shyira imbaraga mu gukoresha abalayiki.

Kwihatira gukoresha abalayiki ni rwo rufatiro rw’ibanze kugira ngo ushobore gutangira itorero rishya ahantu hataba amatorero. Nta bakozi b’Imana babyimikiwe bahari bahagije bashobora kugera kuri iyi ntego hatiyambajwe imbaraga z’abalayiki. Inshingano y’ibanze y’umuvugabutumwa ufata iyambere uyoboye abandi ni ugutegura abalayiki kugira ngo babashe gukora umurimo w’Imana. **Abefeso 4:11-12** havuga ko mu Itorero Imana yahaye “bamwe kuba *intumwa (abamisiyoneri), abandi kuba abahanuzi, abandi kuba abavugabutumwa, n’abandi kuba abungeri n’abigisha ngo abera ba tunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby’Imana no gukomeza umubiri wa Kristo.*”

Hari umupastori w’Itorero rimwe wigeze kuvuga ati, “Ndamutse ndetse abakristo banjye bagatangira kujya babatiza n’ibindi, jye ubwo umurimo wanjye waba uwuhe?” Uyu mupastori yari afite imyumvire mike y’inshingano y’umupastori mu buryo bwa Bibiliya. Abapastori, abamisiyoneri (intumwa) n’abandi bakozi b’Imana bagomba kwibanda ku nshingano ebyiri z’ingenzi:

- A. Gutoza abalayiki ngo babe abavugabutumwa.** Abo bavugabutumwa ni bo bazakura mu mwuka bahinduke abafata iyambere bajya gushinga amatorero.
- B. Gutoza abakozi b’Imana bari mu Itorero n’abavugabutumwa** bazafata inshingano z’ubuyobozi mu itorero mu buryo bwihuse cyane. Ni ngombwa ko abo bakozi b’Imana mu itorero batanzwe ibyo Bibiliya yigisha; nk’ukuntu umuntu yagira akanya ko kwiharerana n’Imana, uko yakura mu kwizera, n’uko yagira uruhare mu mirimo y’itorero.

Pawulo yabwirije i Tesalonike ibyumweru bike gusa, nyamara muri uwo muji yasize itorero ryamaze gushinga imizi; hanyuma arisigira abalayiki b'i Tesalonike.

Muri Efeso yagumyeyo imyaka ibiri yigishiriza mu nzu yo kwigishirizamo ya Turano (Ibyakozwe 19:9). **Umusaruro wabaye uwuhe? Abantu bose bo muri ako gace k'Asiya Ntoya bumvise Ijambo ry'Umwami Yesu (Ibyakozwe 19:10,20). Ibyo ntabwo Pawulo yabikoraga wenyine! Buri gihe yabaga atoza abalayiki gusohoza Ijambo ry'Umwami Imana.**

II Timoteyo 2:2 haravuga ngo, “Kandi ibyo wanyumvanye imbere y’abahamya benshi, ubimenyeshe abantu bo kwizerwa bazashobora kubyigisha abandi.” **Uyu murongo ugaragaza neza ibanga rya Pawulo mu gukora umurimo we neza. Yasohozaga itegeko Yesu yaduhaye ryo “guhindura abantu abigishwa.” Pawulo yatozaga abandi gutoza abandi bazatoza abandi gutoza abandi; gutyo gutyo, etc.**

C. Kugira urufatiro ruzima rwa Bibiliya mu gusobanukirwa itorero icyo ari cyo.

Ntibishoboka ko watangira ikintu na we ubwawe utazi icyo utangiye. Itorero ni iki? **Itorero ni itsinda ry’abakristo babatijwe bahujwe no kugira ngo basohoze izi nshingano zikurikira: Ibyakozwe 2:42-47**

- 1. Kuramya (Praise) [Ibi bikubiyemo n'imihango itandukanye]**
- 2. Ivugabutumwa (Evangelism)**
- 3. Guhindura abantu abigishwa (Discipleship)**
- 4. Imirimo itandukanye (Servant Ministries)**
- 5. Gusabāna (Fellowship)**

Itorero riteye rite? Ni ibiki biriranga?

- A. Ririgenga muni y’ubuyobozi bw’Imana.**
- B. Ryiteza imbere riri muni y’ubutware bw’Imana.**
- C. Ririyagura rigakwira riri muni y’ubutware bw’Imana.**
- D. Banza umenye ahantu hazakira neza ubutumwa.**

Uburyo bumwe bwo kumenya ahantu hazakira neza ubutumwa kurusha ahandi, ni ukureba ahantu hariho haraba imihindagurikire ikomeye mu buryo bw'imibereho y'abantu. Ahantu nk'aho umuvugabutumwa ufata iyambere azashobora kuhasanga abantu bakira neza ubutumwa bwiza.

Ubundi buryo bwo kumenya abantu bakwakira neza ubutumwa ni ukureba babandi bashobra kuba bafite inyota y'Imana bitewe n'ibibazo bidasanzwe

bahuye na byo. Ibi bishobora kuba ku muntu uwo ari we wese no ku rwego urwo ari rwo rwose yaba ariho. Rimwe na rimwe abakire bagirana amakimbirane n’abana babo ashingiye ku biyobyabwenge n’ibindi bibazo by’imibereho. Ubutumwa bwiza bufite igisubizo cy’ibibazo bya buri muntu muri buri rwego rw’imibereho mu isi. Umurimo wacu ni ugusanga abo bantu tukabageza kuri Kristo.

E. Sobanura mu buryo buhamye uko wizera Kristo. Zaburi 126:6

Nta kindi kirusha ibingibi agaciro. Ubutumwa Intumwa zavugaga bwari ubwo kwihana ibyaha no gukizwa bituruka kukwakira Yesu. Ubwo butumwa babuvuganye imbaraga nyinshi ku buryo babugejeje ku isi yose. Dukwiriye gukora gutyo muri iki gihe! **Zaburi 126:6 haravuga ngo, “Nubwo umuntu agenda arira asohoye imbuto, azagaruka yishima azanye imiba ye.”** Niba nta musaruro ubona mu murimo wawe, ahari wenda ni uko utabiba uko bikwiye. Ibaze ubwawe niba ari abantu bangahe waba warabwiye ibya Kristo mu cyumweru gishize bagahamagarirwa gukizwa. **Ivugabutumwa ryo kuhaboneka [Presence evangelism]** (kuba waje gusa ukitaba iperu) ntirihagije. **Ivugabutumwa ryo kurangurura ukamamaza ubutumwa [Proclamation evangelism]** (kuvuga ubutumwa bwiza gusa) ntirihagije. Hagomba kubaho **Ivugabutumwa ryemeza(persuasive evangelism).** **Ivugabutumwa ryemeza** ni igihe uha umuntu amahirwe yo kugira ngo abitekerezeho hanyuma afate icyemezo cyo kwegurira ubugingo bwe Yesu Kristo nk’Umwami n’Umukiza.

Ni ryari uheruka gusengana umubabaro ukarira usengera abanyabyaha ngo bakizwe?

F. Shimangira ku gutangirira itorero mu rugo.

Pawulo yabwirije ubutumwa bwiza Abayuda n’Abanyamahanga. Amaze kubwiriza ubutumwa bwiza mu mudugudu, abakijijwe bateraniraga ahantu runaka bumvikanye. Rimwe na rimwe ayo materaniro yabo bayakorera mu ngo z’abo bakristo bashya. Ikindi gihe bakoreshaga ahantu rusange ku bantu bose nk’inzu runaka cyangwa ishuri.

Bajyaga bateranira ahantu nk’aha hakurikira:

1. Ibyakozwe 16:40 **kwa** Ludiya- i Filipi.
2. Ibyakozwe 17:5,6 **kwa** Yasoni- i Tesalonike
3. Ibyakozwe 18:7 **kwa** Titiyo, Yusito- i Korinto
4. Ibyakozwe 19:9 **ishuri** rya Turano- i Efeso

5. Ibyakozwe 20:20 Pawulo yigishirizaga mu **ruhame ubundi akigisha urugo ku rundi.**

Mu mibereho yacu y'iki gihe, cyane cyane mu mijyi minini, ni ngombwa gushimangira cyane akamaro ko gutangirira amatorero mu ngo bitewe n'uko ibibanza no kubaka bihenze cyane. Abakristo bose ahariho hose mu isi bifuzaga guhurira hamwe mu materaniro bagahimbaza Imana. Ibi ntibivugaga ko hagomba kuba hari inzu cyangwa urusengeru, cyane cyane iyo ari ho itorero rigitangira. Iyo bateranira mu ngo z'abantu, icyo gihe itorero rikura ridafite umutwari wo gukodesha cyangwa kugura inyubako.

Ikibazo gikunze kubaho cyo gukodesha cyangwa kugura ikibanza ni amafaranga menshi bisaba. Mu mijyi mito mito bishobora guhenduka. Nyamara mu mijyi minini si ko bikunze kumera. Ku bw'iyi mpamvu, ni byiza guteranira mu ngo, mu gikari cy'inzu, cyangwa se ahandi nk'aho iyo itorero rigitangira.

Byaragaragaye ko abakizwa biyongera cyane iyo itorero riteranira ahantu hasanzwe, aho abashyitsi bashobora guterana bumva bisanzuye badatinye. Ni ngombwa kandi gusobanukirwa ko ubu buryo butuma byoroha gucengera mu mihana y'imidugudu n'imijyi.

Kimwe mu bibazo bikomeye byo guteranira mu ngo ariko, ni uko abantu bashobora kubifata nk'aho ari ibintu by'akanya gato bitazahoraho. Nyamara iryo tsinda rishya rishobora gukoresha icyo gihe cyo mu itangira, rikaba ryegeranya amafaranga buhoro buhoro kugira ngo bazashobore gukodesha inzu cyangwa se kwigurira ikibanza bakubaka.

Intego ni ugutegurira itorero rishya kuzashobora kwirwanaho ubwabo bakoresha ubushobozi bwabo batarinze guhanga amaso ku mfashanyo zaturuka hanze.

G. Tunganya neza gahunda y'amateraniro ku buryo abakristo bayishimira.

Iyo tuje imbere y'Imana, tugomba kuyegera dufite umutima utaryarya. Muri Matayo 6:9-13, Imana itwigisha ko tugomba kwegera intebe yayo dushima duhimbaza. Guhimbaza rero no kuramya Imana nicyo gihita kituzamo iyo tubonye gukomera kwayo n'ubwiza bwayo. Ibitekerezo byacu byose bikaba ku Mana n'imiterere yayo (ishimwe rituruka ku byo Imana yadukoreye.) Ni Imana ihoraho iteka, ishobora byose, iba hose yuzuye isi n'ijuru, kandi izi byose. Ni EL-SHADDAI (EL= gukomera, SHADDAI = gushobora byose). Ni JEHOVAH JIREH (Imana itanga). Ni Jehovah Rophe (Imana ikiza indwara.)

Hari ibindi byinshi biranga imiterere y’Imana. Guhimbaza ni ugushima Imana uyiramyaga bitewe n’uko iri, n’uko iteye, n’icyo iri cyo. Ibi ni ibintu biza mu mutima w’umuntu kandi bigaseruka hanze ahagaragara mu buryo bwinshi bunyuranye.

H. Ntiwikoreze abantu umutwara w’inyubako y’urusengeru.

Ni byiza ko habanza hakabaho itsinda ry’abakristo bazima batajegajega mbere y’uko utangira kuvuga ibintu bijyanye n’amafaranga; nk’iby’umushahara w’umuvugabutumwa, imitungo, n’inyubako z’urusengeru.

I. Kuva umurimo ugutangira ushyire imbere igitekerezo cy’uko umurimo mushya uzaguka vuba bishoboka hakoreshejwe aya mahame abiri:

1. Tangirira icyarimwe imirimo mishya hirya no hino ubinyujije mu gutoza abalayiki.
2. Toza abakristo bashya kugira ngo bagire iyerekwa ryo gutangirira amatsinda mashya menshi icyarimwe.

VIII. UBURYO BUTANDATU BWO GUTUMA AMATORERO AKURA IGIHE AMAZE GUTANGIRA

Iyo itorero rimaze gutangira, ukora iki ngo rikure? Hamaze kwandikwa ibitabo byinshi ku bijyanye n’iki kibazo kandi hakozwe n’ubushakashatsi bwinshi. Nyamara kugira ngo itorero rikure, hagomba kuba ibintu bitandatu by’urufatiro kandi bya ngombwa cyane. Ni ibi:

1. Umurimo wo gusenga

Itorero rikwiye kubakirwa ku rufatiro rwo gusenga. Ntabwo abapastori n’abandi bakozi b’Imana bakwiye guhwitwira abantu gusenga gusa ahubwo bakwiye no kubigisha uko basenga. Ikibazo abakristo benshi bagira ni ukutamenya uko bakwihererana n’Imana basenga. Dore inama nkeya twabagira:

- A. Koresha inama ziri muri iki gitabo mu gice kivuga uko umuntu yabigenza “Gusenga k’ufata Iyambere”.
- B. Iga uko “umuntu yakumva ijwi ry’Imana,” no gukora urutonde rw’abo wingingira buri muni wwa buri cyumweru. Ni ngombwa kandi gukora urutonde rw’amashimwe. Ibyo biri mu gice kivuga uko umuntu yabyifatamo mu buryo busanzwe muri iki gitabo.
- C. Tangira wigishe abantu gusenga no gukoresha gusenga mu buzima bwabo. Ni cyo gituma abakristo bagira akanya gato cyane ko gusenga n’ubwo bahora bigishwa cyane umumaro wo gusenga.

Ntibaba bazi uko bakwihererana n’Imana bonyine ngo bamare igihe basenga.

- D. Shyiraho amatsinda yo gusenga mu ngo. Igikorwa cyo gusenga ntikigomba kuba kimeze nk’amateraniro asanzwe.
- E. Rimwe na rimwe ushobora gusozza amateraniro usengesha, abantu bakarema udutsinda duto duto bagapfukama bagasenga. Ibi ni ngombwa cyane mu gutoza itorero gusenga.

2. Umurimo wo guhimbaza Imana no kuyiramy

Howard Snyder mu gitabo cye, *Guidelines for Urban Church Planting (“Uburyo bwo gushinga itorero mu muji”)*, aravugaga ati, kugira ngo itorero rikure ni ngombwa ko mu materaniro habamo ibyishimo, abantu bakahishimira. Iri ni ihame rihuriweho n’isi yose.

Nta muntu n’umwe ukeneye kujya mu materaniro yo gusenga wagira ngo bari mu cyunamo. Gusenga cyangwa imyizerere itarimo umunezero n’ibyishimo iyo ntiba ari imyizerere mizima. Amateraniro arimo ibyishimo, ahlo bacuranga bakaririmba neza usanga buri wese yakongejwe. Ibi ntibishaka kuvuga ko tugira amateraniro adafite gahunda. Amaperereza yakozwe mu isi yose agaragaza ko amatorero akura cyane muri buri gihugu, ari amatorero agira amateraniro arimo ibyishimo.

Wibuke ko umuziki ari uburyo bugufasha kuramya, ariko umuziki ubwawo si ko kuramya. Duhimbaza Imana ntiduhimbaza umuziki wacu. Umuziki ni uburyo bwo mu mico y’abantu bufasha mu kuramya. Si ngombwa kurimbura umuco w’igihugu kugira ngo twinjize ubutumwa bwiza.

Kuramya kwiza ni uguhimbariza Imana icyo iri cyo. Gushima Imana no kuyihimbaza ni ikintu kibera mu mutima w’umuntu hanyuma kigaseruka inyuma mu buryo butandukanye. Amatorero amwe akunda gukoresha indirimbo za kera zo mu bitabo. Ayandi agakunda gukoresha indirimbo z’“amakorasi” zo guhimbaza. Tugomba kubaha umuc wa buri karere kandi tugomba no kubaha imikorere n’ubwigenge bwa buri torero. Tutitaye ku bwoko bw’umuziki itorero rihisemo gukoresha, icy’ingenzi ni uko amateraniro abamo ibyishimo n’ubuzima, ntawe ibintu bisinziriye. Ni ibirori byo kwizihiza Imana yacu.

Amatorero amwe yo muri Afrika igihe cyo guhimbaza mu materaniro bakoresha ingoma bakajya bagahaguruka bakajya imbere bakabyina. Waba ukoze amakosa uramutse ubabwiye ngo, “Nimureke gukora ibyo ntabwo ari ko bigenda; siko bigenda muri Leta Zunze ubumwe z’Amerika, muri Brazil, mu Buhinde, cyangwa ahandi.”

Bimwe mu bindi bigize kuramya Imana no kuyihimbaza biba bikwiriye gukura kenshi ni ukubatiza no gusangira Ifunguro Ryera. Dogiteri Charles Brock mu gitabo cye, Indigenous Church Planting (“Gushinga itorero ry’abanyagihugu kavukire”), yavuze ibi bikurikira kuri iyi mihango uko ari ibiri y’ingenzi:

Ugomba kuba ufite ibi bikurikira kugira ngo ubatize:

- A. Umuntu ushaka kubatizwa kandi ubikwiye-** umuntu wihanyeye ibyaha bye akizera Yesu nk’Umwami we, Umucunguzi we, n’Umuhuza we n’Imana. Nta murongo n’umwe muri Bibiliya uvuga ko uruhinja rushobora kubatizwa. Bibiliya yerekana neza ko abo tugomba kubatiza ari abakijijwe gusa. Umwana muto w’uruhinja ntaba afite ubushobozi bwo kwakira Kristo nk’Umwami we, Umukiza we, n’Umuhuza we n’Imana.
- B. Ububasha bukwiye-** itorero runaka rishobora guhitamo umuntu ribatiza n’uwo ritabatiza.
- C. Umuntu ukwiye wo gukora uwo muhango-** Buri torero rifite ububasha bwo guhitamo umuntu ukora uwo muhango wo kubatiza. Ni nde wabatije intumwa Pawulo? Dukurikije Bibiliya, abalayiki (abakristo basanzwe batari abapastori babisigiyewe) bashobora kubatiza: Matayo 28:19; Ibyakozwe 8:36-38; Ibyakozwe 9:17-19; Ibyakozwe 14:21-23.
- D. Uburyo bukwiye-** kwibiza mu mazi menshi mu izina rya Data n’iry’Umwana n’iry’Umwuka Wera.
- E. Impamvu ikwiye-** ikimenyetso cy’uko Kristo yapfuye kubw’ibyaha byacu, agahambwa, hanyuma akazuka mu bapfuye. Ni ikimenyetso kandi cy’uko twapfuye ku byaha byacu, tukakira ubugingo bushya muri Yesu Kristo.

Kugira ngo utange Ifunguro Ryera ugomba kuba ufite ibi bikurikira:

- A. Abarizaho bakwiye** abigishwa ba Kristo.
- B. Ububasha bukwiye-** Yesu Kristo. Yategetse abizera ko bazajya bajya ku Ifunguro Ryera bibuka urupfu rwe.
- C. Umuntu ukwiye wo gukora uwo muhango-** itorero ririgenga kandi rishobora guhitamo umuntu ryifuzako ari we uyobora uwo muhango w’ifunguro ryera. Uyu agomba kuba ari uwafashe iyambere (the pioneer), cyangwa undi mukozi w’Imana muri iryo

torero cyangwa se itorero rishobora kugena bamwe muri bo babayobora muri icyo gikorwa cyo kuramya Imana mu materaniro.

- D. Impamvu ikwiye-** kwibuka no kwamamaza urupfu rwa Kristo kugeza ubwo azagaruka.

Ikirenze ibindi byose, mu materaniro yacu kubwiriza Ijambo ry’Imana bigomba gushingira ku Ijambo ry’Imana. Niba Ufata Iyambere adasanze amenyereye kubwiriza agomba gutoranya igice cyo muri Bibiliya hanyuma akagikoresha ibi bintu bitandatu bikurikira:

- A. Soma umurongo.
- B. Sobanura inyigisho irimo.
- C. Sobanura uko buri nyigisho ishobora gukoreshwa mu buzima bw’abo baguteze amatwi.
- D. Tanga urugero kuri buri nyigisho.
- E. Ibyo ubikore kuri buri murongo cyangwa kuri buri gika cy’igice watoranyije.
- F. Usoze ubutumwa uhamagarira abantu gufata ibyemezo.

Iyo Ufata Iyambere atari umuvugabutumwa ukomeye umenyereye kubwiriza, byaba byiza atarengeje iminota 20.

ICYITONDERWA: Ni byiza kubwiriza iminota 20 gusa buri cyumweru abantu bagakomeza kwiyongera kuruta ko wabwiriza iminota 30 cyangwa 50 abantu ntibazagaruke cyangwa ntibazigere bazana n’incuti zabo ngo bazikundishe itorero ryabo.

Umuyobozi kandi ashobora no gukoresha uburyo bwo kwiga Bibiliya n’uburyo bw’inkuru. Wige muri iki gitabo ibice bivuga ku kuntu umuntu yayobora ibihe byo kwiga Bibiliya mu rugo, wige n’ibice bivuga uburyo bwo gukoresha inkuru kugira ngo umenye uko wabwiriza neza kandi n’uko wafasha abandi kwiga Bibiliya.

3. Umurimo w’ivugabutumwa

Itorero rigomba gusohoka rikajya kuvuga ubutumwa hanze kugira ngo rikure. Ushobora gukoresha gahunda iri muri iki gitabo cyangwa indi gahunda iyo ari yo yose. icy’ingenzi cyane ni uko itorero rigomba gufata iyambere rigasanga abantu hanze mu isi bakeneye kumva ubutumwa bwiza, atari ugutegereza ko abantu babasanga mu rusengeru rwanyu mu materaniro yo ku cyumweru mukabona kubabwiriza. Ufata iyambere agomba gukora umurimo wo gusura abantu bigatoza abayoboke kumenya kujya hanze y’urusengeru gushaka

abazimiye bagamije kubashyikiriza Kristo. Bakabasengera bakabakiriza agakiza aho babasanze hatari mu rusengero.

4. Umurimo wo guhindura abantu abigishwa

Kugira ngo habeho gukura ni ngombwa ko rigira gahunda yo kwiyegereza abakristo bashya no gutoza abakozi b’Imana mu itorero ubigisha umuntu ku muntu cyangwa se mu matsinda mato. Umuvugabutumwa ufata iyambere rero azatoza abo bakozi b’Imana kwizera abigishwe n’ibyo bakeneye bakora umurimo, nko gusenga, gutanga ubuhamya, kuzana abantu kuri Yesu bakabakiriza agakiza, kwiga Bibiliya mu rugo, kuyobora abandi mu kwiga Bibiliya, n’ibindi.

Ni ngombwa cyane ko umuvugabutumwa ufata iyambere igihe asohotse agiye gukora umurimo hanze ajyana n’abakozi b’Imana bo mu itorero cyangwa abakristo bashya. Urugero, nk’igihe agiye kuyobora amateraniro yo kwiga Bibiliya mu ngo z’abantu batarakira Yesu nk’Umwami n’Umukiza wabo, ba bakristo bashya ariho atozaga bagomba kumuherekeza bakajyana. Umuklozi w’Imana mu itorero agomba guherekeza umuvugabutumwa ufata iyambere akitegereza neza uko abigenza atanga ubuhamya bwe, yakiriza abantu agakiza, n’ibindi. Ntawe utoza undi bicaye mu ishuri gusa.

Hari amabanga abiri yo gutoza neza: Irya mbere, toza abantu umwe umwe cyangwa mu dutsinda duta. Irya kabiri, ni ngombwa cyane kujyana n’abo utoza igihe usohotse ugiye hanze kubwiriza ubutumwa.

5. Umurimo w’ubusabane

Kugira ngo itorero rikure hagomba kuba ubusabane bwuje urukundo hagati y’abarigize. Igihe abashyitsi bageze mu itorero bakagombye kuhamva urukundo rw’Imana, ariko kandi bakahasanga n’urukundo hagati y’abanyetorero. Iyo hari ugusharira, urwangano n’amacakubiri ntibishoboka ko itorero rikura. Guhuza umutima n’urukundo ni ibya ngombwa cyane kugira ngo abashyitsi bumve ko hari ubusabane mu itorero kandi bumve ko ribakiriye.

6. Ubuyobozi bwiza

Bigeze kubaza umupastori w’itorero rifite abakristo 4,000 muri Leta Zunze Ubumwe z’Amerika bati, “Kuba pastori w’itorero ry’abakristo 40 no kuba pastori w’itorero ry’abakristo 4,000 bitandukaniye he?” Igisubizo cye yaravuze ati “ubuyobozi!”

Ni ngombwa ko ufashe iyambere agira imitekerereze yo gutoza abayoboke be gukora umurimo w’Imana ntiyigere agerageza gushaka gukora ibintu byose wenyine. Umupastori ashobora gukurikirana buri kintu gikorwa mu itorero ry’abantu 30 kugeza kuri 80 ariko bigera ahantu ridashobora kurenga ntiribe rigikura, keretse gusa iyo umushumba atoje abanyetorero uburyo bw’ubuyobozi. Agomba kwegurira inshingano abakristo bakuze mu mwuka kandi batojwe neza. Umurimo w’ibanze rero w’ufata iyambere ukaba uwo kuba umutoza.

IX. IBINTU BITATU BIRANGA ITORERO RYO MU ISEZERANO RISHYA

A. Ririgenga riri muni y’ubutware bw’Imana.

Ihame ryo kwigenga rirakomeye cyane ku bemera demokarasi. Ingaruka iri hame rishobora kugira ku buzima bw’umwuka bw’itorero zirakomeye cyane ku buryo iyo bigenze nabi ahongaho, n’imbaraga uba warashyizeho zose utangiza itorero rishya ryihagije zishobora gupfa ubusa.

Kwigenga kw’itorero bibyara inshingano z’umwuka mu byerekeranye no kwishyigikira ubwaryo rikitunga kandi rikiyagura rigakwira hirya no hino. Kunanirwa kwegurira abakristo bashya inshingano yo kwiyobora bizatuma ibikorwa byo gutangiza itorero rishya bidindira.

Bisa nk’aho bidashoboka ko umuvugabutumwa ufata iyambere yashobora kutageragezwa no gushaka gutegeka iryo torero rishya. Ni kubw’imbaraga z’Umwuka Wera gusa Ufata iyambere ashobora kurekura maze akegurira abanyetorero inshingano zo kubwiriza, kwigisha, no kuyobora. Kuva itorero rishya rivuka rikurikira icyerekezo Umuvugabutumwa ufata iyambere arihaye. Nyamara bigomba kugera ubwo itorero ari ryo ryifatira ibyemezo aho kugira ngo umuryango w’ivugabutumwa n’ufata iyambere wawo abe ari bo barifatira ibyemezo. Ibyo bishoboka bite? Birashoboka kuko ufata iyambere azatangira guhindura abigishwa no gutoza abakristo bashya kuva itorero rigitangira agamije kugira ngo rizasigare ryiyobora.

Bamwe bashobora kuvuga bati itorero riracyari rito cyane, ntirifite amabwirizwa ahagije, kandi nta nararibonye ihagije rifite ku buryo ryakwifatira ibyemezo. Nyamara n’ubwo itorero rimaze ibyumweru bitatu ritangiye ritanganya koko ubumenyi n’irimaze imyaka icumi, na none rikwiye kwifatira ibyemezo byinshi bishoboka mu bigomba gufatwa ribifashijwemo n’umuyobozi mwiza ukiranuka, ufite ubwenge kandi w’umunyamwuka. Umurimo w’umuvugabutumwa ufata iyambere uzaba uw’ubujyanama ntabwo uzaba uwo gufata ibyemezo.

Azatanga icyerekezo cyiza abagire inama kandi arinde iryo torero rishya kuyoba. Abonye bagiye kujya mu nzira y'ubuyobe bizaba ngombwa ko abunganira mu buyobozi akoreshe imbaraga kugirango itorero rigume mu nzira nziza; ibyo ari byo byose umuvugabutumwa ufata iyambere agomba kubanza akareka itorero rikifatira ibyemezo.

Hari intambwe zigomba gukurikizwa:

1. Umuvugabutumwa ufata iyambere yinjira mu mudugudu/umujyi agatangira kuzana abantu kuri Yesu abakiriza agakiza.
2. Agatangiza inyigisho zo kwiga Bibiliya n'indi myizerere y'ibanze akoresha uburyo buziguye bwashyizweho na Charles Brock, bw'inkuru n'ubundi buryo bumwe na bumwe.
3. Abakijijwe barigishwa hanyuma bakabatizwa.
4. Aho ariho hose Umwuka Wera azahagurutsa abakozi mu itorero, ufata iyambere namuha umwanya. Hanyuma abakristo bashya bige imyizerere ya Bibiliya.
5. Abakijijwe bemeye iyo myizerere bazatangira gutegura uko batunganya itorero.
6. Itsinda rizitoramwo abayobozi baryo.

B. Ryibeshaho riri muni y'ubutware bw'Imana.

Tugomba kwigisha abakristo ibyo gutanga no gutanga icyacumi. Usome kandi wige neza Malaki 3:8-10. Iyo itorero rishya ririho rihura n'ibibazo rica mu bintu bikomeye, rirakura. Misiyoneri Charles Brock avuga mu gitabo cye Indigenous Church Planting (“Gushinga amatorero y'abanyagihugu kavukire”) uko bigenda iyo umuntu agerageje gufasha ikinyugunyugu gusohoka mu igi ryacyo igihe kivuka. Ikinyugunyugu kirwana intambara kigerageza gusohoka muri icyo gikankara cy'igi cyari kirimo; umuntu we icyo aba agomba gukora ni ukureba gusa. Iyo ananiwe kwihangana ngo ategereze agashaka gufasha icyo kinyabwoya kiba kirimo gihinduka ikinyugunyugu buhoro buhoro azana icyuma agakata ubudodo bugifashe, nuko ubwo urugamba cyarwanaga rukarangira. Nyamara ikivamwo ni ikinyugunyugu cy'intege nke kitagira kirengera kibaho iminota mike gusa hanyuma kigapfa. Wa muntu warebaga hanyuma agashaka kugifasha igihe yacaga bwa budodo hari itegeko rimwe mu mategeko agenga ubuzima yangije. Iyo aza kureka ikinyugunyugu kigakomeza kikirwanira iyo ntambara, cyari gusohoka ari ikinyugunyugu cyiza cyane kandi gifite imbaraga, gikuze neza.

Igihe abakristo b'iryo torero rishya bariho baca mu ntambara, bahagaze mu kwizera bakurikiye Imana, bakiringira ko Imana ari yo

izabaha ibyo bakeneye byose, bgwiza imbaraga mu kwizera hanyuma bakaba icyo Imana ishaka ko baba cyo.

Amatorero menshi usanga afite icyapa imbere y'urusengero cyanditseho izina ry'itorero. Urugero ushobora gusanga ngo: First Baptist Church. Ariko mu by'ukuri biba bishaka kuvuga ngo: "Itorero First Baptist Church riteranira hano". Bitandukaniye he? Ibya mbere biravuga ko iyo nzu y'urusengero ari yo torero. Ariko ibya kabiri biravuga ko abantu ari bo torero ko kandi bashobora guteranira aho ariho hose.

Reba kuri uru rupapuro kugira ngo umenye icyo bisaba gutangiza itorero rimwe wifashishije uburyo bwagiye bukoreshwa:

Umushahara ku kwezi w'abajya gushinga itorero x amezi 12 x imyaka 7 =

Ubukode ku kwezi bw'inzu bazabamo _____ x amezi 12 x imyaka 7 =

Ibikoresho

Urusengero

**Igiteranyo cy'amafaranga asabwa mu
gutangiza itorero rimwe:**

C. Ririyagura rikagaba amashami riri muni y'ubutware bw'Imana.

Itorero ryo mu Isezerano Rishya ririyagura. Mu miterere yaryo rigomba kugeza ku bandi iby'imibereho yaryo. Itorero nk'iryo riba ari itorero rivuga ubutumwa kandi rifite inyota yo gutangiza andi matorero mashya

Bitewe n'umuvuduko ukabije w'ubwiyongere bw'abatuye isi, dukwiye gushyiraho amatorero afite imikorere yo mu Isezerano Rishya agashinga andi matorero mashya kugira ngo dushobore kugera kuri ibyo bihumbi by'abantu mu mijyi yose n'imidugudu .

Iyo bigitangira, Ufata Iyambere aba ari umuvugabutumwa. Aza akabwiriza ubutumwa abantu bakakira agakiza, hanyuma akabahindura abigishwa yarangiza akigisha abo bakristo bashya amahame shingiro yo kwizera. Intambwe ikurikiraho ni ugusenga Imana akayisaba guhagurutsa abakozi b'Imana muri iryo torero hanyuma akabatoza kugira ngo bazajye mu midugudu baturanye n'imijyi maze batangizemo andi matorero mashya. Urwo ruhererekane rurakomeza, amatorero atangiza andi matorero n'ayo matorero mashya nayo agatangiza andi

mashya, gutyo gutyo. Umuvugabutumwa Ufata Iyambere agomba gukomeza agatoza abakozi b’Imana mu itorero kandi agatunganya neza amatsinda atandukanye akayagira amatorero. Ubwo rero noneho agomba kwegurira umurimo abakozi b’Imana yatoje, ariko agakomeza kujya abasura, akabafasha akabakomeza.

X. UMWANZURO

Umuvugabutumwa Ufata Iyambere ushaka gukora umurimo we neza mu gushinga amatorero agomba:

- a) Kuba akuze mu mwuka, yiteguye neza kandi yaratojwe.**
- b) Kumenya uko bashyiraho kandi bakigisha itsinda ry’ivugabutumwa.**
- c) Kuzana abantu kuri Kristo abakuye mu isi; afite umutima wo kujya gushaka abantu atumva ko ari bo bakwiye kumusanga yigaramiye.**
- d) Gutangiza amateraniro arangwamo ibyishimo n’umunezero.**
- e) Kumenya gukurikirana abakijijwe akababa hafi akabigisha.**
- f) Kumenya gutoza abakozi b’Imana bashya.**
- g) Kumenya kubatiza no gutanga Ifunguro Ryera.**
- h) Gutoza abakristo uko bashobora kuzana abantu kuri Yesu no kwigisha inyigisho za Bibiliya mu ngo z’abantu badakijijwe.**
- i) Gutoza abakozi b’Imana muri iryo torero yatangije uko bashobora kuyobora itorero.**
- j) Kuyobora itorero ariganisha ku ntambwe yo kwigenga, kwibeshaho no kwiyagura.**
- k) Gutoza abakristo bashya uko bakora ubwabo amatsinda y’ivugabutumwa kugira ngo batangize ibikorwa bishya.**

UBURYO BWO GUKORA

**UKO
WATOZA
ITSINDA RYAWE**

UBURYO BWO GUKORA

Iki gice muri iki gitabo kirasobanura uko Umuvugabutumwa Ufata Iyambere akora umurimo we mu buryo busanzwe. Ubu buryo burakora cyane iyo bukoreshajwe harimo kumvira Umwuka Wera w’Imana no kuyoborwa na we. Igituma ubu buryo bukora ni uko bwahumetswe n’Umwuka Wera ndetse bukandikwa mu Isezerano Rishya. Umuvugabutumwa Ufata Iyambere iyo agenjeje atyo aba afashe uburyo bw’ivugabutumwa ryo mu bihe by’Isezerano Rishya akabukoresha muri iki gihe tugezem. Hano hari insanganyamatsiko esheshatu umuyobozi atozamo itsinda rye.

UKO WATOZA KANDI UKIGISHA ITSINDA RYAWWE RY’IVUGABUTUMWA

H. UKO WATANGIZA AMATSINDA CYANGWA AMATORERO MASHYA

Intambwe ya 1. UKO WAMENYA UMUNTU USHAKA AMAHORO

Intambwe ya 2. UKO WAKWEREKANA URUKUNDO RW’IMANA

Intambwe ya 3. UKO WAKURIKIRA “OIKOS”

Intambwe ya 4. UKO WAYOBORA INYIGISHO ZA BIBILIYA

**A. UKO WAYOBORA INYIGISHO ZA BIBILIYA KU
IVUGABUTUMWA**

**1. KUVUGA INKURU, *INKURU NZIZA YA YESU*
YANDITSWE NA CHRISTY BRAWNER**

**2. Uburyo BUZIGUYE BWA CHARLES BROCK
INKURU NZIZA YAVUYE KU MANA
YANDITSWE NA WAYLON MOORE**

**B. UKO WAYOBORA INYIGISHO ZA BIBILIYA ZO
GUKURIKIRANA ABAKRISTO BASHYA,
GUTANGIRA UBUZIMA BUSHYA MURI YESU
CYANDITSWE NA CHRISTY BRAWNER**

GUTOZA ABANTU UBAHINDURA KUBA ABIGISHWA

Ikintu cya mbere ugomba kwigisha itsinda ryawe ni ukuntu umuntu atangira amatorero mashya. Noneho rero uba ugomba kwigisha abantu bagize itsinda ryawe kugira ngo bakure mu Mana. Ni ukuvuga ko ibintu uzigisha abantu bawe uhereye ku cya kabiri ukageza ku cya gatandatu ari ibi bikurikira:

II. UMUVUGABUTUMWA UFATA IYAMBERE N’UMWUKA WERA

III. UMUVUGABUTUMWA UFATA IYAMBERE NO GUSENGA

IV. UMUVUGABUTUMWA UFATA IYAMBERE N’AGAKIZA

V. UMUVUGABUTUMWA UFATA IYAMBERE N’UBUHAMYA

VI. UMUVUGABUTUMWA UFATA IYAMBERE N’IVUGABUTUMWA RYE – IMIRONGO ITANDATU ISOBANURA UBUTUMWA BWIZA

UKO WABIGENZA

UKO WATOZA KANDI UKIGISHA ITSINDA RYAWA

IVUGABUTUMWA

I: UKO WATANGIZA AMATSINDA MASHYA CYANGWA AMATORERO MASHYA

Ugihura bwa mbere n’itsinda ryawe ikintu cya mbere ugomba kubigisha ni ukuntu umuntu atangiza amatorero mashya. Umaze kwigisha itsinda ryawe za ntambwe enye urabohereza bakajya hanze gushaka abantu bashakisha amahoro hanyuma ukabatangiza inyigisho za Bibiliya. Icyumweru gikurikiyeho utangirana no kujya uhura nabo buri cyumweru kugira ngo ubatoze kuba abigishwa ubigisha za nsanganyamatsiko zindi eshanu .

Iyo ufata Iyambere yinjiye mu mujyi mushya, akwiye kugumana mu bitekerezo bye ko Umwuka Wera azamuyobora ku bantu bashonje mu buryo bw’umwuka. Imana iba iri ku murimo mu isi yose itegura imitima y’abantu bamwe na bamwe kugira ngo bemere kwakira Kristo, igihe baba bagize amahirwe yo kwiyumvira ubwabo ubutumwa bwiza. Umuvugabutumwa agomba kuba yizeye rwose ko Umwuka Wera akora umurimo we. Umurimo we ni ugutegura imitima. Umurimo w’umuvugabutumwa uroroshye—ni ukumenya gusa abo Umwuka Wera arimo arategura.

Hari ibintu byinshi bitazigera bihinduka na rimwe. Ubutumwa bwa Bibiliya buhora ari bumwe iteka. Uburyo bwo kubutanga bwo buhora buhinduka. Uburyo buri muri iki gitabo bukora iyo bukoresherejwe muni y’ubuyobozi bw’Umwuka Wera. Bushingiye ku gutangiza amatorero mashya yibeshaho ari muni y’ubuyobozi bw’Umwuka Wera. Ayo matorero akaba ari amatorero:

1. Yigenga muni y’ubuyobozi bw’Imana.
2. Yibeshaho muni y’ubuyobozi bw’Imana.
3. Yiyagura muni y’ubuyobozi bw’Imana.

Iyo ni yo ntego. Kugira ngo tugere kuri iyo ntego tugomba gukoresha uburyo bwa Bibiliya kuko ari bwo bukora mu mico yose yo mu isi.

Intambwe ya 1. UKO WAMENYA ABANTU BARIMO
BASHAKISHA AMAHORO

Wowe nk’Umuvugabutumwa ufata Iyambere ugomba kwizera neza ko uyobowe n’Umwuka Wera kandi ko arimo ategura imitima y’abazimiriye mu byaha.

Umuvugabutumwa ufata iyambere agomba guhitamo ahantu runaka, akahasura, agasanga abantu mu mihanda, mu tubari, mu ngo, n’ahandi hose. Ushobora no gukoresha imibare itangwa n’amabarura yakozwe aho hantu. Gutegura imitima y’abantu bari mu byaha ni umurimo w’Imana. NTABWO umuvugabutumwa ufata iyambere ibyo yashobora kubikora. Ni Umwuka Wera gusa ushobora gutegura umuntu akamuhumura amaso ngo abone ko akeneye kwakira Kristo. Ni inshingano y’umuvugabutumwa ufata iyambere utangiza amatorero kumenya umuntu cyangwa abantu benshi Umwuka Wera yarangije gutegura imitima. Mu yandi magambo ni ukuvuga ko dushaka umuntu urimo ushakisha amahoro, ukeneye Imana mu bugingo bwe.

Uwo muntu Yesu yamwise umunyamahoro muri Luka 10:5-6 ahavugaga ngo, “Nimujya mugira inzu yose mwinjiramo, mubanze muvuge muti, ‘Amahoro abe muri iyi nzu’. Niba harimo umunyamahoro, amahoro yanyu azaba kuri we. Natahaba, amahoro yanyu azabagarukira”.

Umuvugabutumwa ufata iyambere agomba kujya ahantu akavuga gusa ati, “Ndi hano nzanywe no kugira ngo twige Ijambo ry’Imana, mbese byashoboka mwaba mubikeneye?” Nasubiza ati, “yego ndabishaka”, uwo muntu azaba ari wa munyamahoro. Umureke atange igitekerezo cy’ahantu yumva heza mwakwigira Ijambo ry’Imana. Kubera iki? Kuko buri kintu cyose gikorwa kuva mu ntangiriro kigomba gukorwa hagamijwe itorero ryigenga. Hari ubwo izo nyigisho za Bibiliya zishobora kubera munsu y’igiti, mu rugo rw’umuntu se, cyangwa ahandi hantu rusange hahurirwa n’abantu batandukanye. Nyamara ariko bishobotse, byarushaho kuba byiza izo nyigisho za Bibiliya zigiye zibera ahantu hamwe buri cyumweru. Bituma hatabaho ikibazo cyo kutumvikana ku hantu inyigisho z’ubutaha zizabera. Biba byiza kandi na none kurushaho iyo umuvugabutumwa ufata iyambere adatangiranye n’abana gusa. Amaze kugira itsinda rifite imbaraga, nibwo noneho yashobora gukorana n’abana. Ariko mu ntangiriro intego ye igomba kuba iyo gukoresha inyigisho za Bibiliya mu ngo nyinshi zishoboka kandi zigomba kuba zitandukanye zitegeranye. Intego y’ibanze y’umuvugabutumwa ufata iyambere si ukuba umwarimu wa Bibiliya ahubwo ni ugukoresha uburyo buziguye bwo kwiga Bibiliya mu nkuru, we akabiyobora. Azaba arimo abiba imbuto. Umwuka Wera mu gihe cye azeza imbuto.

Ibibazo wabaza abantu bagendera ku mico idashingiye ku bya gikristo

1. Mbese nakubaza ikibazo kerekeye iby'umwuka?
2. Mbese wowe Imana uyumva ute?
3. Mbese wumva wifuza kumenya ku giti cyawe Imana Rurema?
4. Mbese nshobora kukubwira inkuru yerekeye Imana Rurema?

Ibibazo wabaza abantu bagendera ku mico ishingiyeye ku bya gikristo

Rick Warren mu gitabo cye, The Purpose Driven Church (“Itorero Rifite Intego”) ku mapaji yacyo 190-191 avuga ukuntu yatangiye Itorero rya Saddleback Community, rimwe mu matorero manini cyane muri Leta Zunze Ubumwe z’Amerika, abaza abantu bo muri ako gace ibibazo bitanu bikurikira. Byaba byiza kubikoresha ahantu h’imico ishingiyeye ku bya gikristo. Komanga ku rugi gusa hanyuma ubaze ibi bibazo. Ugomba kugenda wiringiyeye ko Umwuka Wera akora umurimo we. Aba yamaze kubanziriza umuvugabutumwa ategura imitima. Umurimo w’umuvugabutumwa ni ugusanga abo Umwuka Wera yamaze gutegura hanyuma akababwiriza ubutumwa bwiza.

1. Wowe uko ubibona, ubona ino ikintu abantu bakeneye cyane kurusha ibindi ari iki? icyo kibazo kizagukingurira umuryango wo kubona uko utangira ikiganiro.
2. Mbese hari itorero uteraniramo? (Mu bantu b’imico itagendera ku bya gikristo ushobora kubaza gusa uti mbese idini ryawe ni irihe?)
3. Utekereza ko ari mpamvu ki abantu benshi batajya bajya guterana mu itorero? (Iki kibazo mu byukuri kiba kibaza uwo muntu impamvu atajya ajya mu materaniro mu itorero.)
4. Uramutse ushaka itorero wajya uteraniramo, washaka itorero riteye rite?
5. Twagukorera iki kandi ni iyihe nama wagira abantu baba bashaka gutangira itorero ino ahangaha?

Reka twongereho ibibazo bibiri kuri uru rutonde:

6. Mbese wumva hari ubusabane hagati yawe na Yesu Kristo cyangwa uri mu nzira yo gushaka ukuntu ubwo busabane bwabaho?
7. Mbese byagushimisha iwawe hariye habera inyigisho za Bibiliya?

Turashaka no kongeraho kandi ko uko abantu bakira ubutumwa bwo ku maradiyo, ikwirakwizwa ry’impapuro ziriho Ijambo ry’Imana (tract distribution), cyangwa uko bitabira ibiterane binini, bishobora kutwerekana abantu bashobora gukingurira imitima yabo ubutumwa bwiza. Ubwo ni ubundi buryo bwiyongereho, ariko uko biri kose umuvugabutumwa ufata iyambere n’itsinda rye buri gihe bagomba kubaza ababishaka niba batangira kujya biga Bibiliya mu rugo (hamwe no kubyisabira abantu ubwe) kugira ngo amenye abafite imitima Umwuka Wera arimo arakoramo umurimo.

Intambwe ya 2. UKO WAKWEREKANA URUKUNDO RW’IMANA MU BURYO BUFATIKA

Yohana 13: 34-35

Muri Yohana 13: 34 Yesu aduha itegeko rishya ry’uko tugomba “gukundana.” Kandi akatuyobora uko tugomba gukundana: “Nk’uko nabakunze, mube ari ko namwe mukundana.”

Tugomba gukundana “nk’uko Yesu adukunda.”

Noneho rero ikibazo ni icyi: Yesu adukunda ate?

Hari uburyo bwinshi ariko hano turavuga kuri bubiri:

1. **Adukunda atagira icyo aduca:** (Matayo 9:9-13) Yesu yabwiye Matayo ngo namukurikire. Matayo yari uwo kunenwa muri icyo gihe, “umunyabyaha”. Nyamara Yesu yakunze Matayo. Yesu yabonye umuntu wari ufite umubabaro, atereranywe n’abantu, azimiye. Yesu asaba Matayo kumukurikira. Yashatse ubucuti kuri Matayo. Yesu yabonye umuntu yari akunze cyane ku buryo yakwemera no kumupfira. Urukundo rwa Yesu ntirushingira kuri twe, ku byo dukora cyangwa ibyo turi byo. Adukunda kimwe twamukurikira cyangwa twamutera umugongo, we akomeza kudukunda.
2. **Aratwitangira:** (Matayo 14: 13-14) Nubwo Yesu yashakaga akanya ko kwiherera wenyine yahoraga nyamara yiteguye kandi afite umutima ukunze gufasha abaje bamugana. Iyo abantu bafite ibibazo bazaga bamusanze, buri gihe yaritangaga. Yatangaga igihe cye n’imbaraga ze. Yesu yagiriraga impuhwe **abababaye, abamugaye n’abanyabyaha** akabegera akabakoraho. **Nta narimwe yavugaga ngo afite akazi kenshi arahuze ku buryo atabona akanya ko gufasha umuntu uwo ari we wese .**

Natwe ni uko tugomba gukundana:

1. **Ntacyo dushingiyeho:** Mu Abalewi 19:18 Uwitwaga atanga itegeko ati “Ukunde mugenzi wawe nk’uko wikunda” Muri Luka 10:29 abigishwa babajije Yesu bati, “mugenzi wanjye ni nde?” Yesu yabashubije akoresheje umugani, abereka ko bagenzi babo harimo n’abo bita abanzi babo banga cyane, abasamariya.

Twe nk’abayobokeye ba Yesu ntitugomba gutoranya abo dukunda

n’abo tudakunda.

Yesu yarabisobanuye neza; tugomba gukunda abantu bose, mu nzego zose n’ibyiciro byose; abanzi n’abakunzi, abakire n’abakene, abanyesuku n’abanyamwanda.

Imana ni urukundo. Uburyo bwayo burenze ubundi bwose bwo kugaragaza urukundo rwayo ni igikorwa yakoreye ku musaraba.

Imana iracyashaka kugaragariza isi urukundo rwayo. Yakwerekana ite urukundo rwayo muri iki gihe cya none? Yifuza kubikora ibicishije mu bigishwa bayo, muri wowe. None se witeguye kubikora? Witeguye kugenda ugasanga abazimiye kandi bababaye ukabereka urukundo rw’Imana mu buryo bufatika?

2. **Twitangira abandi:** Gukunda ntibisaba amafaranga, icyo bisaba ni igihe n’imbaraga. Bibiliya idutegeka kwikorera imitwaro. Igihe umuntu ababaye afite ibibazo, bisaba imbaraga nyinshi z’umutima kugira ngo umube hafi wifatanye na we mu kababaro ke no mu byago bye. Rimwe na rimwe bifata igihe kirekire kugira ngo umuntu yoroherwe; tugomba kumuba hafi rero tukifatanya na we, amezi agashira andi akaza, cyangwa ndetse n’imyaka. Mbese twiteguye gutanga igihe cyacu k’ubw’ubugingo bw’undi muntu? Twiteguye gutanga ubugingo bwacu tukerekana urukundo rw’Imana?

Yohana 13:35 “Ibyo ni byo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye, nimukundana.”

Nitwerekana urukundo rw’Imana ntacyi dushingiyeho kandi twitangira abandi, abantu bazatubonamo urukundo rwayo kandi bazabona ko dutandukanyeho n’abandi bantu hanyuma bakururwe n’urwo rukundo. Urukundo rwayo ruzakingura imitima y’abazimiriye mu byaha kugira ngo bashobore kumva kandi bakire ukuri kwayo. Urukundo rwayo ruzadukingurira umuryango dushobore kubwiriza ubutumwa.

None wakwerekana ute urukundo rw’Imana mu buryo bufatika? Wafasha ute abantu b’aho utuye? Ni ibihe bikorwa wowe n’itorero ryawe mwakora aho mutuye mukerekana urukundo rw’Imana? Ku bantu bose batuye aho hantu? Utekereze ukuntu mwashobora gukora cyane ku mitima y’abatuye ahongaho mu kubakorera igikorwa runaka kidasanzwe. Abantu b’isi buri gihe iyo bagize icyo bakora baba bategereje igihembo cyangwa ishimwe. Ariko twe ntitugomba kugira icyo dusaba igihe twerekana urukundo dukora umurimo w’Imana.

Igihe mugiyeye kugira icyo mukora mubwire abo musanze ko mushaka kwerekana urukundo rw’Imana mu buryo bufatika hanyuma uko urukundo rw’Imana rugenda rukingura imitima yabo kubw’ubutumwa bwiza, mubabaze niba mwazajya mwigana Bibiliya mu rugo iwabo. Imana izabayobora ku bantu b’abanyamahoro.

Intambwe ya 3. UKO WAKURIKIRA “OIKOS” Ibyakozwe 16:31

Icyo gihe na none hari irindi hame riba ririmo rirakora. Ni ihame rya oikos. Ibyakozwe 16:31 haravuga ngo, “Izere Umwami Yesu, urakira ubwawe n’abo mu rugo rwawe” Oikos bisobanura “abo mu rugo rwawe” cyangwa abo “ushobora gushyikira ukabisanzuraho bakakumva”.Buri muntu wese mu isi agira oikos ye abarizwamo.

Iyo ubonye umunyamahoro, ukwiriye gutangira gushaka ukuntu yakugeza ku bantu bose bo muri oikos ye. Hanyuma rero ugacengera oikos ye.Na none kandi buri muntu wese wo muri iyo oikos aba afite indi oikos. Urugero niba umuntu w’umunyamahoro afite abantu icumi muri oikos ye, na none buri muntu muri abo cumi ashobora kuba na we afite abandi icumi muri oikos ye. Abo rero nabo ushobora kubacengera.Ibanga riri mu kumenya umuntu w’umunyamahoro, hanyuma ahasigaye ni ugukurikirana za oikos uko zishererekanya.

Intambwe ya 4. UKO WAYOBORA INYIGISHO ZA BIBILIYA

A. UKO WAYOBORA INYIGISHO ZA BIBILIYA KU IVUGABUTUMWA

Umaze kubona umunyamahoro, umuntu wemeye ko hajya habaho ibihe byo kwiga Bibiliya mu rugo rwe, ubwo noneho uzagena igihe cyo gusubirayo ugiye kuyobora inyigisho za Bibiliya. Ugomba gukangurira uwo muntu agahamagara abo mu muryango we bose n’izindi ncuti ze kuza kwiga izo nyigisho za Bibiliya.Ugomba kubamenyesha ko izo nyigisho zizafata ibyumweru birindwi cyangwa umunani mugiyeye mwiga isomo rimwe buri cyumweru. Si itegeko kwiga rimwe mu cyumweru igihe abantu bishakira ko kwiga akarenze rimwe kandi n’umuvugabutumwa ufata iyambere na we akaba afite umwanya.

Iki gitabo gitanga uburyo bubiri bushobora gukoreshwa mu kuyobora inyigisho za Bibiliya.Buri buryo bugiye bufite inyigisho za Bibiliya zihariye z’ivugabutumwa:

UBURYO BW’INKURU

Koresha inkuru ziryoshye.Uburyo bwo kubara inkuru ubundi mbere na mbere bwari bwateganirijwe abatazi gusoma, ariko byagaragaye ko bukora no mu bazi gusoma. Inkuru ziri muri iki gitabo ni izo mu gitabo *Inkuru nziza ya Yesu* cyanditswe na Christy Brawner. Ziroroshye, zoroshye gukoresha kandi ntabwo zihenze. *Inkuru nziza ya Yesu* ikubiyemo amasomo arindwi y’ivugabutumwa ku buzima bwa Yesu ari mu gitabo cya Matayo yo gukoreshwa mu badakijijwe.

Wibuke ko: abo bantu badakijijwe. Ntibaba bamenyereye Bibiliya nta n’ubwo baba bazi uko ikoresheya. Bashobora no kuba ari abantu batigeze bumva n’iryo zina Bibiliya. Bisaba rero kwihangana guhagishe kugira ngo wigishe abantu

nk'abo. Twakugira inama y'uko buri gihe mwajya mukora amatsinda y'abantu babiri babiri kugira ngo bifashe abari mu nyigisho kumenya uko bakoresha Bibiliya.

Banza ubasobanurire ko Bibiliya ari Ijambo ry'Imana yaremye ijuru n'isi. Ni igitabo cyanditswe n'Imana ibinyujije mu bantu batandukanye kugira ngo itugezeho ukuri kwayo. icyo gitabo kitubwira urukundo Imana idufitiye n'umugambi wayo ku bugingo bwacu. Ushobora no kubabwira rero ko wizera ko Bibiliya ari ukuri kuzima.

Ubwa kabiri ubereke urukurikirane rw'ibitabo. Ubasobanurire ko Bibiliya igabanyijwemo ibice bibiri, ari byo Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya, kandi ibyo bice na byo bikaba bigizwe n'ibitabo bitandukanye. Usabanure muri make ibikubiye mu Isezerano rya Kera n'Irishya.

Ubwa gatatu ubereke uko bashobora kubona igitabo runaka barebye inumero y'urupapuro. Bafashe gushaka inumero y'urupapuro ruriho Matayo hanyuma ubafashe muhagere. Bamaze kubona Matayo noneho ushobora kubereka Ibice n'imirongo uko bitandukana. Ubasobanurire ko inkuru ugiye kubabwira ituruka muri iki gitabo cya Matayo.

Kurikiza ibi bikurikira igihe uvuga inkuru cyangwa wigisha inyigisho zirimo:

- 1. Ujye wibuka buri gihe kuvugisha umuntu umwubashye, ubanze umusabe niba washobora gutangira kumubwira inkuru yawe, kandi niba wakomeza kujya uza buri cyumweru.**
- 2. Uvugane ijwi rituje ry'umuntu uganira. Ntumubwirize ubutumwa.**
- 3. Ntujye impaka ku myizerere. Ureke Umwuka Wera abe ari we wikorera umurimo mu mutima w'uwo muntu udakijijwe amushinje ibyaha kandi amwemeze ukuri.**
- 4. Ntutangire kumucira urubanza cyangwa ngo umucireho iteka kubw'ibyo yizera. icyo ukora gusa wowe ni ukwigana n'uwo muntu Bibiliya ubundi ukareka Umwuka Wera agakorera mu Ijambo ry'Imana.**
- 5. Ujye utangiza guterana kwanyu isengesho rigufi Usaba Imana ngo ibahe kumva ibyo biga muri izo nkuru za Bibiliya.**
- 6. Ukoreshe ubu buryo bukurikira mu kuvuga inkuru: Soma interuro imwe gusa hanyuma usobanure mu magambo yawe ibyo umaze gusoma. Ukoresheje ubu buryo uba uhaye abantu amahirwe yo kumva iyo nkuru incuro ebyiri kandi bakaba banayisobanuriwe mu buryo bworoheje**

cyane. Iyo ushoboye kugira utundi dutabo wabaha bagasoma nabo kugirango bagire uruhare mubyo murimwo.

7. Umuyobozi agomba kubaza ibibazo igihe arangije kubabwira inkuru. Intego y'ibyo bibazo ni ukugirango isomo risubirwemo kandi umuntu arebe niba inkuru yumvikanye. Ntabwo ari ugutangira kujya impaka cyangwa gutanga ibindi bisobanuro birebire.
8. Soma inyigisho zivuyemo. Reka abagize itsinda bagire umudendeze wo gutanga ibitekerezo kuri buri nyigisho no kuziyaho impaka. Uramenye ntukagire NARIMWE ubwo ujya impaka cyangwa ngo uhangane n'uwariwe wese. Kuri uru rwego ntibiba ari ngombwa ko abagize itsinda bemera ukuri kw'Imana kurimo cyangwa ngo bakwemeranyeho. Icy'ingenzi gusa ni uko basobanukirwa uko kuri nk'uko kwerekanwe mu Ijambo ry'Imana.
9. Nyuma y'izo nyigisho ziba zikubiyemo, uhe akanya buri wese ko gutanga ibyifuzo bye ngo asengerwe mu itsinda.
10. Usengere buri wese mu itsinda na buri cyifuzo ku buryo bw'umwihariko. Uko itsinda rigenda ritera intambwe n'abantu bagenda bakizwa ujye ureka basengerane muri aka kanya ko gusenga.
11. Isomo rya karindwi nirangira ugomba guhamagarira abantu kwakira Yesu nk'Umwami wabo. Ariko nihagira ugaragaza ubushake bwo kwegurira Yesu ubugingo bwe igihe icyo ari cyo cyose muri ibi byumweru birindwi bizaba ngombwa ko umwigisha uko ashobora kugira Yesu Umwami we hanyuma umuyobore abikore.

B. UKO WAYOBORA INYIGISHO ZA BIBILIYA KU BYEREKEYE GUKURIKIRANA ABAKIJIJWE

Matayo 28:19 na II Timoteyo 2:2

Yesu yaradutegetse ngo “tugende duhindure abantu kuba abigishwa” si ukubageza ku ntambwe yo gukizwa gusa. Igihe muri ayo masomo mugira hari abamaze kwegurira Imana ubugingo bwabo ni ngombwa kubatoza kuba abigishwa. Gutozwa kuba abigishwa bigomba guhita bitangira kugira ngo bakomere muri ubwo busabane bushya bagiranye n'Imana kandi kugira ngo babone ubugingo bwuzuye bufite intego n'insobanuro mu Mana.

Mbere na mbere ubatoze kumenya Imana, ubigisha kumenya uko bagomba gufata akanya ko kwihererana n'Imana mu Ijambo ryayo no gusenga. Hanyuma ubatoze gukora umurimo w'Imana.

1. Igihe cyo gufata icyemezo

Umuvugabutumwa ufata iyambere yahageze neza neza mu gihe cyo gufata icyemezo. Ubwo rero noneho aratangira kujya ahura n'abantu bese barangije inyigisho z'agatabo "Inkuru Nziza ya Yesu". Uhamagarire bese, ari abamaze gufata icyemezo n'abataragifata, gukomezanya n'inyigisho zo gukurikirana abakijijwe. Kuri uru rwego, umuvugabutumwa ufata iyambere agomba gukora ibintu bibiri:

A. Guhita atangiza inyigisho zo gukurikirana abakijijwe. Buri mukristo wese mushya agomba gutozwa kuba umwigishwa. Gutozwa kuba umwigishwa ni ngombwa cyane kuri buri mukristo na buri torero. Gutozwa kuba umwigishwa bituma umukristo akura mu mwuka, kandi ibyo nibyo bituma habaho urufatiro rw'itorero rikomeye rizabyara andi matorero menshi. Umuvugabutumwa ufata iyambere agomba kuyobora izo nyigisho akoresha uburyo buziguye. Yakwifashisha ibitabo bindi byose ashatse, ariko turabagira inama y'uko mwakoresha igitabo cy'inkuru: "Gutangira ubuzima bushya muri Kristo".

B. **Icyitonderwa. Iteka ugomba gukomeza ugashakisha abantu b'abanyamahoro hanyuma ugatangiza amatsinda mashya ukoresha inyigisho zo mu gitabo Inkuru Nziza ya Yesu.**

2. Icyumweru cya gatatu

Iki na cyo ni ikindi cyumweru cyo gufata icyemezo. Umuvugabutumwa ufata iyambere agomba kureka itsinda rikihitiramo muri bo uzajya ayobora ibiganiri byabo mu cyumweru gikurikiyeho. Ufata iyambere ntagomba kugerageza kuba ari we uhitiramo itsinda uwo kuriyobora, ahubwo we agomba kujya ahaboneka kugirango abe yabagira inama abafashe kugira ngo batayoba mu myizerere. Ufata iyambere agomba kujya ahura n'abayobozi b'amatsinda by'umwihariko kugira ngo abatoze bihereranye bonyine. Umuvugabutumwa ufata iyambere ayobowe n'Umwuka Wera noneho aratangira akarema itsinda rye ry'abantu Imana ihagurukije ibakura muri abo bakristo bashya. Arabatoza hanyuma akabohereza hanze bakajya gutangiza amatorero mashya. **IBUKA:** Umuvugabutumwa ufata iyambere agomba guhura n'itsinda rye buri cyumweru.

3. Icyumweru cya kane n'icya gatanu

Umuyobozi watoranyijwe mu bandi ni we uyobora inyigisho, naho umuvugabutumwa ufata iyambere agatega amatwi gusa akirinda kumurogoya. Uwo muyobozi ni we uzajya akomeza kuyobora inyigisho mu mwanya w'umuvugabutumwa ufata iyambere.

3. Iyumweru cya gatandatu

Muri iki cyumweru noneho umuvugabutumwa ufata iyambere agomba gushaka impamvu ituma ataboneka mu materaniro, ariko agomba kubasobanurira ko ibyo ari byo byose amateraniro agomba gukomeza.

GUHINDURA ABANTU ABIGISHWA

Umaze kwigisha itsinda ryawe uko batangiza amatorero mashya mu gushaka abantu bashakashaka amahoro no kwiga inyigisho za Bibiliya, nneho urabohereza bakajya hanze “gushaka abantu barimo gushaka amahoro y’Imana” hanyuma bagatangirana nab o za nyigisho zishingiye ku nkuru za Bibiliya. Hanyuma umuyobozi/pastori azakomeza kujya ahura n’itsinda rye buri cyumweru abigishe ku nging eshanu zikurikira. Intego ni ugutoza abagize itsinda guhinduka abigishwa kugira ngo bakure mu buryo bagendana n’Umwami.

II. UMUVUGABUTUMWA UFATA IYAMBERE N’UMWUKA WERA

Intumwa Pawulo yari yagenderaga ku Mwuka Wera mu buryo bwuzuye. Ni kubw’Umwuka Wera yagiraga imbaraga zo kubwiriza ubutumwa bw’agakiza kandi bukagira umusaruro munini, gukora ibitangaza, no gutangira amatorero mashya. Niba umuvugabutumwa ufata iyambere ashaka kubona umusaruro mwiza mu murimo we agomba kugendera ku Mwuka Wera igihe cyose.

Igihe yinjiye mu muji runaka atangiye kuvugana n’abantu babyifuza

Umwuka Wera akingura imiryango mu buryo butandukanye, abantu, n’ibindi bintu bitandukanye akabinyuramo kugira ngo umurimo mushya utangire. Muri buri muji haba hari abantu bifuzaga kumva ubutumwa bwiza. Imana ahantu hose iba irimo ihakora umurimo. Umwuka Wera akingura imitima y’abanyabyaha. Abemeza ibyaha byabo akabaha kuvuka bundi bushya mu bwiza bwa Yesu Kristo. Umwuka Wera ni we shingiro rya byose mu gutangiza igikorwa gishya.

Igihe ayobora inyigisho za Bibiliya mu ngo

Mu bihe by’amateraniro y’inyigisho, ufata iyambere agenda abona abantu bazavaba abakozi b’Imana bagenda bigaragaza hanyuma akabatoza. Intumwa Pawulo yinjiraga mu muji, akawugumamo ibyumweru bibiri cyangwa bitatu, akakiriza abantu agakiza, kandi agatoranya abazasigara bayoboze iryo torero rishya. Umuvugabutumwa ufata iyambere agomba kwishingikiriza ku Mwuka Wera mu guhagarutsa abayobozi b’itorero ry’uwo muji yinjijemo.

Igihe aha umurongo itorererishya

Itorererishya, nyiraryo ni Umwuka Wera. Ni we rikomokaho. Iyo itorererishya ryihangiwe n'Umwuka Wera, aha abanyetorererishya impano z'umwuka za ngombwa ku buzima bw'itorereshya. Izo mpano tuzisanga mu I Abakorinto 12, Abaroma 12:6-12 na I Petero.

Igihe asohoka avuye mu muji

Umuvugabutumwa ufata iyambere akwiye kwiringira ko Umwuka Wera azakomeza umurimo n'igihe we azaba amaze kuva muri uwo muji agiye ahandi. Iyo intumwa Pawulo yavaga mu muji, ntiyagiraga impungenge zo gusiga umurimo mu maboko y'abayobozi b'itorereshya ryo muri uwo muji, kubera ko mu by'ukuri yabaga awusize mu maboko y'Umwuka Wera.

Kugira ngo ufata iyambere abashe gukora umurimo wa Kristo, agomba kuba ashize amanga kandi yuzuye Umwuka Wera. Soma Abefeso 5:18, "Kandi ntimugasinde inzoga zirimo ubukubaganyi, Ahubwo mwuzure Umwuka." Reba aya magambo akurikira avuga ku Mwuka Wera.

1. Ibiranga Umwuka Wera

- Umwuka Wera **ahoraho iteka**. - Abaheburayo 9:14
- Umwuka Wera **aba hose**. - Zaburi 139: 7-10
- Umwuka Wera **ashobora byose**. - Luka 1:35
- Umwuka Wera **azi byose**. - Yohana 14:12,26

Ibi bintu uko ari bine biranga Imana. Imana ni yo ihoraho yonyine, ni yo iba hose, ni yo ishobora byose kandi niyo izi byose.

2. Umurimo w'Umwuka Wera mu bugingo bw'umunyabyaha

- Umwuka Wera ahamya ko Yesu ari ukuri. - Yohana 15:26-27
- Umwuka Wera yemeza ab'isi iby'icyaha, ibyo gukiranuka, n'iby'amateka. - Yohana 16:8-11

3. Umurimo w'Umwuka Wera mu bugingo bw'umukristo

- Umwuka Wera aha umukristo ibyiringiro by'ubugingo buhoraho.- II Abakorinto 1:22, Abefeso 1:13,14
- Umwuka Wera ahindura umukristo akamugira mushya.- Tito 3:5
- Umwuka Wera abatura umukristo mu bubata bw'itegeko ry'ibyaha n'urupfu.- Abaroma 8:2
- Umwuka Wera aha umukristo imbaraga z'umutima.- Abefeso3:16
- Umwuka Wera avugurura umukristo akamuhindura mushya kandi akamubatura kugira ngo ashobore guhamya Kristo. Ibyakozwe:8

4. Kuzuzwa Umwuka Wera n'imbuta z'Umwuka Wera

- Aabakristo bose bagomba kuzuzwa Umwuka Wera. Abefeso 5:18
- Imbutu z’Umwuka ni urukundo, ibyishimo, amahoro, kwihangana, kugira neza n’ingeso nziza, no gukiranuka, no kugwa neza no kwirinda. Abagalatiya 5:22,23
- Intego yo kuzura Umwuka Wera ni ukugira ngo umuntu ashobore kuvuga Ijambo ry’Imana ashize amanga. -Ibyakozwe 4:29, 31

5. Ibyo umuntu akwiriye kuba yujuje kugira ngo yuzure Umwuka Wera

- Agomba kuba akijijwe. -Ibyakozwe 2:38
- Agomba kwatura ibyaha byose yibuka yagendeyemo.- I Yohana 1:9 (soma Zaburi 66:18)
- Mu kwizera usabe Umwuka Wera akuzuze kandi ategeke ubugingo bwawe.-I Yohana5:14-15. (soma Abaroma 1:17)
- Ugandukire Imana iteka ryose. - Ibyakozwe 5:32

Bibiliya itanga Dawidi ho urugero rw’umuntu wuzuye Umwuka Wera akagengwa na we. Dushobora gukoresha aya mahame ane akurikira y’umwuka ku bugingo bwacu kandi tukareka Imana ikadutegeka kandi ikadukoresha mu bwami bwayo.

- 1. I Samweli 16:13 – Imbaraga zo kubaho mu buzima bwuzuye Umwuka Wera zituruka ku Mana.** Nk’uko muri iki gihe Imana yuzura imbaraga abakristo, ni ko na Dawidi yari yarujijwe n’uwo Mwuka w’Imana imbaraga, kuko Imana yari ifite umugambi ishaka gusohoza mu bugingo bwa Dawidi. Imana ifite intego n’umugambi ku bugingo bwawe kandi Umwuka Wera ni we mbaraga **zonyine** zishobora gusohoza uwo mugambi. Imbaraga ntizitangwa n’amafaranga, amashuri, imyanya y’icyubahiro cyangwa ubutegetsi bw’isi,keretse Umwuka w’Imana gusa.
- 2. I Samweli 17:45 – Kuba ufite Imana birahagije nta kindi uba ukeneye.** Goliyati yari yiteguye neza. Yari igihanda afite imbaraga, inararibonye mu ntambara kandi afite intwari n’imyambaro y’urugamba. Dawidi we byari bimeze bite? Ntiyari munini nta n’ubwo yari afite imbaraga zihambaye. Ntiyari afite intwari n’imyambaro by’urugamba, nta n’ubwo yari amenyereye bene urwo rugamba. Dawidi ntabwo yari yarigeze abikora mbere. Ariko Dawidi aravugaga ati, “... Nguteye mu izina ry’Uwiteka Nyiringabo, Imana y’ingabo za Isirayeli wasuzuguye.” Icyo Dawidi yari afite gusa ni Umwuka Wera kandi icyo ni cyo yari akeneye gusa!! Icyo ni cyo dukeneye gusa! Igihe Imana iduhamagaye ngo tuyikurikire, hanyuma ikaduha iyerekwa rinini cyane ringana na yo, tudashobora gusohoza, Umwuka wayo urahagije kandi ni wo dukeneye nta kindi. Azabikorat.
- 3. I Samweli 17:50 – Imana ishaka gukora ibidashoboka kuri twe kandi ikabikorera muri twe.** Ni nde wanesheje? Ntabwo ari Dawidi wanesheje, ashwi, ibyo ntibyashobokaga kuri we. **Imana ni yo**

yanesheje. Imana ishaka gukora ibyo yo yonyine ishobora gukora muri twe kandi ikabikorera muri twe. Ishaka gukora ibidashoboka mu buryo butatu:

- a. Mu bugingo bwacu: Imana ni yo yonyine ishobora guhindura ubugingo bwacu. Ishaka gukora ibidashoboka imbere muri twe. Ishaka guhindura ubugingo bwacu tukagenda turushaho gusa na yo kandi ibyo ntibyadushobokera ubwacu.
- b. Ibikoreye muri twe: Imana ubwayo ni yo ishobora gukora umurimo wayo. Ishaka gukora umurimo wayo ibicishije muri twe, ikadukoresha ibidashoboka kuri twe.
- c. Mu mutima w’umunyabyaha: Imana yonyine ni yo ishobora gukiza uwazimiriye mu byaha, ibyo kuri twe ntibishoboka. Imana, ikoresheje Umwuka wayo, ikora mu mutima w’umunyabyaha ikamwemeza ibyaha kandi ikamuhishurira ukuri kumugeza ku gakiza.

4. **I Samweli 17:46 – Imana ikora ibidashoboka kugira ngo isi imenye ko ari Imana.** Bitewe n’uko Imana yakoze ibidashoboka, ikoresheje agahungu gato kadafite n’ibikoresho, buri wese wari uri ahongaho yabonye ko hari izindi mbaraga ziruta iza Dawidi zikoze ibyo, “ko hari Imana muri Isirayeli”. Kubw’imbaraga zitangaje Imana yerekanye, abafilisitiya baratinye. Iyo turetse Imana ikadukoramo kandi ikadukoreramo umurimo, ishobora kugaragaza imbaraga zayo kandi ababibonye bese bakamenya ko hari Imana.

UMWANZURO

Igihe urimo wiga iki gice turagukangurira kugira ngo ufate akanya kureba buri murongo mu mirongo ya Bibiliya ikurikira, hanyuma wemerere Umwuka Wera akuganirize kuri iyo mirongo.

Umukristo agira Umwuka Wera mu buryo bugereranywa no gusigwa (I Yohana 2:20, 27; II Abakorinto 1:21), mu buryo bugereranywa no gushyirwaho ikimenyetso (II Abakorinto 1:22; Abefeso 1:13), uburyo bugereranywa n’ingwati (II Abakorinto 1:22; Abefeso 1:14), uburyo bugereranywa n’umubatizo (I Abakorinto 12:13a) ndetse no mu buryo bugereranywa n’ikinyobwa (I Abakorinto 12:13b; Yohana 4:14, 7:37-39a).

Tugomba kumvira uwatubwiye ati “Mujye mu bihugu byose mubwirize abaremwe bese ubutumwa bwiza (Mariko 16:15).” Tugomba gukunda Ijambo rye, kuko twejeje na ryo (Yohana 17:17).

Tugomba gukora mu murima w’Imana tudashidikanya kandi twishimye kuko tuzi neza ko ikora umurimo muri twe (Abafilipi 1:6; 2:13). Impano z’umwuka nta na rimwe zigeze zibura mu bakristo (I Abakorinto 1:7). Umwuka Wera aduha ubushobozi bwo gukora umurimo w’Imana, kandi abikora mu buryo bw’impano yaduhaye (I Abakorinto 12:4-6).

Tugomba kumvira Imana igihe tumaze gusobanukirwa ibyo idutegeka mu ijamba ryayo. Nitubigenza dutyo, umusaruro uzaba imbuto zituruka kuri uwo ukora ubushake bw’Imana muri twe (Abagalatiya. 5:22-26).

GUSHYIRA MU BIKORWA

- ∞ Senga bucece.
- ∞ Saba Umwuka Wera aguhishurire icyaha cyose cyaba kiri mu bugingo bwawe.
- ∞ Atura ibyaha byose akwibukije.
- ∞ Mwegurire ubugingo bwawe kandi ujye wumvira buri muni.

III. UMUVUGABUTUMWA UFATA IYAMBERE NO GUSENGA

INTANGIRIRO

Ntibishoboka ko waba umwigishwa wa Yesu Kristo keretse uri umunyamasengesho. Umuvugabutumwa ufata iyambere agomba kumaramaza akagira gahunda ihoraho y’umwanya wo kwihererana n’Imana kandi ibyo bikaba ari byo biba iby’ibanze mbere y’ibindi byose mu buzima bwe. Iyo bitagenze bityo ntabwo yigera amenya Imana mu buryo bwimbitse. Ntabwo azigera akomeza kuguma muni y’ubuyobozi bw’Imana, kandi ntabwo azigera yera imbuto z’umwuka nyakuri.

Reba uburyo umunani bushobora gukoreshwa mu gusenga igihe umuntu afashe umwanya wo kwihererana n’Imana.

1. Guhimbaza no Kuramya

Bibiliya iravuga muri Zaburi 48:1 ngo, “Uwiteka arakomeye akwiriye gushimirwa cyane...” Zaburi 34:1-3 haravuga ngo, “Nzahimbaza Uwiteka iminsi yose, ishimwe rye rizaba mu kanwa kanjye iteka. Uwiteka ni we umutima wanjye uzirata, abanyamubabaro babyumve bishime. Mufatanye nanjye guhimbaza Uwiteka, dushyirane hejuru izina rye.”

Duhimbaza Umwami mu materanuro yacu yo ku cyumweru. Ariko se tubigenza dute mu gihe cyo kwihererana n’Imana twenyine kuva kuwa mbere kugeza kuwa gatandatu? Bibiliya iravuga muri Zaburi 22:3 ngo, “Ariko uri uwera, intebe yawe igoswe n’ishimwe ry’Abisirayeli.”

Guhimbaza ni iki? Guhimbaza ni ugushyira hejuru no gusingiza Imana kubw’icyo iri cyo. Ishimwe ni ugushyira Imana bitewe n’ibyo yadukoreye.

Guhimbaza ni ugusingiza Imana ukayivuga ibigwi bituruka ku miterere yayo na kamere yayo.

Guhimbaza Imana mu buryo bwa Bibiliya, umuntu agomba gukoresha ibitekerezo bye, umutima we n'amarangamutima ye. Ntabwo ari bibi kugaragaza ibyishimo n'amarangamutima mu gihe duhimbaza Imana mu materaniro. Kuvuga ko byaba ari amakosa ni nko kuvuga ko umuntu adashobora gukoresha ibitekerezo cyangwa gushaka kwe. Umuntu agizwe n'umubiri, ubugingo (**ibitekerezo, gushaka n'amarangamutima**), n'umwuka (I Abatesalonike. 5:23).

Nyamara kandi hari itandukaniro rinini hagati y'amarangamutima (emotions) no gukungērwa (emotionalism). Gukungērwa ni ukuba umuntu atagishobora kugenga amarangamutima ye cyangwa ibiyumviro bye(emotions). Iyo bigenze bityo mu materaniro, ubwo tuba dutangiye kurenga umurongo wa gahunda y'amateraniro uko Bibiliya iyavuga. Bibiliya ntiyanga ko umuntu akoresha amarangamutima mu materaniro yo kuramya, nyamara ariko irwanya gusaragurika no gukungērwa.

Hano turaguha inama nkeya z'uko wahimbaza Uwiteka igihe uri wenyine wihereranye n'Imana:

A. Ririmba indirimbo zisingiza Imana wifashishije igitabo cy'indirimbo z'Imana

Niba muri icyo cyumba wiherereyemo hari abandi bantu, ahari wenda byaba ngombwa ko ayo magambo y'indirimbo uyabwirira Imana mu mutima. Urugero rwiza rw'indirimbo yo guhimbaza ni iyitwa, "Holy, Holy, Holy. (Uwera, Uwera, Uwera)"

Soma umurongo wa mbere w'indirimbo hanyuma uhagarare, utekereze cyane ku nsobanuro y'ayo magambo. Uhimbaze Imana ushingiye ku byo usomye muri uwo murongo. Nurangiza ubigenze utyo no ku murongo ukurikiyeho urinde urangiza indirimbo yose. Mu mashakiro y'ibitabo byinshi by'indirimbo z'Imana, ushobora gusangamo urutonde rw'indirimbo zo guhimbaza.

B. Ririmba cyangwa usome indirimbo zo guhimbaza

Mu gitabo cy'Abefeso 5:19-20 Bibiliya iravuga ngo, "Mubwirane zaburi n'indirimbo n'ibihimbano by'umwuka, muririmba mucurangira Umwami wacu mu mitima yanyu. Mujye mushima Imana Data wa twese ku bw'ibintu byose, mubiyishimira mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo." Wumve neza ko indirimbo zo guhimbaza Bibiliya izemera.

C. Soma ibice byo gusenga biri muri Bibiliya hanyuma wiyerekezeho buri murungoo

Zaburi 8:1 haravuga ngo, "Uwiteka Mwami wacu, erega izina ryawe ni ryiza mu isi yose! Washyize icyubahiro cyawe hejuru y'ijuru."

Kwiyerekezaho uyu murongo ni ugusimbuzamo izina ryawe gusa. Urugero, “Uwiteka Mwami ‘wanjye’, erega izina ryawe ni ryiza mu isi yose! Washyize icyubahiro cyawe hejuru y’ijuru.” Soma rimwe umurongo nk’uko uri muri Bibiliya, hanyuma wongere uwusome uwiyererekazaho kugira ngo bibe guhimbaza Imana kwawe bwite.

Hari ibice bimwe bya Bibiliya bijyanye cyane n’ubu buryo bwo kuramya: Zaburi 8,9,19, 24, 65, 92,104, 139, gusenga kwa Yesu hamwe n’ukw’intumwa Pawulo, n’ibice byinshi binyuranye biri mu gitabo cy’Ibyahishuwe. Ubundi buryo bwo kubona ibice byo guhimbaza muri Bibiliya ni ukureba mu ishakiro ry’amagambo ya Bibiliya (concordance) ugashaka ijamba “guhimbaza”.

Guhimbaza ni ibya ngombwa cyane mu gukura mu mwuka kuri buri mukristo. Soma Ibyahishuwe 4 na 5 kugira ngo umenye ibyo tuzajya dukora mu ijuru.

2. Kwatura

Ntabwo ari ngombwa kumara igihe kirekire urimo watura wihana. Iyo dukoze icyaha, Umwuka Wera ako kanya ahera ko akavugana n’imitima yacu atubwira ko ducumuye. Kwatura buri cyaha byakagombye kuba ako kanya Umwuka Wera atwemeje icyaha. Muri I Yohana 1:9 Bibiliya iravuga ngo, “Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose.”

Mu gihe twihereranye n’Imana twenyine, Umwuka Wera ashobora kutwibutsa ibyaha duheruka gukora kandi tutatuye ngo tubisabire imbabazi. Ashobora kutwibutsa aho tutitwaye neza, uburakari twagize, gusharira twagiriye umuntu runaka. Muri icyo gihe tugomba kwatura ibyaha byose biri mu mitima yacu.

3. Ishimwe

Mu gitabo cy’Abafilipi 4:6 Bibiliya iravuga ngo, “Ntimukagire icyo mwiganyira, ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n’Imana mubisabiye, mubyingingiye, mushima.”

Ishimwe ni ugushima Imana ibyo yadukoreye. Urugero, “Ndagushimira Mana ku magara mazima mfite, ku byo kurya, no ku muryango wanjye.”

4. Kumva ijwi ry’Imana

Bibiliya iravuga muri zaburi 62:5 ngo, “Mutima wanjye turiza Imana yonyine, kuko ari yo ibyiringiro byanjye biturukahaho.” Zaburi 46:10 haravuga ngo, “Nimworoshye mumenye ko ari jye Mana...”

Ijwi ry’Imana turyumva dute? Imana ikoresha uburyo bubiri bw’ibanze ivugana n’abayizera buri muni: Umwuka Wera n’Ijambo ryayo. Abaroma 10:17 haravugana ngo, “Dore kwizera guheshwa no kumva, no kumva kukazanwa n’ijambo rya Kristo.”

Bibiliya ni urwandiko rw’urukundo Imana yatwandikiye. icyo Imana yifuza ni ukuvugana na buri wese muri twe buri muni ibinyujije mu ijambo ryayo mu mbaraga z’Umwuka Wera. Hano hari uburyo bwo kumva ijwi ry’Imana:

- A. Tangira usome igitabo runaka cyo muri Bibiliya. Twakugira inama yo gutangirira ku gitabo cy’Abefeso.
 - B. Saba Imana iguhishurire amabanga y’umwuka akubiye muri buri murongo cyangwa buri gace (paragraph). Urugero, Abefeso 1:1 haravugana ngo, “Pawulo wagizwe intumwa ya Kristo Yesu nk’uko Imana yabishatse, ndabandikiye mwebwe abera bari muri Efeso bizera Kristo Yesu.” Amabanga ane y’umwuka arimo ni aya:
 - 1) Pawulo ni umukristo kandi ni intumwa ya Kristo Yesu.
 - 2) Yari intumwa yatoranyijwe biturutse ku gushaka kw’Imana.
 - 3) Ijambo, “abera” rivugana abakristo bo muri Efeso.
 - 4) Aba bakristo bari abizerwa kuri Yesu Kristo.
 - C. Iyerekezeho buri banga ry’umwuka. Imana irimo iravugana n’usoma icishije muri ibi agenda ahishurirwa. Urugero: Imana irambwira ibintu bine mu Abefeso 1:1:
 - 1) Thomas Wade, uri umwigishwa wa Yesu Kristo ku bwo gushaka kwanjye.
 - 2) Thomas Wade, Naragutoranyije ku bwo gushaka kwanjye.
 - 3) Thomas Wade, uri uwera aho utuye i Belo Horizonte, Brazil.
 - 4) Thomas Wade, nshaka ko uba umwizerwa kuri Kristo Yesu.

5. Senga ukoresheje ayo magambo Imana ikubwiye

Senga Imana ukoresheje uwo murongo. Dukoresheje wa murongo wo mu Abefeso, dushobora kuvuga tuti, “Data nkunda, Mana yanjye ndagushima Mwami, kuko wukowe Mwami wampamagaye kuba umwigishwa wa Yesu Kristo. Ndagushima Mwami kuko ndi uwera wawe. Ndi umuntu warobanuwe mu bandi na we. Data, icyifuzo cyanjye ni uko naba umwizerwa kuri Kristo. Mbisabye mu izina rya Yesu, Amina!”

Umaze gukurikiza izi ntambwe zose kuri uyu murongo wa mbere, komeza ujye n kuwa kabiri ubigenze utyo hanyuma urangize igice cyose.

6. Kwinginga

Bibiliya iravuga mu Abefeso 6:18 ngo, “Musengeshe Umwuka iteka mu buryo bwo gusenga no kwinginga, kandi ku bw’ibyo mugumye rwose kuba maso, musabire abera bose.”

Kwinginga ni ugusengera abandi bantu. Abantu benshi usanga muri Bibiliya zabo ku rupapuro rurangiza nta kintu cyanditseho. Urwo rupapuro urucemo imirongo ihagaze urugabanyemo ibice umunani, cyangwa se ukoreshe ikayi wandike urutonde rw’amazina y’abantu ushaka gusengera.

Urugero, ku mutwe w’urupapuro wandikeho ijambo, “**Buri muni**,” hanyuma noneho ukomereze ku kwandika izina ry’uwo mwashakanye, abana, ababyeyi, abavandimwe, n’abandi. Abo ni abantu bakwegereye cyane.

Ku rupapuro rukurikiyeho cyangwa igice gikurikiyeho muri byabindi wagabanyije ku rupapuro, wandike ijambo, “**Ku cyumweru**.” Muni y’iryo jambo wandike urutonde rw’amazina y’abantu uzajya usengera kuri uwo muni. Sengera pastori wawe n’umufasha we, umwarimu wawe w’inyigisho za Bibiliya zo ku cyumweru n’abandi mwigana.

Komeza ku rundi rupapuro cyangwa akandi gahande kuri rwa rupapuro wagabanyijemo ibice noneho wandike ijambo, “**Kuwa mbere**.” Uru ni urupapuro wandikaho abagize umuryango wawe hamwe n’incuti zawe.

Ku mutwe w’urupapuro rukurikiyeho cyangwa agace k’urupapuro gakurikiyeho hazaba hariho ijambo, “**Kuwa kabiri**.” Kuri uyu muni usengere abantu uzi ko bari mu byaha.

“**Kuwa gatatu**” ni ryo jambo rigomba kuba ku rupapuro rukurikiyeho cyangwa agahande k’urupapuro gakurikiyeho. Muni y’iryo jambo wandike amazina y’abamisiyoneri, abayobozi b’impuzamatorero yanyu cyangwa abandi bakozi b’Imana wifuza gusengera.

Ku rupapuro rw’ikaye rukurikiyeho cyangwa akandi gahande k’urupapuro andika ijambo “**Kuwa kane**.” Kuri urwo rupapuro wandikeho amazina y’abayobozi b’igihugu cyawe. I Timoteyo 2:1&2, “Irya mbere ya byose ndaguhugurira kwingingira abantu bose, no kubasengera no kubasabira no kubashimira, ariko cyane cyane abami n’abatware bose kugira ng duhore mu mahoro tutabona ibyago, twubaha Imana kandi twitonda rwose.”

Ku rupapuro rukurikiyeho cyangwa akandi gahande k’urupapuro wandike ijambo “**Kuwa gatanu**.” Kuri uru rupapuro cyangwa ako gahande wandike amazina y’abantu uzi basubiye inyuma bakava mu itorerero cyangwa basubiye mu byaha.

Ku mutwe w'urupapuro rukurikiyeho handitse "**Kuwa gatandatu.**" Ku rutonde rwo kuri urwo rupapuro wandike amazina y'incuti zawe, bene So musengana mu itorero n'iyindi mishinga waba ufitemo uruhare.

Umuvugabutumwa ufata iyambere nabigenza atyo, azajya asengera abantu benshi buri munsu wa buri cyumweru. Hari abavuga ko Abaroma 16 ari urutonde rwa Pawulo rw'amazina y'abakristo b'i Roma yasengeraga.

7. Gutekereza ku byanditswe byera no kubifata mu mutwe

Bibiliya iravuga muri Yosua 1:8 ngo, "Ibiri muri iki gitabo cy'amategeko ntukarorere kubihamisha akanwa kawe, ahubwo ujye ubitekereza ku manywa na nijoro kugira ngo uboone uko ukurikiza ibyanditswemo byose. Niho uzahirwa mu nzira zawe ukabashishwa byose."

Uyu murongo uvuga ko gutekereza ku ijamba ry'Imana ku manywa na nijoro bituma ubugingo buhindurwa. Abaroma 8:29 havuga yuko intego y'Imana ari ukugira ngo umuvugabutumwa ufata iyambere ashushanywe n'ishusho ya Yesu Kristo. Ikivamo ni ugutera imbere k'umuntu n'ubugingo buneshyeje. Ariko ikibazo gihari ni iki, "Ni gute dutekereza ku ijamba ry'Imana ijoro n'amanywa? Ni gute dutekereza ku ijamba ry'Imana dusinziriye?"

- A. Toranya umurongo umwe wo muri Bibiliya buri cyumweru.
- B. Soma umurongo ukurikije igice urimo n'uko wavuzwe (its context).
- C. Saba Imana iguhishurire amabanga y'umwuka ari muri uwo murongo.
- D. Iyerekezeho uwo murongo mu gusenga.
- E. Andika uwo murongo ku gakarita ushyireho n'aho uri muri Bibiliya.
- F. Ku manywa uwo murongo uwusome incuro nyinshi. Ibyo ushobora kubikora nk'igihe utonze umurongo utegereje kugerwaho cyangwa mu gihe cyawe utuje uri wenyine, ariko wibuke gusoma kuri iyo karita yawe nibura gatanu ku munsu.
- G. icya nyuma ugomba gukora buri joro ni ugusoma wa murongo. Ibyo biba ari ukugira ngo ucengeze uwo murongo imbere mu bugingo bwawe.

8. Gutakamba

Bibiliya iravuga mu Abaheburayo 4:16 ngo, "Nuko rero, twegere intebe y'ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiye." Gutakamba (supplication) icyo bishaka kuvuga gusa ni ukwerekana Imana ibyifuzo byawe, ibyo ukeneye.

IV. UMUVUGABUTUMWA UFATA IYAMBERE N'AGAKIZA

Iteka ibyo wizera wemera ni byo bibanziriza ibikorwa byawe. Matayo 12:34 haravuga ngo, "Ibyuzuye mu mutima ni byo akanwa kavuga." Umuvugabutumwa ufata iyambere agomba gusobanukirwa neza imyizerere y'ibanze y'Isezerano

Rishya. Ibyo umuvugabutumwa ufata iyambere yizera kuri Bibiliya, ku gakiza, ku murimo w’Imana no ku itorero bifite uruhare runini mu gutera imbere k’umurimo we. Uko afata agakiza bigenda byumvikana mu butumwa avuga. Abakristo benshi ntibashobora no gusubiza ibibazo by’ibanze cyane ku byerekeranye na Bibiliya.

1. **Ubutumwa bwiza ni iki?** (Andikisha ikaramu y’igiti wowe uko wumva insobanuro ya Bibiliya kuri iri jambo) Kugira ngo ubone insobanuro imwe Bibiliya itanga ku butumwa bwiza, soma I Abakorinto 15:1-4.

2. **Ubuzima buhoraho ni iki?** (Andikisha igisubizo cyawe ikaramu y’igiti ukurikije uko Bibiliya ibisobanura) Kugira ngo ubone insobanuro imwe yonyine Bibiliya itanga ku bugingo buhoraho soma Yohana 17:3.

Ini ngombwa cyane ko umuvugabutumwa ufata iyambere asobanukirwa neza icyo agakiza ari cyo nk’uko Isezerano Rishya risobanura. Kuko ubundi itorero ry’Isezerano Rishya riba rigizwe n’abantu bakijijwe, imyizerere y’umuvugabutumwa ufata iyambere ku byerekeranye n’agakiza iba ari iy’ishingiro cyane ku murimo we.

Umuvugabutumwa ufata iyambere nta mumaro yaba amaze igihe atizera ko abantu badafite Kristo baba barimbutse iteka ryose kandi ko bazaba mu muriro utazima iteka ryose. **Mbese ibyo urabyizera koko?** Umuvugabutumwa ufata iyambere agomba no kuba asobanukiwe ko umuntu udafite Kristo aba atandukanijwe n’Imana, kandi ko ubugingo bwe buba bwuzuye guhangayika, ubwigunge, ubwoba, umutima umucira urubanza ndetse mu mutima we haba harimo nk’icyobo kirimo ubusa.

Ikintu gikomeye cyane ni imyizerere yerekeye iby’urubanza rw’imperuka. Hirya no hino mu isi hari abantu bagira imico yo guhamagara imyuka y’abapfuye kandi imyizerere ivuga ko umuntu iyo apfuye agaruka akavukira mu mwana uzavuka nyuma ye cyangwa akaza mu itungo (reincarnation) ikaba ikaze cyane. Yesu yatubwiye izuka ntiyigeze avuga ibyo byo kugaruka umuntu akavukira mu wundi. Abaheburayo 9:27 haravuga ngo, “Kandi nk’uko abantu bagenewe gupfa rimwe hanyuma yaho hakaza urubanza.”

Luka 19:10 havuga ko Yesu yazanywe no gushaka no gukiza icyari cyazimiye. Iyi rero ni nayo nshingano y'umuvugabutumwa ufata iyambere. Abantu bararimbuka iyo hari ikindi kintu icyo ari cyo cyose batezemo agakiza kitari Yesu. Abagalatiya 2:16 haravuga ngo, "Nyamara tumenye yuko umuntu adatsindishirizwa n'imirimo itegetswe n'amategeko, ahubwo atsindishirizwa no kwizera Yesu Kristo. Dore ndetse natwe twizeye Kristo Yesu kugira ngo dutsindishirizwe no kumwizera, bitavuye ku mirimo itegetswe n'amategeko kuko ari nta muntu uzatsindishirizwa n'imirimo itegetswe n'amategeko."

Nk'uko ari ngombwa cyane ko umuvugabutumwa ufata iyambere amenya ko abanyabyaha nta gakiza bafite, ni nako umunyabyaha agomba kwimenyaho ko ari mu nzira yo kurimbuka. Ntitugomba kwifuza kubona abantu bafata icyemezo cyo kwakira Kristo gusa, ahubwo tugomba guhindura abantu abigishwa. Tugomba kwinjiza abakristo bashya mu mirimo y'itorero, tugatoza abayobozi kavukire, kandi tugashyiraho amatorero yibeshaho, yigenga, yiyagura ari muni y'ubuyobozi bw'Umwuka Wera.

Nuko rero ni ibyangombwa cyane ko umuntu asobanukirwa neza icyo agomba gukora kugira ngo akizwe. Umuntu ntashobora gukizwa atarihana ibyaha bye kandi ngo ashire ibyiringiro bye byose muri Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza we. Umuvugabutumwa ufata iyambere agomba gukora uko ashoboye kose kugira ngo abo bireba basobanukirwe neza bumve ko bari mu nzira yo kurimbuka kandi bamenye neza n'icyo bakwiriye gukora kugira ngo bakire Kristo.

Agomba kubanza "kwihana" ibyaha bye. Mariko 1:15 Kwihana ni iki? Ijambo "kwihana" risobanura guhindukirira Yesu Kristo kandi ugahindura imitekerereze yawe. Guhindura imitekerereze, guhindukira ukava mu byaha ugasanga Yesu bisobanura ko umuntu aba amenye ko yabayeho yigenga yerekeza ubugingo bwe aho ashaka noneho ubu akaba yifuza kubwegurira Yesu ngo abe ari we ubuyobora. Bisobanura kwegurira Yesu Kristo ubugingo bwe ngo abutegeke. Kwihana ni ukureka ibyaha byawe (ubuzima bwo gukora ibyo wishakiye) ukegurira ubugingo bwawe Yesu nk'Umwami na Shobuja. Uko kwegurira ubugingo bwawe kurasabwa no mu Abaroma 10:9 iyo umuntu agomba "kwaturisha akanwa ke" ko Yesu ari Umwami, akava mu buzima bwo kwigenga akayoboka Yesu nk'Umwami.

Kwihana ni iki? _____

Icyo kabiri- Agomba gushyira "kwizera" kwe muri Yesu wenyine nk'Umwami we, Umukiza we, n'Umuhuza we n'Imana. Ijambo "kwizera" riri mu Abaroma 10:9 rirenze kumenya ibya Yesu Kristo mu bwenge gusa. Muri Yakobo 2:19 Bibiliya iravuga ngo n'abadayimoni bemera ibya Yesu.

Ijambo “kwizera(faith)” cyangwa “kwemera(to believe),” mu kigiriki ni “Pistis.” Bisobanura ko umuntu agomba kwegurira ubugingo bwe Kristo kugira ngo abe umwe na we. Ikindi icyo ari cyo cyose wakora kitari icyo ntibiba ari ukwizera nyako. Ikibazo gikomeye ni uko abantu benshi bemera amateka y’ibya Yesu Kristo mu bwenge bwabo. Umurimo wacu ni ukwerekana abantu itandukaniro hagati y’ukwizera nyako gukiza no kwizera gupfuye.

Kwizera ni iki?

Kwizera kuzima gukiza nta kindi kintu kwiringira ku ruhande ngo agakiza kaboneke. Urugero, umuntu agomba kureka kwiringira ibikorwa bye byiza, kwitonda kwe, ibigirwamana, Bikira Mariya, abamarayika, n’abatagatifu ahubwo akizera Yesu Kristo n’umutima we wose nk’Umuhuza we n’Imana, nk’Umukiza n’Umwami we. Mu gitabo cye yise, Indigenous Church Planting (“Gushinga Itorero ry’abenegihugu”), Charles Brock aravugaga ati, “Kwigisha ku by’agakiza ariko bidashingiye ku kuvuga neza iby’icyaha, kwihana, no kwizera, bizabyara idini gusa ariko ntibizabyara itorero.”

Buri muvugabutumwa ufata iyambere agomba gukurikira ubuyobozi bw’Umwuka Wera kuko ari we wenyine ushobora kwemeza abanyabyaha ibyaha byabo. Umuvugabutumwa ufata iyambere agomba kubwiriza ubutumwa bwa Kristo buzima kandi bwuzuye, akabikora mu mbaraga z’Umwuka Wera kugira ngo akore (Umwuka Wera) mu mitima y’abantu kandi abyare imbuto zigumaho.

V. UMUVUGABUTUMWA UFATA IYAMBERE N’UBUHAMYA

Intego y’ubuhamya ni ukubwira abandi ibyakubayeho. Birashoboka kuba wagisha umuntu impaka igihe akubwira ibintu byabaye ku bandi ariko birakomeye kumugisha impaka ku bintu byamwibereyeho we ubwe. Mu Ibyakozwe 22:1-16 n’Ibyakozwe 26:9-23, intumwa Pawulo avugaga inkuru y’ukuntu yakiriye Yesu n’uko byagenze amaze kumwakira.

1. Ibyo umuntu yakurikiza mu gutanga ubuhamya bwe

- A. Kuvuga mu magambo avunaguye (nturenze iminota ibiri).
- B. Wibuke ko intego ari ukubwira udakijijwe uko wowe wakiriye Kristo. Ubutumwa buza hanyuma.
- C. Ntuterure kubwiriza ubutumwa.
- D. Uyu si umwanya wo gusobanura iby’umugambi wo gucungurwa.
- E. Ntujye mu byo gutumira uwo muntu.
- F. Ntukoreshe amagambo yaheza umuntu mu rujijo. Urugero: “Narabatijwe.” Utarakizwa azibwira ko gukizwa ari ukubatizwa. Ni byiza ahubwo nko kuba wavugaga uti, “Ndibuka ijoro nakiriyemo Yesu

mu mutima wanjye,” cyangwa “Nashyize ibyiringiro byanjye muri Kristo wenyine nk’Umwami n’Umukiza wanjye.”

- G. Ushatse wakoresha imirongo ya Bibiliya.
- H. Ubuhamya bwawe ubwandike. Ntibugomba kurenza hagati y’amagambo 250 na 350.
- I. Usoze ubuhamya uvuga ibi bintu bibiri:
 - 1) Ubu noneho nizeye ndashidikanya ko mfite ubugingo buhoraho.
 - 2) Mbese nshobora kugusobanurira muri Bibiliya uko wabona ibyiringiro by’ubugingo buhoraho?

2. Ubuhamya

Subiza ibibazo bikurikira kugira ngo bigufashe kwandika ubuhamya bwawe:

A. Ubuzima bwanjye bwari bumeze bute ntaramenya Yesu? Vuga uko witwaraga, uko wabagaho, n’ibyaha wagenderagamo. (Ibyakozwe 22:1-5 na 26:4-11)

B. Ni gute numvise ko nkeneye Yesu? (Ibyakozwe 22:6-8 na 26:12-15)

C. Nari he nakira Kristo kandi byagenze bite? (Ibyak. 22:6-10 and 26:13-18)

D. Ni izihe mpinduka zabaye ku buzima bwanjye kuva aho nakiriye Kristo? (Ibyakozwe 22:10-21 na 26:19-23)

E. Gusozza:

Buri gihe ujye usozza uvuga uti, “Ubu mfite ibyiringiro by’ubugingo buhoraho. Mbese nabasobanurira icyo Bibiliya ivuga ku buryo mwashobora kubona ibyiringiro by’ubugingo buhoraho namwe?”

Wubatse ikiraro hagati yawe n’wo muntu udakijijwe. Ubwo noneho uba urimo urasaba uruhushya rwo kwambukira kuri icyo kiraro ukinjira mu buzima bwe. Ashobora kuvuga ati “yego” cyangwa ati “oya.” Niyemera noneho umubwire ubutumwa bwiza. Navuga ati “oya”, ushobora kumubaza niba wakwandika izina rye muri Bibiliya yawe kugira ngo ujye wibuka kumusengera buri muni.

VI. UMUVUGABUTUMWA UFATA IYAMBERE N’IVUGABUTUMWA - IMIRONGO ITANDATU ISOBANURA UBUTUMWA BWIZA

Hari ubwoko bubiri bw’imico:

- 1. Imico idashingiye ku bya gikristo**
- 2. Imico ishingiyeye ku bya gikristo**

Hari amahame shingiro y’ubutumwa bwiza tutitaye ku by’imico. Umuco ntushobora guhindura ubutumwa bwiza. Utuyobora gusa uburyo twabwirizamo ubutumwa bwiza. Hari uburyo runaka hari ukuntu ayo mahame shingiro y’ubutumwa bwiza aba akwiye gutangwamo kugira mbere y’uko umuntu yakira Kristo. Twakugira inama ko aya mahame wayatanga muri gahunda ndende irambye y’inyigisho za Bibiliya cyangwa mu buryo bw’inkuru. Ahantu bagendera ku mico ishingiyeye ku bya gikristo ushobora guhita uyatanga ako kanya ukimara guhura n’umuntu. Tutitaye ku kureba uburyo umuntu yahitamwo gukoresha mu kuyatanga, ariko akwiriye kumenya ayo mahame shingiro y’ubutumwa bwiza.

Ibibazo bigenewe abo mu mico idashingiye ku bya gikristo

Aha ushobora gutangira ubaza ikibazo gisanzwe cy’ibanze nko kubaza uti, “Mbese wowe Imana uyumva ute, imeze ite?” Umutege amatwi hanyuma umubaze niba bishoboka ko mwafatana gahunda yo kuzajya mwigana ku by’Imana. Mu bantu b’imico itagendera ku bya gikristo wamubaza niba ashaka kwiga ibyerekeye Imana Rurema yaremye isi n’ijuru n’ukuntu bashobora kugirana ubusabane na yo. Koresha inyigisho zoroheje za Bibiliya cyangwa inkuru z’amateka y’ibyabaye muri Bibiliya.

Ibibazo bigenewe abo mu mico igendera ku bya gikristo

“Mbese nshobora kukubaza ikibazo? Uramutse upfuye muri iri joro, urumva uzi neza ko ufite ubugingo buhoraho, ko wajya mu ijuru nta kabuza?” (Iki kibazo ugifate mu mutwe). Umuntu niwumva ashubije mu buryo butari bwo ukomeze noneho umuhe ubuhamya bwawe umubwirize n’ubutumwa bwiza. Nasubiza ati “ndumva mfite ibyiringiro”, noneho umubaze iki kibazo cya kabiri: “Muri aka kanya uramutse uhagaze imbere y’Imana ikakubaza iti, ‘Kuki nakureka ukinjira mu ijuru ryanjye?’ Wayisubiza iki?” (Iki kibazo ugifate mu mutwe). Natagusubiza uko bikwiriye, noneho umubwirize ubutumwa bwiza. Ikindi kibazo wabaza ni iki: “Mbese waba ufutanye ubusabane na Yesu Kristo cyangwa uri mu nzira yo kubugira?”

ICYITONDERWA: Ibibazo by’ubugingo buhoraho ku bantu b’idini ry’abahindi, Ababuda, n’abaterekera imyuka y’abakurambere bigomba gutandukana n’ibibazwa abagendera ku mico ya gikristo nk’abagatulika. Muri iyi mico, ibyo uvuga byose birimo amagambo nka “Yesu”, “Imana”, “ijuru” cyangwa “ umuriro” ugomba kubisobanura ushingiyeye ku mucu w’uwo muntu. Urugero, kuvuga Imana nk’Umuremyi w’ibiriho byose, nk’Umwuka ushobora byose ni intangiriro nziza yo gusobanura Imana iyo ari yo. Igihe ushaka gusobanura kuri Yesu wavuga ukuntu yigize umuntu akaza mu mubiri w’umuntu n’itege yabyo.

Urundi rugero rwiza ni urw’ijambo “ijuru”. Ijuru ku mubuda ni ukuvuga guhunga/kuva/gucika ingoyi y’ibyifuzo byose. Ku muhindu ijuru ni ukuvuga igihe umuntu acitse ingoyi ya kwa guhora yongera kuvukira mu wundi muntu cyangwa mu itungo (reincarnation). Ku baterekera imyuka y’abapfuye, ijuru rishobora kuvuga ibintu byinshi kandi ikiritandukanya n’umuriro ni uko abagukomokaho bagutura ibitambo (bigwiriye mu burasirazuba bw’aziya).

Mu mico myinshi yo mu isi NTABWO Bibiliya ari igitabo abantu bazi. Abenshi ndetse niba atari hafi ya bose mu bice bitaragerwamo n’ubutumwa bwiza ntibarigera bumva n’uvuga iryo jambo Bibiliya. icyo nagiyeye nkora ahantu nk’aho ni ugutangira mbabwira ko Bibiliya ari igitabo Imana yaduhaye kugira ngo itwihishurire. Si ngombwa ngo babyizere. Birashoboka ko batabyizera, ariko niba bemeye bakaza ngo mwigane icyo gitabo, Umwuka Wera AZAKORA umurimo we atangire kubahishurira ukuri.

Ntukajye impaka NARIMWE ku byo kuvuga niba Bibiliya ari Ijambo ry’Imana cyangwa atari ryo. Wowe uvuge gusa ko kwizera kwawe gushingiye ku byo wemera ko byanditswe mu gitabo cy’Imana kandi ko wifuzaga kubiganiraho na bo.

Ni iby’ingirakamaro cyane ko umuvugabutumwa ufata iyambere abona icyo aheraho gikwiriye ahamiriza abantu arimo gukoramo umurimo.

UBUTUMWA BWIZA NTIBUHINDUKA NA RIMWE, ARIKO UBURYO BUTANGWAMO BURAHINDUKA BISHINGIYE KU MUCU.

IBUKA: Mu bantu bagendera ku mico ishingiyeye ku bya gikristo ushobora kubaza ibibazo twabonye haruguru byerekeranye n’ubugingo buhoraho. Ariko ahantu h’imico idashingiyeye ku bya gikristo uzagomba gukoresha ubushishozi kugira ngo umenye urwego rw’imyumvire y’iby’umwuka. Uko umuntu yumva amagambo nk’ “ijuru” bishobora kuba atari nk’uko Bibiliya ibivuga.

Uko Ubutumwa bwiza buteguye
(iyi mirongo ya Bibiliya itandatu igaragaza umutima w’ubutumwa bwiza.)

1. Umugambi w’Imana ku bugingo bwawe

Bibiliya iravuga muri **I Yohana 5:13** ngo, “**Ibyo ndabibandikiye mwebwe abizeye izina ry’Umwana w’Imana, kugira ngo mumenye yuko mufite ubugingo buhoraho.**”

Intego y’uyu murongo: Kugaragaza ko Imana ishaka gutanga icyizere cy’ubugingo buhoraho kubw’urukundo ikunda abantu.

Insobanuro y’uyu murongo: Ubugingo buhoraho ni ibintu bibiri:

- a) Kumenya Yesu Kristo no kugira amahoro ye mu mutima wawe ubu tukiri muri ubu buzima bwa hano mu isi. (Yohana 17:3)
- b) Kuzabana na Yesu Kristo mu ijuru iteka ryose nyuma yo gupfa. (Yohana 14:1-3)

Gushyira uyu murongo mu bikorwa: Ese urashaka kugira icyizere cy’uko ufite ubugingo buhoraho?

Icyitonderwa: Mu bantu b’imico ya gikristo ndetse n’itari iya gikristo aya magambo agomba gusobanurwa neza akumvikana; kandi ibyo bishobora gutwara igihe kinini.

2. Icyo ukeneye

Bibiliya iravuga mu **Abaroman 3:23** ngo, “**kuko bose bakoze ibyaha ntibashyikira ubwiza bw’Imana**”.

Intego y’uyu murongo: Kwerekana ko twese turi abanyabyaha.

Insobanuro y’uyu murongo: Icyaha ni iki? Icyaha ni ukutumvira Imana. Urugero: twese twakoze ibyaha nko kubeshya, kurakara, gusharira, ubugugu, irari n’ubwibone.

Gushyira uyu murongo mu bikorwa: Ese uremera ko wakoze ibyaha? Ingaruka z’icyaha ni izihe?

Bibiliya iravuga mu **Abaroma 6:23** ngo, “**Kuko ibihembo by’ibyaha ari urupfu, ariko impano y’Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu.**”

Intego y’uyu murongo: Kugaragaza ko twese dukwiye urupfu kubw’ibyaha byacu.

Insobanuro y'uyu murongo: Urupfu ni iki? Urupfu bisobanura gutandukanywa n'Imana mu buryo bubiri.

Ubwa mbere, urupfu ni ugutandukana n'Imana tukiri hano muri ubu buzima bwo ku isi. Ni ukubaho nta byishimo n'amahoro mu mutima. Ni ubuzima butagira ibyiringiro by'ubuzima buhoraho kandi ukaba udafite Yesu mu mutima wawe. Gutandukanywa n'Imana bituma umuntu aba igishushungwe akagira umutima wuzuye ubwoba.

Ubwa kabiri, urupfu ni ugutandukanywa n'Imana ukazaba mu muriro iteka ryose. Ubwo ni ubuzima butagira Kristo iteka ryose. Dukurikije Bibiliya, twese dukwiye urupfu, gutandukanywa n'Imana, kubera ibyaha byacu.

Gushyira uyu murongo mu bikorwa: Ese urumva neza ko ukwiye urupfu, gutandukanywa n'Imana, kubera ibyaha byawe?

3. Impano y'Imana

Bibiliya iravuga mu **Abaroma 5:8** ngo, “**Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha.**”

Intego y'uyu murongo: Kwerekana ko Imana idukunda cyane ku buryo byatumye itanga Umwana wayo Yesu Kristo ngo apfe kubw'ibyaha byacu.

Insobanuro y'uyu murongo: igihembo gihari cy'ibyaha ni kimwe gusa ni urupfu. Yesu kristo yarahanwe, ajyanwa mu rubanza, acirwaho iteka ry'urupfu rwo ku musaraba kugira ngo yishyure igihano twagombaga guhabwa kubw'ibyaha twakoze.

Urupfu rwa Yesu nicyo gitambo cyonyine gihagije kugira ngo umuntu ave mu bubata bw'urubanza rw'ibyaha. Abantu benshi bagerageza kugera ku Mana banyuze mu nzira zitandukanye: Bakishingikiriza ku myitwarire yabo myiza cyangwa se ku bikorwa byabo byiza. Bashobora no kugerageza kugera ku Mana baciye ku batagatifu, ku bigirwamana, ku mashusho, ku myuka runaka se, cyangwa ku bakurambere.

Ibyo umuntu yagerageza gukora byose mu mbaraga ze nta bushobozi bifite bwo kumwezaho ibyaha. Uburyo bumwe gusa umuntu ashobora gushyikirana n'Imana ni uguca muri Yesu Kristo. Yesu amaze gupfira ibyaha byacu ku musaraba, yazutse mu bapfuye anesheje urupfu. Ubu ni muzima kandi arashaka kuba mu mutima wawe.

Gushyira uyu murongo mu bikorwa: Ese wizera ko Yesu Kristo ari we Mwami wawe wenyine, Umukiza wawe n'Umuhuza wawe n'Imana?

4. icyo wakora wowe

Bibiliya iravuga mu **Abaroma 10: 9** ngo, **“Ni watumaze akanwa kawe yuko , ‘Yesu ari Umwami’, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye mu bapfuye, uzakizwa.”**

Intego y’uyu murongo: Kwerekana icyo wakora kugira ngo wakire Yesu nk’Umwami wawe.

Insobanuro y’uyu murongo: Mu kwakira Yesu ugomba gukora ibintu bibiri:

- a) icya mbere, mu kwakira Yesu ugomba kwatura ko Kristo ari we Mwami wawe wenyine. Ugomba kureka ibyaha byawe ugakurikira Yesu. Ibyo bisobanura kwegurira Kristo ubuyobozi bw’ubugingo bwawe. Uko ni ukwihana.
- b) icya kabiri, mu kwakira Yesu ugomba kwizera mu mutima wawe ko Kristo yazutse mu bapfuye kandi ko ari we Mukiza wawe wenyine. Ibyo bisobanura ko ugomba kurekeraho kwizera ibindi bintu nko kwishingikiriza ku ngeso nziza, imirimo myiza, ibigirwamana, amashusho, abatagatifu, abakurambere ahubwo ugashyira kwizera kwawe muri Yesu Kristo nk’Umukiza wawe wenyine.

Gushyira uyu murongo mu bikorwa: Ese witeguye kwatura Yesu nk’Umwami kandi ukamwegurira ubugingo bwawe ngo abe ari we ubutegeka wenyine? Witeguye kureka kwizera ibindi bintu ugaha ubugingo bwawe Kristo aka kanya ngo abe Umwami wawe n’Umukiza wawe?

Bibiliya iravuga mu **Abaroma 10:13** ngo, **“Umuntu wese uzambaza izina ry’Uwiteka azakizwa.”**

Intego y’uyu murongo: Kwerekana ko uwo ariwe wese uzahamagara izina rya Yesu azakizwa.

Insobanuro y’uyu murongo: Ibi bivuze ko ushobora kwakira Yesu aka kanya mu mu mutima wawe mu kwizera.

Gushyira uyu murongo mu bikorwa: Ese witeguye guha ubugingo bwawe Yesu ukamusaba ngo yinjire mu bugingo bwawe nonaha? Niba witeguye senga Imana n’umutima wawe wose iri sengesho.

“Mwami, ndi umunyabayaha. Ndakwizeye Mwami, ni wowe Mwami wanjye wenyine, ni wowe Mukiza wanjye kandi ni wowe Muhuza wanjye n’Imana. Nguhaye ubugingo bwanjye. Ngwino mu mutima wanjye nonaha unkize. Hindura ubugingo bwanjye kandi ubutegeke rwose. Amina.”

Ese wizeye ko Yesu yashubije gusenga kwawe? None ubu Yesu ari he noneho?
Wakijijwe se?

GUTEGURA

INGAMBA ZO KUGWIZA AMATSINDA MASHYA N'AMATORERO MASHYA

GUTEGURA

Iki gice kiravuga mu magambo make inzira Umuvugabutumwa Ufata Iyambere azakurikira, uburyo bune bushobora gukoreshwa mu guha itorero umurongo ndetse n'uruhererekane rw'uburyo bune bwerekana neza uko umuntu atangira itorero biciye mu kwikuba kenshi.

IBUKA: Iyi ntabwo ari gahunda igomba gukurikizwa. Ahubwo ni amahame atanga icyerekezo cyerekana ngamba ki umuntu yakoresha. Ariko mu murimo nyirizina bishobora kuba bitandukanye cyane. Icy'ingenzi ni ugukurikira ubuyobozi bw'umwuka Wera igihe ahagurutse abayobozi bashya bagomba gutozwa kandi akingura imiryango y'aho azatangiza (Umwuka Wera) ibikorwa bishya. Ntukibagirwe na rimwe, komeza gutoza abandi gutoza abandi na bo babatoze gutoza abandi kuzatoza abandi, gutyo gutyo!!!!

- I. Uburyo bune bwo guha itorero umurongo.**
- II. Ibyiciro by'Ivugabutumwa Rifata Iyambere.**

UBURYO BUNE BWO GUHA ITORERO UMURONGO

ICYICIRO CYA I mu gushinga itorero ni uguhera kuri zero kugeza igihe utangiriye guha itorero umurongo rikoreraho. **ICYICIRO CYA II** ni uguha itoreo rishya umurongo. Hari uburyo bw'imikorere bwinshi bukurikizwa mu guha itorero rishya umurongo ariko hano turavugaga bune gusa. Iki gice muri iki gitabo kiranerekana uko wategura ICYICIRO CYA I.

1. ITORERO RY'UBURYO BWAMENYEREWE KUVA KERA

(TRADITIONAL CHURCH)

Ubu buryo bw'imikorere bugendera kuri za gahunda. Uzasanga hari za gahunda nk'inyigisho za Bibiliya zo kucyumweru bita ishuri ryo ku cyumwerushuri (Sunday School). Ibi ntibiri muri Bibiliya. Bakomera cyane ku kintu cy'inyubako, bakaba akenshi baba bagendera ku mabwirizwa ya pastori cyangwa agatsiko gakomeye k'abakuru b'itorero cyangwa abadiyakoni.

2. ITORERO RY'AMASHAMI

(SATELLITE CHURCH)

Ubu buryo bukora bwibanda ku kintu cy'amatorero abyara andi mato nk'amashami yayo akanayatera inkunga. Itorero rikuru ku cyicaro, riba ari ryo rigenga rigaha amabwirizwa muri byose ayo yandi y'amashami. Ayo mashami usanga bakorera amateraniro yabo mu ngo, ku mabaraza y'amaduka, cyangwa bakagira agashapeli gato. Niho basengera bakanahigira Bibiliya n'ibindi. Ariko baba ari abayoboke b'itorero rikuru ryababyaye. Akenshi na kenshi ibyacumi n'amaturu byoherezwa ku itorero rikuru. Ikibazo gikomeye ahangaha ni uko amenshi muri aya matorero y'amashapeli (amashami) ATAGIRA imitekerereze yo kuba na yo yabyara andi matorero keretse gusa igihe azamarira kuba amatorero ashinze imizi cyane. Akenshi kugira ngo bemerwe ko ari itorero rikomeye ryashinze imizi ryashobora kwemererwa gutangiza ayandi ni uko bagomba kuba bafite ubutaka, inyubako y'urusengeru n'umupastori wasengewe. Nyamara ibyo byangombwa byose bisabwa ni ibyashyizweho n'abantu ntabwo bituruka ku Mana.

3. ITORERO RY'UDUTSINDA DUTO

(CELL CHURCH)

Ubu buryo bw'imikorere ni igihe itorero rikuru rigira udutsinda duto duteranira mu ngo, ku mabaraza y'amaduka, mu ma biro n'ahandi. Utwo dutsinda dukorwa hakurikijwe uko abantu batuye cyangwa se bakurikije uko abantu bahuje; nk'amatsinda y'urubiruko, ay'abagore, ay'abagabo n'andi. Mu guterana mu matsinda igishimangirwa cyane ni ubuzima bw'itorero, umushumba akamenya intama ze n'abakristo bakamenyana bagashyira hamwe kandi hakaba gukorera mu mucyo n'umuntu wese uburyo yitwara abandi bakaba babureba bashobora no kumugira inama. Akenshi bakorera Ifunguro Ryera muri ayo matsinda ndetse bashobora no kubatiza ku rwego rw'itsinda. Umulayiki uyoboye itsinda ni we uyobora iyo mihango. Buri cyumweru bagira amateraniro manini cyane abahuza bagahimbaza Imana bakanezerwa.

4. ITORERO “POUCH”

Misiyoneri Curtis Sargaent ni we wahanze ubu buryo bw'imikorere. Amatorero mato atangirirwa mu ngo z'abakristo bashya. YOSE aba ayobowe n'abalayiki hanyuma yamara gukura ageze ku bantu nka 15 akabyara ayandi. Buri tsinda rihurira ahantu mu rugo riba ari itorero ryaho ryigenga. POUCH bisobanuye mu magambo arambuye:

P= Participating(buri wese kugira uruhare)—abagize itsinda bose baza mu nyigisho za Bibiliya, gusenga no gusabana.

O=Obedience(kumvira)—iki ni igipimo cyo kureba uko batera imbere ntabwo ari ukureba uko itsinda ryaguka.


U=Unpaid leaders(abayobozi badahembwa)—abayobozi bose n'abapastori baba ari abalayiki.

C=Cells(amatsinda)—bahurira mu matsinda mato


H=House(inzu) ----amateraniro yabo yo gusenga ni mu ngo cyangwa ku mabaraza y'amaduka abera.

II. IBYICIRO(CYCLES) MU IVUGABUTUMWA RIFATA **IYAMBERE**

ICYICIRO CYA 1




ICYICIRO CYA 2




Icyiciro cya 2 kirakomeza

Aya materaniro ashobora guhuzwa n'amateraniro yo mu cyiciro cya 1 cyangwa rikaba irindi torero riri ukwaryo.




ICYICIRO CYA 3




Mu cyiciro cya 3, amatsinda y'Inkuru Nziza, amateraniro yo gusenga, no gutoza abigishwa mu ivugabutumwa byakagombye kuyoborwa n'abakristo bashya bakirijwe mu cyiciro cya 1 n'icya 2 mu mwanya w'Umuvugabutumwa Ufata Iyambere watangije umurimo

Icyiciro cya 3 kirakomeza




ICYICIRO CYA 4




Ubu noneho abayobozi ba kavukire ni bo bayobora amatsinda yose y'Inkuru Nziza, amateraniro, n'amatsinda y'abigishwa. Iki ni igihe noneho cy'uko abayobozi bashya batowza kuyobora itorero.

Icyiciro cya 4 kirakomeza




Iri rishobora kuba ari itorero rimwe cyangwa amatorero ane atandukanye, biterwa n'imico n'imitere y'ahantu. Abayobozi kavukire bagomba kuyobora ibyiciro byose.

ICYICIRO CYA 5




Itorero rishya ribyara irindi nka ryo

Gukoresha Uburyo bw'Ivugabutumwa Rifata iyambere
Mu gutangira amatorero y'udutsinda duta




**IVUGABUTUMWA RIFATA IYAMBERE
N'ITORERO "P.O.U.C.H"**



Uburyo bwa “OIKOS”

- + Abantu bakiriye Kristo ku bwo guhinduka k’umunyamahoro
Ntaraba umukristo**



UMUGEREKA

**UMUVUGABUTUMWA UFATA IYAMBERE N’UBURYO
YAYOBORA INYIGISHO ZA BIBILIYA MU RUGO
NTA BITABO BYO KWIGISHIRIZAMO AFITE.....84**

**UMUVUGABUTUMWA UFATA IYAMBERE N’UBURYO
YAYOBORA INYIGISHO ZA BIBILIYA MU RUGO NTA BITABO
BYO KWIGISHIRIZAMO AFITE
- BATEGUWE NA THOMAS WADE AKINS**

Ibanga ryo kwiga Ijambo ry’Imana ni Umwuka Wera. Yesu yaravuze muri Yohana 16:13-14 ati, **“Uwo Mwuka w’ukuri naza azabayobora mu kuri kose, kuko atazavuga ku bwe, ahubwo ibyo azumva ni byo azavuga, kandi azababwira ibyenda kubaho. Uwo azanyubahiriza kuko azenda ku byanjye akabibabwira.”** Yesu ni ukuri, kandi Umwuka Wera ni we uguhishurira ukuri mu mutima wawe.

Wari wasoma Bibiliya maze ako kanya umurongo w’ibyanditswe ukagira utya ukamurika mu mutima wawe hanyuma Umwuka Wera akavugana nawe muri wo? Jye bimaze kumbaho kenshi. Hari igihe narimo nca mu bihe bikomeye cyane biruhije. Nari mu cyobo cyuzuye umwijima. Nyamara kandi ku ndiba y’icyo cyobo hari umucyo—umucyo wa Yesu. Ntangira gusoma Ijambo ry’Imana kugira ngo numve ko hari icyo Imana yambwira. Nsoma Yesaya, maze ntangiye gusoma igice cya 43 Umwuka Wera w’Imana amurikisha kure cyane mu bugingo bwanjye umurongo wa kabiri uvuga ngo, **“Nunyura mu mazi nzaba ndi kumwe nawe, nuca mu migezi ntizagutembana. Nunyura mu muriro ntuzashya, kandi ibirimi byawo ntibizagufata...”**. Imana imaze gushyira uku kuri mu mutima wanjye amahoro menshi yatemye nk’uruzi mu bugingo bwanjye. Naringifite iminsi myinshi imbere yanjye yo kugenda mu mwijima no guca mu muriro ariko narinzi ko ntazashya kuko Imana yari yarivuganiye nanjye ubwanjye ikambwira ukuri kwayo.

Ni ngombwa ko umuyobozi yibuka ko ATIGISHA Bibiliya ahubwo ko ayoboye inyigisho gusa. Aba arimo ayobora ku buryo buri wese uri aho akurikira akagiramo uruhare. Ntasoma umurongo ahubwo asaba umwe mu itsinda akawusoma. Ntavuga ibyo yahishuriwe muri uwo murongo, ahubwo abaza ibibazo bibafasha kuvumbura ayo mabanga arimo. Ntababwira uko uwo murongo bawiyerekezaho ahubwo abasaba gutanga ibitekerezo by’ukuntu bawiyerekezaho bakawukoresha ku bugingo bwabo.

Iyo tuyoboye itsinda mu nyigisho za Bibiliya, intego yacu iba ari ukugira ngo twumve uko Imana ivugana natwe mu Ijambo ryayo. Umuyobozi w’itsinda aba akwiye guca muri izi ntambwe zikurikira wenyine mbere y’uko aza guhura n’itsinda. Igihe uzaba urim wiga Bibiliya wenyine, Imana izavugana nawe ibyo ishaka ko ubwira itsinda. Niba ushaka ibisobanuro birushijeho, reba ku rupapuro rwa 57 ahavugaga ku byo “Kumva ijwi ry’Imana” .

Nakugira inama yo gukurikiza izi ntambwe:

Intambwe ya 1: Umuyobozi w’itsinda atoranya igice cy’ibyanditswe bari bwigehe. Ashobora gutangirira ku murongo wa mbere w’igitabo maze akiga buri murongo wa buri gice. Urugero, ushobora guhera ku butumwa bwiza bwa Yohana, igice cya mbere umurongo wa mbere.

Intambwe ya 2: Umuyobozi asaba umwe mu itsinda gusoma umurongo wa mbere.

Intambwe ya 3: Umuyobozi arongeraga agasoma uwo murongo akoresha imvugo y’iki gihe yoroheje. Ni ukuvuga ko avugaga uwo murongo mu magambo ye, atari nk’ayo muri Bibiliya. Asubiramo uwo murongo mu buryo bworoshye kumva.

Intambwe ya 4: Umuyobozi amaze gusoma uwo murongo, abaza ibibazo kugira ngo bacukumbure amabanga awuhishemo. Baza ibi bibazo: Ni nde, Ni iki, Ni ryari, ni hehe, ni ukubera iki, ni gute.

Baza bene ibi bibazo:

1. Uyu murongo uvuga iki ku Mana?
2. Uyu murongo uravuga iki kuri Yesu?
3. Uyu murongo uravuga iki ku cyaha?
4. Uyu murongo uravuga iki ku kumvira?
5. Uyu murongo jye ubwanjye uramvugaho iki?
6. Ni izihe nyigisho, amahame, ziri muri uyu murongo?

Intambwe ya 5: Umuyobozi agomba kwereka itsinda ibindi bice muri Bibiliya cyangwa imirongo bifitanye isano n'ibyo bamaze guhishurirwa muri wa murongo. Mu yandi magambo ni ukuvuga ko abereka ibice muri Bibiliya birushaho gusobanura neza no kumvikanisha ibyo wa murongo wabigishije.

Intambwe ya 6: Umuyobozi yiyerekezeho wa murongo. Umurongo uwikoresheho usimbuza izina ryawe ahari abandi cyangwa abantu muri rusange. Muganire ku kuri kuri muri uwo murongo mu buryo mubiyerekezaho kandi uwukoreshe no kuri buri muntu mu itsinda. Baza iki kibazo buri muntu: Wowe ibi tubonye muri uyu murongo ku rwawe ruhanda bimeze bite? Uyu murongo wowe urakubwira iki ku giti cyawe? Kandi uhe buri wese akanya ko gusubiza.

Intambwe ya 7: Umaze gukurikiza izi ntambwe ku murongo wa mbere, komereza ku murongo wa kabiri, gutyo gutyo wige buri murongo w'igitabo cyose

Step 8: Kwiga birangiye uyobore itsinda mu isengesho kandi usenge ukurikije ibyo mwavumbuye mu byanditswe mwizeho.

URUGERO

Intambwe ya 1: Toranya igitabo cyangwa igice. Hano dutoranyije Ubutumwa bwiza bwa Yohana.

Intambwe ya 2: Saba umuntu umwe mu itsinda asome umurongo wa mbere. Yohana 1:1, “**Mbere na mbere hariho Jambo, Jambo uwo yahoranye n’Imana kandi Jambo yari Imana**”.

Intambwe ya 3: Wusubiremo mu magambo yawe. Uyu murongo uravuga ko mu ntangiriro hariho Umuremyi kandi yari kumwe n’Imana kandi nawe ubwe akaba ari Imana.

Intambwe ya 4: Ibibazo:

1. Uyu murongo uravuga iki ku Mana? Iriho uhereye mbere na mbere. Ni Jambo.

2. Uyu murongo uravuga iki kuri Yesu? Nusoma umurongo wa 14 urasanga ko Jambo ari Yesu. Nuko rero Yesu Kristo ni Imana.

Intambwe ya 5: Soma indi mirongo bisa. Yohana 1:14 haravuga ngo, **“Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe (tubona ubwiza bwe busa n’ubw’Umwana w’ikinege wa Se), yuzuye ubuntu n’ukuri.”**

Baza ibibazo byose ushobora gutekereza ureke itsinda abe ari bo babisubiza—si umuyobozi ubisubiza.

1. Ni nde wabaye umuntu? Yesu
2. Ni nde wabanye natwe? Yesu
3. Ni nde wabonye ubwiza bwe? Yohana, wanditse iki gitabo.
4. Ni iki Yohana yabonye muri Yesu? Ubwiza bwe.
5. “Ubwiza bwe” bivuga iki? Ni ukuvuga ko yari ashyizwe hejuru ahawe icyubahiro.
6. Ni iki kindi Yohana yabonye muri Yesu? Ko yavuye kuri Se.
7. Ni iki kindi Yohana yabonye muri Yesu? Ko yari yuzuye ubuntu.
8. Ubuntu ni iki? Ubuntu ni uko Imana idukorera ibyiza tutari dukwiye. Yesu ni ubuntu.
9. Ukuri ni iki? Ukuri ni ikinyuranyo cy’ikinyoma. Yesu yuzuye ukuri agendera mu kuri kandi n’ibyo yavuze byose ni ukuri.

Intambwe ya 6: Koresha uwo murongo. Uyu murongo uratwigisha iki? Ni izihe **nyigisho dukuramo?** Zigire izawe bwitel. Umuyobozi agomba guha akanya itsinda bagasubiza.

Bimwe mu byo dukuramo:

1. Imana iriho uherye mbere na mbere.
2. Ntigira itangiriro ntigira n’iherezo.
3. Ihoraho iteka.
4. Yesu ni Imana.
5. Yesu ni we waremye isi.
6. Yesu yarandemye (mu kwiyekeze).
7. Yesu yuzuye ubuntu n’ukuri. Yesu yampaye ibyo ntarinkwiriye. Yesu anyigisha iby’ukuri. (Ibuka gukoresha insimbuzina bwite.)

Intambwe ya 7: Soma umurongo ukurikiyeho na none ugenze nk’uko wagenje kuwa mbere. Komeza ukoresha ubu buryo maze wige igitabo cyose icyumweru ku kindi. Nurangiza Yohana ufate ikindi gitabo na bwo ukoreshe ubu buryo.

Intambwe ya 8: Sozeshya isengesho ariko usenge ukurikije ibyo Imana yabahishuriye mu gice mwize n’itsinda ryawe.

Ibi ni ibintu byinshi byiza wakoresha igihe uyoboye inyigisho za Bibiliya. Ariko ni na byiza gukoresha Bibiliya yonyine, ubaza ibibazo nk’ibyo wabonye haruguru

n'ibindi Umwuka Wera ashobora gushyira umuntu mu mutima. Ntukananirwe na rimwe kuyobora inyigisho za Bibiliya witwaje ngo nta bikoresho ufite. Hishurirwa ibyishimo biri mu kureka Umwuka Wera akamurikisha amagambo ye mu mutima wawe.